

**GUHAGURUTSA
BA ESITERI
BO MURI IKI GIHE**

IMFASHANYIGISHO KU ITERAMBERE RUSANGE RY'UBUYOBOZI
KU BAGORE



CONNIE PARKER

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE
IMFASHANYIGISHO KU ITERAMBERE RUSANGE RY'UBUYOBOZI
KU BAGORE

Nta muntu wemerewe kugurisha iki gitabo keretse umuryango Global Advance. Uruhushya rwemewe ni ugukuramo inyigisho zihugura umuntu ku giti cye, kandi izo nyigisho zikuwemo zigatangirwa ubuntu, nta kiguzi.

Uretse aho byavuzwe ukundi, imirongo y'ibyanditswe iva mu ngeri ya Bibiliya yanditswe mu Cyongereza kigezweho. **Copyright © 2001 by Crossway Bibles, a publishing ministry of Good News Publishers.** (I suggest this sentence may stay in English. Because the professionalism does not permit translation of a copyright but if you want me to do so, no worries!)

© *Connie M. Parker*

IBIKUBIYEMO

IRIBURIRO.....4

INTANGIRIRO.....5

UWO NDI WE

1. Uwo ndi we muri Kristo.....7

2. Kugendera mu Mwuka.....15

3. Kugaragaza ishusho y'Ubuzima bwanjye.....21

4. Guhangana n'Igihe cyanjye cyahise.....28

IMIBANIRE YANJYE

5. Kugaburira imibanire yanjye n'Imana.....35

6. Umuyobozi ukorera abandi.....48

7. Indangagaciro, Ibiri ngombwa, Gushyira mu gaciro.....56

8. Imishyikirano, Imiterere y'Abantu, Imibanire myiza.....63

UBUYOBOZI BWANJYE

9. Kuyoborera aho Imana yagushyize.....73

10. Gukorera mu ikipe – Urufunguzo rw'Ubuyobozi.....79

11. Wahamagariwe gukurikira.....86

12. Gutekereza, Kwizihiza, Kwiyeemeza.....94

IRANGABITABO.....99

IRIBURIRO

Nshuti bakundwa,

Mwahamagriwe umugambi ukomeye!

Iki gitabo ugihabwa n'umuryango Global Advance kigamije kugufasha kubaka kwizera kwawe no guhindura abandi kuri Kristo.

Abantu benshi bazakoresha iki gitabo babayeho mu mico aho abagore batsikamirwa cyane. Turifuza ko wamenya yuko lana igutekerezaho cyane. Waremwe mu ishusho yayo. Imana iragukunda kandi ishaka gukoresha ubuzima bwawe ngo buzane impinduka.

Nka Esiteri, uhamagawe mu gihe nk'iki. Ntabwo ari impanuka kuba uriho muri iki gihe cy'amateka mu mwanya Imana igufiteho. Irashaka kugukoresha ngo uhindure abandi ku bw'imigambi ye.

Turagusengera ngo ugire umwete n'ubushobozi bituma uhindurira abandi ku byiza. Uri ingenzi cyane mu mugambi w'Imana, mu muryango wawe, mu gace utuyemo, mu gihugu cyawe no mu isi!

Twishimiye inshingano,

Jonathan Shibley, Perezida w'umuryango - Global Advance

Whitney Daugherty, Umuhuzabikorwa w'umuryango - The Esther Initiative

INTANGIRIRO

¹⁸Nuko Yesu arabegera avugana na bo ati “Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi. ¹⁹Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera, ²⁰mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi. (Matayo 28:18 – 20)

Aya mabwiriza ya Yesu yahaye abigishwa be, igihe yari agiye kuva mu isi ni yo mutima w'iki gitabo. Wabonye ko atasabye abigishwa be basaga n'abashobewe ko bakwiye kuyobora abantu ku gakiza no kubasezeranya kuzaba mu ijuru? Ahubwo basabwe “guhindura abantu bo mu mahanga yose abigishwa ... mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose,” iki ni ikibazo gikomeye cyane! “Guhindura abantu abigishwa” bidusaba gukingura ubuzima bwacu maze tukitanga ntacyo twisigarije ngo dukore umurimo wo kuyobora no gukunda abandi, tubatera intege zo kubaho buri muni bumvira kandi bafitanye ubusabane n'Umuremyi w'isi, Umukiza w'ubugingo bwacu.

Nishimiye cyane kandi ngirirwa ubuntu bwo kukwandikire iki gitabo, kugira ngo ngusangize urugendo rwanjye rw'ubuyobozi. Amasomo amwe nayigiye mu kwitegereza no gukurikiza amabwiriza y'abayobozi benshi bashoboye nahuye nabo, bimwe mbisoma mu bitabo ibindi mbyumvira mu masemineri no mu bibwiriza, nkabikurikiza mu “nzira ncamo”. Ibindi nabyo nabyigiye mu byo nakoze n'ibyo ntakoze neza.

Nemera ntashidikanya ko amahame ari ibanze kandi ntabwo ntangiye mvuga ibikubiye muri iyi ngingo, ariko naguhaye n'izindi nyandiko k' “ubushakashatsi bwimbitse” mu gihe wahura n'ingingo runaka igushyira mu rujijo cyangwa igushishikaza cyangwa ifitanye isano n'ibyo ubayemo.

Aya masomo nayandikiye cyane cyane abo bifuzaga imfashanyigisho zigenewe abagore zivugaga ku buyobozi bwo muri Bibiliya. Ingero n'ubunararibonye bituruka mu buryo umugore abonamo ibintu. Niba uri umugore w'umukristo uri mu buyobozi ukaba ushishikajwe no guteza imbere urubyarwo ruzakurikira rw'abayobozi b'ubwami bw'Imana, ndagutera intege zo gukoresha aya masomo nk'umuyoboro w'amahugurwa y'ubuyobozi ari mu byiciro cumi na bibiri. Niba uri umugore ugutangira urugendo rwawe rw'ubuyobozi, ndakwinginga gushaka abandi mumeze

kimwe maze mwese hamwe muzane umutoza uzi Imana uzabasangiza ku bumenyi bwe n'ubunararibonye afite.

Nizeye ntashidikanya ko uziga aya masomo "hamwe n'abandi", uri hamwe n'umuntu musoma mugatekereza kuri iki gitabo mugashyira imbere guhura haba kuri murandasi (interne) cyangwa imbona nk'ubone kugira ngo musangire ibitekerezo, ubunararibonye, n'ubumenyi maze muterane intege.

Ubuyobozi bushobora gushingira ku byo wanyuzemo byagucishije bugufi. Niba utiyumva nk' "umuyobozi wabivukanye" uhuje n'abandi; Mose, Gidiyoni cyangwa Dawidi nabo ntibiyumvaga gutyo, ariko Imana yabahisemo kugira ngo bayobore ibihumbi by'abantu. Inkuru nziza ni uko Imana itadusaba guhindura abantu abigishwa kugira ngo badukurikire, ahubwo ni ukubagira abigishwa dushobora kuyobora kugira ngo bayoboze Yesu, Ari nawe "uri kumwe natwe iminsi yose" ufite "ubutware bwose mu ijuru no mu isi!"

Ndasenga ngo ubwenge n'ubwiza bye bituyobore twese mu gihe twifuza kumukurikira!



ISOMO 1: UWO NDI WE MURI KRISTO

Rimwe mu mategeko ya mbere y'ubuyobozi ni ukugena uwo uri we, n'aho ugana. Atari ibyo, wowe n'abagukurikiye mwaba muri kuzerera bikomeye nk'abadafite intego, kandi ntacyo mwageraho. Nk'abakristo, umwirondoro wacu muri Kristo urasobanutse. Turi umunyu w'isi, umucyo w'isi, intumwa za Kristo, umubiri We, abami n'abatambyi, ishyanga ryera. Ariko se Imana ivuga ko ndi nde? Imbona gute? Ndabizi ko "navutse ubwa kabiri" (Yohana 3:3). Ese ibyo bihindura uwo ndi we? Niba ari byo, ni gute bihindura uwo ndiwe, cyangwa ni gute bitampindura uwo ndi we? Pawulo yatanze ibisubizo by'ibi bibazo mu buryo bukomeye mu Abefeso, urwandiko yandikiye "abera ... bizera Kristo." Harimo natwe!!

1. **Ndi umunyamugisha:** "Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ari yo na Se ishimwe, kuko yaduhereye muri Kristo imigisha yose y'umwuka yo mu ijuru" (Abefeso 1:3). Ijambo "ishimwe" mu Kigiriki ni "eulogeo" (ibuka ijambo "eulogy") risobanura "kuvuga umuntu neza." Ndashima ("ndavuga neza Imana") yampaye umugisha ("yamvuze neza"). Ese bitangaje gute kuba Imana

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

yaravuze mu mbaraga zayo isi n'ijuru bikabaho bivuye mu busa, yatuye "imigisha yose y'umwuka" ku buzima bwanjye muri Kristo? Igihe nacikaga intege cyangwa mbabaye, ndetse numva ntacyo mfite ntanga, Yamvuze neza, iranshima, maze impa umugisha hamwe n'imigisha yose y'umwuka". Mu Isezerano rya Kera basekuruza baturaga imigisha ku bana babo. Uribuka inkuru ya Yakobo ahesha umugisha abuzukuru be mu Misiri, n'imigisha ya Dawidi kuri Salomo? Hari imbaraga zirema mu mugisha, kandi Imana, Data

wacu, yatwatuyeho imigisha, idusakazaho imigisha yose y'umwuka. Urumva ubusobanuro bw'ibyo bintu!!

2. **Naratoranijwe:** “k'uko yadutoranirije muri we isi itararemwa, kugira ngo tube abera tutariho umugayo imbere yayo” (Abefeso 1:4a). Imana yo ubwayo yarantoranije. Ntitaye uko umuntu yantekerezaho cyangwa yamvuga, ntabwo nabaye impanuka, inyongezo cyangwa ikosa. Nubwo ababyeyi banjye babajwe nuko navutse ntari umuhungu, Imana yampisemo ngo mbe uw'igitsina gore, umugore umeze nk'uko umutima wayo ushaka. Kandi ntibyabaye ku munota wa nyuma, ntabwo wabaye umwanzuro uhutiyeho. Natoranijwe mbere y'urufatiro rw'isi. Imana yanteranirije mu nda ya mama (Zaburi 139:13). Ijambo ry'Ikigiriki rivuga “gutoranya” ni “eklegomai” bisobanura, “kwihitiramo, gutora.” Imana yarantoranije maze ingira uwayo. Ku isoko, iyo turi guhitambo imbuto, dutoranya inziza cyane, zihebuje, ziboneye, ariko kenshi ntitudushingira ku miterere y'izo mbuto, ahubwo dushingira ku bushobozi bw'izo mbuto ndetse tukazitoranya bitewe n'intege runaka tuba dufite. Gutoranywa kwacu n'Imana ntibigomba kuba isoko yo kwirata kuko Imana itoranya abantu isi ibona ko ari abaswa n'abanyanteye nke. (1 Abakorinto 1:27). Ahubwo bigomba kuduhumekerwamo, bikaduha icyizere kandi bikadutera intege, ndetse bigatuma dupfukama kuko tuba tumenye ko twisunze Imana (2 Abakorinto 12:9).
3. **Narakunzwe:** “Kuko yagambiriye kera ku bw'urukundo rwayo” (Abefeso 1:4b, 5). Imirongo y'lbyanditse amagana ivuga ku rukundo ruhebuje rutagira iherezo Imana ifitiye buri umwe mu bana bayo, ariko nta murongo ubivuga neza cyane kurusha uwo mu Abaroma 8:38, 39 no mu Abaroma 5:7, 8 havuga ngo: ³⁸ *kuko menye neza yuko naho rwaba urupfu cyangwa ubugingo, cyangwa abamarayika cyangwa abategeka, cyangwa ibiriho cyangwa ibizaba, cyangwa abafite ubushobozi,* ³⁹ *cyangwa*

ISOMO 1: UWO NDI WE MURI KRISTO

*uburebure bw'igihagararo, cyangwa uburebure
bw'ikijyepfo, cyangwa ikindi cyaremwe cyose,
bitazabasha kudutandukanya n'urukundo rw'Imana ruri
muri Kristo Yesu Umwami wacu.*

*7 kugira ngo umuntu apfire umukiranutsi, nkanswe
umunyabyaha. icyakora ahari byashoboka ko - umuntu
yatinyuka gupfira umunyangeso nziza, - 8 ariko Imana
yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo
yadupfiraga tukiri abanyabyaha.*

Bamwe muri twebwe dushobora kuba tutarigeze kumenya urukundo ruhambaye rwa ba data mu buryo bw'umubiri maze urukundo rw'Imana tukaba twarubona nk'inzizi zidashoboka, nyamara imbere mu mwuka uri muri twe turwifuzaga cyane – urukundo rufite imbaraga, rudashingiye ku kintu na kimwe, rugira impuhwe, rwiza, rugira ubuntu, rubabarira, kandi rugira neza. Imana yatanze urwo rukundo n'ibindi byinshi. Bamwe muri twebwe dushobora kuba twaragize imibabaro maze tukibaza ngo, “Niba Imana inkunda, kandi ikaba ifi imbaraga, kuki yabyemeye?” Imana ishaka ko tumenya yuko mu mibabaro yacu, yari kumwe natwe, kandi ko yababaranye natwe. Imana iduhamagarira kuyiyambaza no kwakira urukundo rwayo n'imbaraga zayo zikiza. Abandi, nka njye bashobora kuba baramenye urukundo rwa ba se beza kandi bagira imbabazi. Jyewe byaranyoroheye cyane kwizera Data wo mu ijuru wuzuye ubwenge n'imbabazi. Kuko nabibonaga mu ishusho ya data umbyara nemeraga cyane. Ariko sinzigera nibagirwa umunsi nari ndwariye mu rugo, maze Imana ikavugana nanjye ngo; “Ndifuzaga kuba So.” Byabaye nk'ibipimo biguye biturutse mu maso yanjye, maze muri ako kanya Imana ihinduka isoko ihoraho y'imbaraga n'ubuturo n'ukuri

UBUSOBANURO

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

Ntabwo nigeze ndeba inyuma. Niba wifuza cyane kumenya ko Imana Data igukunda ntacyo ishingiyeho, yisabe kuguhishurira uko kuri mu mutima wawe, maze utangire kuyitumbira buri muni mu gihe wisanze ahantu utari witeze.

4. **Nahindutse umwana:** “Kuko yagambiriye kera ku bw'urukundo rwayo ko duhinduka abana bayo, tubiheshejwe na Yesu Kristo ku bw'ineza y'ubushake bwayo” (Abefeso 1:5). Ntabwo Imana yantoranyije, impe umugisha kandi inkunde gusa, ahubwo yampinduye umwana wayo mu muryango wayo maze impa umurage. (Yohana 1:12; Abefeso 1:11; Abagalatiya 4:6, 7)! Mbega ukuntu bitangaje cyane kuba mu muryango w'Imana, nkabasha guhura na bashiki na basaza banjye bari hirya no hino mu isi. Dushobora kutavuga ururimi rumwe cyangwa kudahuza umuco, ariko dufite Data umwe, Umukiza umwe, n'Umwuka umwe uduhuriza mu rukundo maze buri wese akita ku wundi.
5. **Naremewe:** “kugira ngo ubuntu bwayo butagira akagero bushimwe, ubwo yaduhereye mu Mukunzi wayo.” (Abefeso 1:6). Ijambo “kwemerwa” mu Kigiriki ni “charitoo” bisobanura “kwishimirwa, kunezererwa.” Ahandi hantu hamwe gusa iri jambo ry'Ikigiriki ryakoreshejwe ni mu Isezerano Rishya, muri Luka 1:28 igihe marayika yasuhuzaga Mariya akamubwira ngo, “uhiriwe.” Imana yaranyishimiye mu Mukunzi wayo. Yaranezerewe. Iranyemera. Imana ivuga ko ndi uhiriwe. Abagore bakunda kumara igihe bari kumwe n'umuryango n'inshuti. Dukunda kumva inkuru zitwerekeyeho no kuzisangira, tuzibwirana. Ubusabane ni ingenzi cyane kuri twebwe nk'abagore kuko bidutera intege kandi bigafasha ubugingo bwacu – bitabaye ibyo, ntacyo byaba bimaze. Kwangwa ni ukubabara kabiri; ibikomere biba byiyongera. Mbega ukuntu ari byiza cyane kumenya ko Umwami w'abami adukunda kandi atwemera uko turi. Ntazigera adusiga cyangwa atwihisha. Adusaba kwegera intebe ye tudatinya (Abaheburayo 4:16). Iyo nsenga, nshushanya intebe nziza, y'izahabu y'Imana yicaye mu ijuru kandi ishyizwe hejuru. Uko negera ku irembo ni ko mu maso he harabagirana huzuyemo umunezero kandi mbona Imana itanyakira gusa nk'umunyabyaha ukeneye kugirirwa neza, ahubwo irambura amaboko yayo cyane kugira ngo mbase kwirukanka ngana kuri Data nkakira ikaze rye ryuzuyemo ubwuzu. “naremewe”, “ndahiriwe” kandi “ndishimiwe”.
6. **Naracunguwe:** “Ni we waduhesheje gucungurwa ku bw'amaraso ye”

ISOMO 1: UWO NDI WE MURI KRISTO

(Abefeso 1:7a).

Ijambo gucungura mu Kigiriki ni “apolytrosis.” Iri jambo rikaba rikomoka ku rindi jambo risobanura “guhambuka” cyangwa “gufungura” ari byo bisobanura kubohora abari mu gereza, gufungura ibyari bifungiranye, no kumena ibihome. Mu gitabo cya Rusi, tuhabona ishusho isobanutse y’ijambo gucungurwa. Mu gihe cya Rusi, iyo umuryango wabaga warasenyutse, “umuntu wa bugufi mu muryango ni we wafataga inshingano [kuri Rusi ni Bowazi] ... wagombaga gucungura ubuzima bw’abagize umuryango cyangwa akabakorera ibyiza kugira ngo abakure mu bubata” (Kittel, 1964, p. 330). Igihe umuntu yagwaga, twagurishijwe mu bubata bw’icyaha; maze duhinduka abaretwa b’icyaha (1 Abakoritno 15:22; Abaroma 6:16 – 22). Ariko Imana, binyuze mu maraso ya Yesu, yishyura ikiguzi cyo kuducungura kugira ngo itubohore imbaraga z’icyaha. Imana yasenyeye ibihome bya gereza y’icyaha twari dufungiranyemo, maze itugarura mu muryango wayo (Romans 6:18). Inkuru ya Rusi ni inkuru yacu. Yesu, ni Bowazi wacu, ni Umucunguzi wacu wa bugufi, yishyuye ikiguzi cyo kuducungura, kugira ngo atugarure mu busabane bwacu na Data wo mu ijuru.

7. **Narababariwe:** “Ni we waduhesheje ... ari ko kubabarirwa ibicumuro byacu nk’uko ubutunzi bw’ubuntu bwayo buri” (Abefeso 1:7b). ejo hahise haribagiranye! N’ibyabaye byose!! Ubu nagizwe uwera kandi ukiranuka mu maso y’Imana. “kuko yanyambitse imyambaro y’agakiza, akamfubika umwitero wo gukiranuka.” (Yesaya 61:10). Nambaye “umuntu mushya waremewe ibyo gukiranuka no kwera bizanywe n’ukuri nk’uko Imana yabishatse.” (Abefeso 4:24). Nka Abruhamu, Nizeye “Imana, bimpwanira no gukiranuka” (Abaroma 4:3). Nshobora kunga mu byo Dawidi yavuze agira ati, “Hahirwa uwababariwe ibicumuro bye, Ibyaha bye bigatwikirwa. Hahirwa umuntu Uwiteka atabaraho gukiranirwa, Umutima we ntubemo uburiganya.” (Zaburi 32:1, 2). Ijambo “Ibicumuro” mu Giheburayo ni “pesa” bisobanura “icyaha cy’ubwigomeke,” (“Nari mbizi ko atari byiza ariko mpitamo kubikora nta kundi”). Kabone n’ibyo byaha Imana irabibabarira. Dawidi yakozwe icyo cyaha, yari abizi. Uko ni ko Imana yambabariye n’ibindi “byaha” byanjye byose (“chataa”) nakoze no “gukiranirwa” cyangwa ibyaha by’ubwihebe (“avon”) by’umutima wanjye. Igihano cy’ibyaha byanjye cyishyuye n’amaraso ya Yesu kandi mfite

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

DTES

Ubwishingizi ko “Ninatura ibyaha byanjye, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kumbabarira ibyaha byanjye no kunyezaho gukiranirwa kose.” (1 Yohana 1:9). Nta kintu na kimwe nakora kugira ngo mbabarirwe. “Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe; ahubwo ni impano y'Imana. Ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira (Abefeso 2: 8, 9).

8. **Nicaranye na we ahantu ho mu ijuru:** He “nuko ituzurana na we, itwicaranya na we mu ijuru mu buryo bw'umwuka turi muri Kristo Yesu” (Abefeso 2:6). Mu gihe cyo kugeragezwa kwe imbere y'umutambyi mukuru, Yesu yatanze ubu buhamya “Ariko uhereye none, Umwana w'umuntu azaba yicaye iburyo bw'ubushobozi bw'Imana” (Luka 22:69). Yesu yari azi aho agiye kandi yatuzamukanye nawe. Aya magambo asobanura iki? Muri Kristo twahawe ubutware hejuru y'Umwanzi. Noneho rero dufite inshingano zo gukoresha ubwo butware mu izina rya Yesu.

9. **Narahamagawe:** “mumenye ibyo mwiringizwa n'iyabahamagaye, mumenye n'ubutunzi bw'ubwiza bw'ibyho azaraga abera” (Abefeso 1:18). Nahamagawe na we kugira ngo mbeho mfite ibyiringiro!!

KUZIRIKANA:

1 Yohana 3:2 Bakundwa, ubu turi abana b'Imana ariko uko tuzamera ntikurerekanwa. icyakora icyo tuzi ni uko Yesu niyerekanwa, tuzasa na we kuko tuzamureba uko ari..

Abefeso 1:3–6 3 Imana

ISOMO 1: UWO NDI WE MURI KRISTO

y'Umwami wacu Yesu Kristo, ari yo na Se ishimwe, kuko yaduhereye muri Kristo imigisha yose y'umwuka yo mu ijuru, ⁴ nk'uko yadutoranirije muri we isi itararemwa, kugira ngo tube abera tutariho umugayo imbere yayo. ⁵ Kuko yagambiriye kera ku bw'urukundo rwayo ko duhinduka abana bayo, tubiheshejwe na Yesu Kristo ku bw'ineza y'ubushake bwayo, ⁶ kugira ngo ubuntu bwayo butagira akagero bushimwe, ubwo yaduhereye mu Mukunzi wayo.

UKURI KW'INGENZI:

Ndi umunyamugisha. Naratoranijwe. Narakunzwe. Nahindutse umwana. Naremewe. Narababariwe. Nicaranye na we ahantu ho mu ijuru. Narahamagawe.

IGISUBIZO CYAWE:

1. Hitamo ibintu bitatu by'ukuri kuri uru rutonde bigushishkaje cyane mri kano kanya. Kumenya byimbitse buri kimwe muri ibyo bintu bihinduye ute uko witekerezaho, uko utekereza Imana n'uko utekereza abantu witaho cyane mu buzima?

a. _____

b. _____

c. _____

2. Ni ikihe muri ibyo bintu kikugoye kwizera? Ni iyihe ntambwe y'ibikorwa ushobora gutangira gutera ejo kugira ngo urusheho kwemera uku kuri nk'ukwawe? Biroroshye cyane, ushobora gusenga buri muni kugira no Imana iguhishurire kandi yemeze uko kuri mu mutima wawe, cyangwa ushobora gufata icyemezo wiga Bibiliya ugashingira cyane ku cyo Ijambo ry'Imana rivuga, cyangwa ugatera indi ntambwe Imana yishyize ku mutima wawe wenyine.

3. Ni ikihe muri ibi bintu kikoroheye kwemera, kandi kuki utekereza ko cyoroshye kwemera? Hari igihe umurongo w'Ibyanditswe, cyangwa inyigisho za Bibiliya, cyangwa ubunararibonye bwawe, cyangwa guhishurwa kuvuye ku Mana, cyangwa ikindi kintu byakwemeje uko kuri mu mutima wawe?

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

KU BUNDI BUSHAKASHATSI:

He Loves Me by Wayne Jacobsen (Jacobsen, 2000)

Believing God by Beth Moore (Moore, 2004)

The Blessing by Smalley and Trent (Smalley & Trent, 1986)



ISOMO 2: KUGENDERA MU MWUKA

JYEWE MUSHYA: UMUBIRI, UBUGINGO, N'UMWUKA

Imana yaremye buri wese muri twe dufite ibice bitatu bitandukanye ariko ifite aho bihurira – umwuka, ubugingo, umubiri (1 Abatesalonike 5:23). Niba dutekereza ko ubugingo bwacu ari nk'ibitekerezo byacu, ibyifuzo n'imbamutima, ndetse umwuka wacu ukaba ari nk'ishingiro ryo kubaho kwacu hano hari uburyo bworoshye bwo kubishushanya:

Igihe nahindukaga umukristo, umwuka wanjye ni we wahindutse mushya (2 Abakorinto 5:17). Umubiri wanjye wagumye uko uri, ntiwiyongereye ibiro cyangwa ngo bigabanuke, cyangwa ngo bihindure ibara ry'umusatsi, kandi ubugingo bwanjye (ibitekerezo, ubushake, n'imbamutima) nabyo ntibyahindutse mu by'ukuri. Niba ntari nzi imibare mbere yuko mpinduka umukristo, ni nako nakomeje kumera nyuma yaho. Niba nari umunyamuhati mbere yuko mpinduka umukristo; ni nako nakomeje kuba nyuma yaho. Niba kandi naragize ihungabana ku mbamutima mbere

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

yuko mpinduka umukristo, uko ni nako nakomeje kumera nyuma yaho. None ni iki cyahindutse gishya? Umwuka wanjye!! Ku gakuza, Imana yanshyizemo akuma gatuma tuvugana – yagashyize



mu mwuka wanjye. Abaroma 8:14 havuga ko nk'umwana w'Imana nkwiye kuyoborwa n'Umwuka w'Imana. Ibyo bibaho gute? Umwuka w'Imana uvugana uvugana n'umwuka wanjye, akenshi bibaho mu ijwi rituje kandi rito cyane (1 Abami 19:11, 12). Ariko nubwo umwuka wanjye ushaka gukurikira icyo Imana imbwira gukora, ibitekerezo byanjye,

ubushake, imbamutima n'umubiri byanjye ntibirekura umwanya wabyo wo gutegeka hatabayeho intambara.

GUHINDURA BUSHYA IBITEKEREZO BYANJYE

Ngomba gutangira umurimo wo guhindura bushya ibitekerezo byanjye, (Abaroma 12:2) nsoma kandi ntekereza ku Ijambo ry'Imana, kandi nkaryiga mbifatanyije no gusenga kugira ngo menye imiterere y'Iana n'imigambi yayo. Nshobora kandi gutera intege umwuka wanjye nkawukomeza mbifashwa no gusenga, ndirimba mu mwuka kandi nsenga mu mwuka (Yuda 20). Uko umwuka wanjye ukura, ni ko urushaho no gutegeka bugingo bwanjye (ibitekerezo, ubushake n'imbamutima) ndetse n'umubiri wanjye. Nk'uko Ijambo ry'Imana rihindura bushya ibitekerezo byanjye, ni nako bitangira guhura n'umwuka w'Imana (Yohana 15:3).

Ariko inkuru nziza n'inkuru mbi ni uko ibitekerezo byanjye bihindurwa bishya n'icyo mbigaburira. Niba mbigaburiye ijabo ry'Imana n'ibitekerezo by'Imana, bihindurwa bishya ku bw'Imana. Niba nkomeje kugaburira ibitekerezo byanjye umwanda, ibiteye isoni byo kuri televiziyo, mu bitabo, sinema, umuziki, ibinyamakuru, ibiganiro, n'ibindi bintu bibi, guhindurwa bushya kw'ibitekerezo byanjye bikorwa buhoro kandi mu buryo bunanije.

Byongeye kandi kuyobora ibyinjira mu bwonko bwanjye, ngomba kwiga kwemerera umwuka wanjye gutegeka ibitekerezo zanjye. Abafilipi 4:8 havuga ngo "Ibisigaye bene Data, iby'ukuri byose, ibyo kubahwa byose, ibyo gukiranuka byose, ibiboneye byose, iby'igikundi byose n'ibishimwa byose, nihaba hariho ingeso nziza kandi hakabaho ishimwe abe ari byo mwibwira." Ikibabaje ni uko, iyo dutekereje ibintu bibi, tuvuga n'amagambo mabi, ibyo kandi bikatuyobora ku bikorwa bibi (Imigani 23:7 ingeri ya Bibiliya yitwa KJV). Kujya hasi ntaho wabicikira.

Nk'umubyeyi ukiri muto, w'abana babiri bagitangira kwiga nahuye n'ibibazo birebana n'iy'ingingo. Atari igitekerezo cy'umutimanama, muri cya gihe cyo guhindurira umwana iranji kandi wihanagura ku mazuru, nashoboraga kwisanga ndigutekereza abantu nabi

ISOMO 2: KUGENDERA MU MWUKA

n'ibihe by'ubuzima bwanjye. Ntabwo natekerezaga uburyo ibitekerezo byanjye bishobora kuja hasi vuba cyane. Umunsi umwe niho nibonye meze nk'uri gukinira mu rubura ariko naguye muni y'umusozi, maze nibuka gusenga muga nti, "Uwiteka, iyo umenyeshya ib bitekerezo bibi igihe nari nkiri ku gasongero ku musozi, byari kunyorohera guhagarika kuwumanuka nywunyereraho." icyo gihe natangiye iminsi yanjye nsenga iryo sengesho, kandi Imana yabaye iyo kwizerwa imenyeshya bwa kabiri iryo tandukaniro mu mwuka wanjye. "Ntugende hariya." Ku bw'ibyo nahishuye ko niba ntangiye gusubiramo lbyanditswe, cyangwa kuririmba indirimbo yo kuramya Imana, cyangwa gushyiramo umuziki uhimbaza Imana bishobora guhembura umwuka wanjye nkongera nkaba "uwera kandi wo gukundwa." Ntabwo tugomba kwicira urubanza mu gihe twisanzwe turi gutekereza nabi, ariko tugomba kwihana. Gutekereza nabi ni icyaha kuko biciye ukubiri n'Ijambo ry'Imana (Abafilipi 4:8). Saba Umwuka Wera kukubuza mu gihe cyose utangiye gutekereza nabi (Yohana 16:7,8). Ntugerageze kurwana urugamba rw'ibitekerezo ku giti cyawe. Arahari kugira ngo agufashe. Musabe ubufasha, kandi ukomeze. Tangira kwatura ijamba ryo mu Abafilipi 1:6 uvuga ngo "Iyatangiye umurimo mwiza muri jye izawuranga rwose." Nshobora kwiga kugira ibitekerezo byiza mu buzima mbayemo.

GUCISHA BUGUFI KWIFUZA KWANJYE N'IMBAMUTIMA ZANJYE

Ntabwo ari ibitekerezo byanjye gusa bigomba guhindurwa bishya, ahubwo n'ibyifuzo byanjye bigomba kumenya gucira bugufi umwuka w'Imana. Pawulo yabivuze muri ubu buryo, "Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshya no kwizera Umwana w'Imana wankunze

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

UBUSOBANURO



akanyitangira (Abagalatiya 2:20). Buri muni, ibyifuzo byanjye bigomba “kubambwa”, kugira ngo ntangire guhitamo inzira y’Imana. Bisaba ko nshyira Uwitwika imbere mu buzima bwanjye bwose, no mu bitekerezo byanjye.

Imbamutima zanjye nazo zigomba guhura n’Umwuka w’Imana utuye muri jye uyu muni. Mu gice kiri imbere tuziga uburyo twakira inguma z’imbamutima twatwe n’ejo hahise, ariko murikano kanya, reka turebe ikibazo cyoroheje umukristo mushya wese yibaza. Ndabizi ko nkwiriye “kwishima iteka,” (Abafilipi 4:4; 1 Abatesalonike 5:16), kandi nasomye ibyerekeye abakristo babayeho muri bwo buryo, ariko se ni gute nanjye namenya kubigenza ntyo? Abefeso 5:20 harimo ibanga. “Mujye mushima Imana Data wa twese ku bw’ibintu byose, mubiyishimira mu izina ry’Umwami wacu Yesu Kristo.” Uwitwa Corrie ten Boom yaganiriye uburyo yize gushima Imana ku bw’imbaragasa zari mu nkambi yarimo mu ntambara ya kabiri y’isi, umuvandimwe amwibutsa uburyo izo mbaragasa zabarinze. Iyo nize kubaho mfite umutima ushima by’ukuri kabone no mu ngorane z’ubuzima, muri jye haturukamo ibyishimo n’amahoro bivuye mu mwuka wanjye. Nizera Imana mu bihe byose, kuko nzi neza ko yasezeranyije ko byose bifatanyiriza hamwe kutuzanira ibyiza, byaba ibyiza cyangwa ibibi (Abaroma 8:28). Iyo ibintu bitagenda nk’uko nabyifuzaga kandi nakoze ibyo ibishoboka byose, mpitamo kwizera ko Imana ifite umugambi mwiza maze nkatangira kurebana ibyiringiro nkitegereza aho Imana iri gukora. Iyo mpariye Imana ngo itegeke ibyanjye, sinongera guhangara nshakisha ngo nsohoze umugambi wanjye, ncisha bugufi.

ISOMO 2: KUGENDERA MU MWUKA

kwifuza kwanjye, nkemera ubushake bw’Imana. Namenye ko uko nemerera ibyishimo n’amahoro kuzura umwuka wanjye, ni ko ngendana n’umwuka w’Imana kandi nkarushaho kwiringira ko hari ibyiza bishobora

guturuka no mu kibazo icyo ari cyo cyose. Ibyo byiringiro ni byo tubona mu Abaheburayo 6:19 hatubwira ko ibyo byiringiro ari “nk’igitsika umutima gikomeye kandi gishikamye.” Mu gihe cy’urusobe, urujijo no guhindagurika kw’iy’isi, nkenera igitsika umutima gikomeye. Maze Uwiteka akihangana, kugira ngo angirire neza; kandi igituma ashirwa hejuru ni uko angirira ibambe, kuko Uwiteka ari Imana ica imanza zitabera. Hahirwa (abishima, abatunzi, abafite ibyo bifuza) ni abo bose bamutegereza, bamwiringira kandi bagategereza [ubutsinzi we, ubuntu bwe, urukundo rwe, amahoro ye, ibyishimo bye, kutarobanura kwe, ubushuti bwe budahemuka]! (Yesaya 30:18 ingeri ya Bibiliya yitwa *The Amplified Bible*).

KUZIRIKANA:



2 Abakorinto 5:17 - Umuntu wese icyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.



Yuda 20 - Ariko mwebweho bakundwa, mwiubake ku byo kwizera byera cyane, musengere mu Mwuka Wera,



Abaroma 12:2 - Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.



Abagalatiya 5:16 - Ndavuga nti “Muyoborwe n'Umwuka”, kuko ari bwo mutazakora ibyo kamere irarikira.

UKURI KW'INGENZI:

Kugendana n’Umwuka bisaba imyifatire myiza y’umubiri, guhindurwa bushya mu bitekerezo, gukira kw’imbamutima, no gucisha bugufi kwifuza kwawe. Bisa n’uko bigoranye kandi birimo amategeko, ariko mu by’ukuri ni ukubohoka, ni umucyo kandi bitanga ubuzima, kuko ntibibaho kubera uruhare rwawe, ahubwo bizanwa no kwegurira Umwuka wawe buri gahe gose k’ubuzima ubaho.

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

IGISUBIZO CYAWE:

1. Ni he hantu mu buzima bwawe (umubiri, ibitekerezo, ibyifuzo, imbamutima) ubona hakubuzwa kwegurira ubuzima bwawe ngo butegekwe n'Umwuka Wera? Fata umwanya utekereze maze usengere ikibitera kandi wandike ibitekerezo byawe.
2. Ni iyihe ntambwe ushobora gutera ejo hazaza kugira ngo ugere ku ntsinzi nto yerekeye iyi ngingo?

KU BUNDI BUSHAKASHATSI:

Cleansing Seminar by Cleansing Stream Ministries (Ministries, 1999)

The Winning Attitude by John Maxwell (Maxwell, 1993)

Battlefield of the Mind by Joyce Meyer (Meyer, 1995)



ISOMO 3: KUGARAGAZA ISHUSHO Y'UBUZIMA BWANJYE

Mu myaka maze mu ivugabutumwa, numvise inkuru z'ubuzima bw'abakobwa b'Imana benshi. Ariko umwanzuro wanjye ntabwo ari igisubizo gishingiye ku bushakashatsi bwa siyansi na busa, ahubwo nshobora gutanga ubusobanuro butatu buri rusange:

1. Nubwo abagore benshi bakuriye mu miryango irimo ababyeyi batizera kandi baja gusenga gake, benshi muri aba bagore basobanukiwe bitangaje, ko nubwo bari abana bato bakuze bakunda gusenga kandi bizera Imana.
2. Abagera kuri kimwe cya kabiri cy'abagore banganirije ubuhamya bwabo bakuze babatuka abandi babasambanya ku ngufu bakiri abana. Benshi muri bo ntibigeze bagira undi babwira ayo mateka yabo, ariko bisa n'uko babohoka kuvuga iyo bari ahantu "hatekanye".
3. Hari ububasha, ubwenge, umwete, n'imbaraga mu kuvuga, kumva no gutekereza ku masomo twigira mu nkuru z'ubuzima bwacu.

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

OTES

Iri somo rigamije kukuyobora mu nzira yo gutekereza “y’urugendo rwawe rw’umwuka”. Intego ni ugutekereza cyane ku bihe n’ibyakubayeho mu buzima kugira ngo biguhe ishusho nshya y’uwo uri we n’uko Imana iri kugutegura no kuguha ibyangombwa byose bihwanye n’ibyo iguhamagarira gukora mu rugendo rwawe rw’ubuyobozi rukuri imbere.

UMURAGE WANJYE:

Gutegura “igisekuruza” kiriho urutonde rw’amazina n’amasano y’abagize umuryango bazanye impinduka nziza ku buzima bwawe. Ntushyireho amataliki y’amavuko cyangwa ayo gupfa cyangwa ngo ushyireho amazina utazi. Intego ntabwo ari ukurema igisekuruza, ahubwo ni ukwibuka abo mu muryango wawe bazanye impinduka mu buzima bwawe. Iruhande rwa buri zina wandike isano mufitanye n’impinduka nziza abo bantu bagize ku buzima bwawe. Hano hari urugero:

Mary Ann Munday: mama



Yambereye icyitegererezo
cy’ibyishimo biri mu gukorera abandi



Yanyigishije guca bugufi,
n’uko natsinda ingorane.

Ushobora kuba ufite ba sogokuruza bawe utigeze kubona, ariko bashobora kuba barafashe umwanzuro wazanye impinduka nziza ku buzima bwawe. Birashoboka se ko bafashe umwanzuro wo kuba abasuhuke mu kindi gihugu cyangwa gutangira ubucuruzi bwazanye impinduka ku mibereho y’umuryango wose.

Uyu murimo w’Imana mu buzima bwawe ni umurage, nubwo ibyo bintu byaba byarabayeho kera mbere yuko uvuka.

ISOMO 3: KUGARAGAZA ISHUSHO Y'UBUZIMA BWANJYE

INKURU Y'UBUZIMA BWANJYE:

Tekereza ku buzima bwawe ku bihe by'imyaka itanu kuva uvuka kugeza none. Ku rupapuro cyangwa mu ikayi buri gihe cy'imyaka itanu, andika ibintu by'ingenzi byabaye mu buzima bwawe, abantu bazanye impinduka nziza ku buzima bwawe n'ahantu wabaye. Ongeraho interuro ngufi usobanura impamvu ibyo byose ari ingenzi. By'umwihariko tekereza:

1. Ibibazo – cyane cyane ibintu byakubabaje, abantu cyangwa ibihe
 2. Ibishimishije – ibihe by'umunezero mwinshi n'ibyishimo
 3. Abaguhinduye – abantu bagufashije – abatoza, ababyeyi, inshuti za bugufi, abarimu, abayobozi mwahuye cyangwa abantu wasomye wamateka yabo
 4. Imana ku murimo – ibintu wemera ko byakubayeho kubera “ikiganza cy'Imana”.
- Urugero: kuva ku myaka 0 kugera ku myaka 5:

ABANTU :

1. Mama
2. Papa
3. Mushiki (Bashiki)
4. Musaza (Basaza)

AHANTU :

1. Mu urgo
2. Mu rugo rwa sogokuru na nyogokuru
3. Mu rusengero

IBIHE :


1. Kuvuka kwa musaza cyangwa mushiki
2. Gutangira ishuri
3. Umuryango wimuka

IBYO NAKUNDAGA GUKORA :

1. Gufasha mama mu rugo
2. Kuganiriza abashyitsi
3. Gufasha mwarimu wanjye mu ishuri

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

Kora gutya kuri buri gihe cy'imyaka itanu cyaranze ubuzima bwawe : kuva ku myaka 6 -10, kuva ku myaka 11-15, gukomeza.



1. Hamwe n'aya makuru koresha umurongo hasi werekana uko "wazamutse umanuka" mu bihe by'amateka y'ubuzima bwawe. Nibiba ngombwa uce umurongo muremure. Wongereho ijamba rimwe cyangwa abiri usobanura igihe/umuntu/ahantu byazanye impinduka nini ku bitekerezo byawe mu gihe cy'isuzuma ryawe. Kugira ngo ukore imbonerahamwe, shyiraho umubare hagati ya 1 na 12 muri buri cyiciro cy'imyaka ku mbamutima, umwuka n'irangabihe kuri iyo myaka.
2. Noneho ongeraho umurongo w'ibara ritandukanye cyangwa inyandiko ngufi usobanura uko imbamutima zagiye "hejuru no hasi" muri buri cyiciro cy'ubuzima bwawe.
3. Koresha umurongo wa gatatu w'ibara ritandukanye cyangwa inyandiko ngufi usobanura uko umwuka wagiye "wazamutse, umanuka" (kugendana n'Imana kwawe).

UMUHAMAGARO WANJYE, IMPANO, IBYO USHISHIKARIYE CYANE

Uko utekereza ku murage wawe no ku nkuru z'ubuzima bwawe, hitamo "inkuru" eshatu z'ibihe cyangwa ahantu wumvise muri wowe wuzuye kandi ufite imbaraga, ibihe wigeze kumva ko uri mu mwanya Imana ishaka ko ubamo koko, ukora icyo waremewe gukora. Bishobora kuba ari

ibihe byihariye, cyangwa cyangwa bikaba igihe wiyemezaga gukora umurimo wakujubije, nyamara ariko ukabasha kuwutunganya neza. Korsha umwanya wo hasi wandike muri make ubusobanuro bw'imwe

ISOMO 3: KUGARAGAZA ISHUSHO Y'UBUZIMA BWANJYE

muri izo "nkuru" uyivugeho bihagije ku buryo ushobora kuyibuka. Kandi mu gihe wandika, usubize ibibazo bikurikira:

Ni gute natangiye gukora ibi?

- a. Ni iki nakoze ?
- b. Ni gute nabirangije ?
- c. Ni gute namenye ko nabikoze neza ?
- d. Ni iki nakunzemo cyane ?

Inkuru 1 :

Inkuru 2 :

Inkuru 3:

Kuri iyi ngingo sangiza inkuru zawe inshuti wizeye, wongeraho ibara n'amakuru arambuye uko ugenda ubyibuka, sobanura ibyo wakoze n'uko wabikoze, kurusha kwibaza impamvu. Irebe wowe ubwawe gusa ubikora kandi uvuge impamvu wasanze ubwo bumenyi buhagije cyane. Akazi k'inshuti yawe ni ukumva no kwandika ibikorwa umusangiza n'impamvu wabonye ko bihagije, kongeraho amakuru ayo ari yo yose avuga aho wari uri cyangwa uwo mwari kumwe.

Wowe n'inshuti yawe mushobora noneho kureba ibyo ari byo byose bisa mu nkuru.

INCAMAKE :

Igihe uri wenyine, tekereza cyane ku nkuru zawe, umurage wawe n'amateka yawe, maze usabe Imana kuguha umucyo ku byo wize ku giti cyawe n'umuhamagaro wayo n'umugambi wifashishije uyu mwitoto. Muri kano kanya ni iki wumva ushishikariye cyane ?

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

Ni izihe mpano/ubumenyi wifitemo bishobora kuba ingenzi mu murimo w muri ako gace ? Impano zimwe zishobora kuba zisinziye kandi hashobora kuba hari ubumenyi ugikeneye kubonera ubusobanuro, ariko ugasa nk'aho wizera ko "inkuru ituzuye," ko umugambi w'Imana utarahishurwa.

Ku giti cyanjye, igihe nakoraga nifashije uyu mwitoto, namenye ko hari ikinshishikaje ku "bagore n'ubucuruzi." Nyuma bidatinze, nasezeye ku azi kanjye nakoraga nk'umuyobozi mukuru w'umuryango witwa Women's Ministry maze ku myaka 65 ntangira kwiga icyiciro cya gatatu cya kaminuza mu ishami ry'ubucuruzi n'imitegekere (Master of Business Administration) mu ishuri ryagenderaga cyane kuri Tewolojiya n'ubucuruzi. Ubunararibonye bwawe bushobora kutazana impinduka ikomeye mu buzima bwawe, ariko ntugashidikanye ku bushobozi bw'Imana ko ibasha kugoboka ubuzima bwawe maze ikayoboro inzira yawe mu nzira zayo !

KUZIRIKANA:



Zaburi 139:13–16 ¹³ Kuko ari wowe waremye ingingo zanjye, Wanteranirije mu nda ya mama. ¹⁴ Ndagushimira yuko naremwe uburyo buteye ubwoba butangaza, Imirimo wakoze ni ibitangaza, Ibyo umutima wanjye ubizi neza. ¹⁵ Igikanka cyanjye ntiwagihishwe, Ubwo naremerwaga mu rwihisho, Ubwo naremesherezwaga ubwenge mu byo hasi y'isi. ¹⁶ Nkiri urusoro amaso yawe yarandebaga, Mu gitabo cyawe handitswemo iminsi yanjye yose, Yategetswe itarabaho n'umwe.



Zaburi 37:23–24 ²³ Iyo intambwe z'umuntu zikomejwe n'Uwiteka, Akishimira inzira ye, ²⁴ Naho yagwa ntazarambarara, Kuko Uwiteka amuramije ukuboko kwe.

UKURI KW'INGENZI:

Imana yabanye nawe, n'igihe wari mu nda ya nyoko, mu bihe by'amakuba no mu bihe by'umunezero, ubizi cyangwa utabizi ko Imana yari ihari; nta na kimwe cyagutandukanya n'urukundo rwayo.

IGISUBIZO CYAWE:

1. Ni izihe mpano ukeka ko Imana yaguhaye, ariko zikaba zigisinziye, nyamara kandi zishobora kuzamurwa ku bw'intego z'ubwami bw'Imana?

ISOMO 3: KUGARAGAZA ISHUSHO Y'UBUZIMA BWANJYE

2. Ni iyihe ntambwe watera nonaha cyangwa mu myaka 5 kugira ngo “uvumbure” iyo mpano, uyishyire ahabona aho ishobora kuzamurwa?

KU BUNDI BUSHAKASHATSI:

What is Your Giftedness? (Hendricks, 2013)

Discovering Your Giftedness (Bock, 2015)

Strengths Finder 2.0 by Tom Rath (Rath, 2014)

Your Spiritual Gifts by Peter Wagner (Wagner, 1994)

Discover Your God-Given Gifts by Don & Katie Fortune (Fortune & Fortune, 1987)

Free Spiritual Gifts Analysis (Gilbert, 2015)



ISOMO 4: GUHANGANA N'IGIHE CYANJYE CYAHISE

Noneho nyuma yo kumara umwanya utekereza ku murage wawe n'urugendo rw'ubuzima bwawe, haza igihe cyo gutekereza kuri abo bantu, ahantu n'ibihe byakomeje guhindura ubuzima bwawe, imishyikirano yawe n'umurimo wawe uyu muni. Ubwenge, ubushishozi n'umugishaabandi bagushyizemo, ubu bikunyuramo bigahesha umugsiha abandi. Ni gute ibyo wacyemo bitari byiza n'imibabaro wahuye nayo byazanye impinduka nziza ku mibanire yawe? Birashoboka ko umwe muri abo bantu yakugiriye ubuntu kandi akubera umujyanama ukwitaho ndetse n'inshuti (2 Timoteyo 2:2). Wowe wenyine, ni wowe ushobora kuvuga niba koko uwo muntu yarakugize "mwiza" cyangwa yaratumye "usharira". Ikibazo ni ukumenya icyo wakora kugira ngo wongere impinduka nziza maze ugabanye impinduka mbi z'amateka yawe utegura indi myaka iri imbere.

GUTEKEREZA KU BYIZA WAGEZEHO

Fata iminota mike yo gutekereza gato ku “byagushimishije” mu buzima bwawe, bya bihe aho wumvaga ko uri gukora ibyo Imana yakuremye gukora kandi ukabona ukuboko kwe k’umugisha. Ni iki uri gutekereza? Ese wumva wishimiye cyane ibyo washoboye kugeraho?

ISOMO 4: GUHANGANA N’IGIHE CYANJYE CYAHISE

Ese wumva wifuzaga gusubira muri uwo mwanya? Mbese wumva ubabaye cyangwa ufite ubwoba ko wenda “ibihe byawe byiza” bishobora kurangira maze byose bigasubira hase, uhereye aho wari ugeze? Ni ayahe masomo dukura mu byiza twagezeho? Hari byinshi biri mu ntekerezo zanjye. Imana ishobora guhishurira abandi ko ibyo wazeho bireba wowe gusa, ariko hano hari ibyo Imana yashoboye kunyigisha.

Igihe nakoraga cyane nkagera ku byiza by’ingenzi cyane, byari byoroshye cyane kwiyumvamo umwuka w’ubwirasi. Birashoboka ko nari mfite ubwenge buhagije butuma ntirarira kuri bagenzi banjye mbabwira ibyo nagezeho, nyamara imbere mu mutima wanjye nkaba nariho nishimira? Kwirarira ni umushibuka mubi cyane ku bayobozi. Nta muntu twakwigiraho iri somo kurusha Nebukadinezari, wigeze gutekereza igihe kimwe ko amaze kugera kuri byinshi, yakiriye ihishurirwa rimuburira, maze acishwa bugufi cyane. Yumvira umuburo w’Imana agira ati: “kandi acisha bugufi abibone” (Daniyeli 4:30 - 37).

Hari ibihe tugomba kwihutira kumenya “umurimo w’Imana” mu byo tuba twagezeho – ku mahirwe aba adufungukiye mu buryo bw’igitangaza (cyangwa afunze), gutuza, Ijwi ryoroheje ry’umwuka rituyobora ku bikomeye ariko birimo umwanzuro w’ubwenge tutakerezaga, “gahunda y’Imana” mu biganiro bisanzwe. Ariko iyo dukoze cyane kandi amasaha menshi kandi tukagera ku ntego yacu by’ukuri, kandi abantu badukikije bakadushimira cyane ku byo twagezeho, biroroshye kwibagira uwaduhaye amaso ngo turebe, amaso ngo twumve, ubwonko ngo dutekereze, amahirwe yo kwiga ngo tumenye, n’ababyeyi badukunda batugaburiye mu bwana bwacu. Biroroshye gutekereza ko twatsinze kubera uruhare rwacu, kandi bikatunanira gushimira Imana no gushimira abantu badufashije muri urwo rugendo. Mu gihe utekereza ku “byiza” byawe, shimira Imana. Niba utarabikora, zirikana kwandika cyangwa kohereza imeyili ushimira abo bantu bazanye itandukaniro mu buzima bwawe.

Niba wumva ubabaye cyangwa ufite ubwoba ko “ibyiza byatambutse” Zaburi 139:16 ivuga ko Imana yanditse mu gitabo cyayo ngo, “Mu gitabo cyawe handitswemo iminsi yanjye yose, Yategetswe itarabaho n’umwe.” Mu gihe cyose ugihumeka, Imana igufitiye umurimo ugomba

gukora kugira ngo wagure ubwami bwayo. Ikibazo ni ukumenya niba ukura amaso ku mateka yawe yahise maze ugashaka icyerekezo Imana ifite mu hazaza hawe. A. R. Bernard

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

mu kibwiriza cye cyamenyekanye yaravuze ngo, “Icyerekezo cyawe ni ahazaza hawe” maze atanga umuburo agira ati, “umuntu udafite icyerekezo ni umuntu udafite ahazaza kandi umuntu udafite ahazaza ahora yisubirira mu mateka ye yahise.” Petero yayoboye abandi bigishwa kwirobera amafi nyuma y’urupfu rwa Yesu, Nawomi yasubiye muri Isirayeli nyuma yo kubura umugabo we n’abahungu be, na Adamu yari gushoboa gusubira muri Edeni iyo Imana itabimubuza. Niwisanga ukiri mu mateka yawe yahise, ikibazo cyiza wakwibaza ni ukumenya niba warahushije icyerekezo cy’ahazaza Imana yari yaguteguriye (Yeremiya 29:11).

GUKIRA INGUMA Z’IMBAMUTIMA

Twese twanyuze mu bihe by’ubuzima aho twumva isi imeze nk’aho ituguye heuru. Urugero, kubura uwo wakundaga cyane, kwakira ibisubizo bya dogiteri ku ndwara yawe, kubura akazi, ibibazo by’amafaranga, kwigomeka kw’ingimbi cyangwa umwangavu, kugambanirwa n’inshuti, guhemukirwa cyangwa ibindi bihe ibyo ari byo byose wibuka nk’ibyatumye “ubabara” mu gice giheruka cy’ubuzima bwawe. Guhungabana kw’imbamutima twagize muri ibyo bihe bishobora kumara igihe kirekire mu mwuka wacu, bikongera kugaruka iyo tubitekerejeho ari naho kwa guhungabana gushibura imbamutima y’umujinya, ubwoba, kwangwa, gutereranwa, uburakari igihunga, isoni, kwishinja icyaha, n’izindi mbamutima zibangamira imyanzuro dufata n’imibanie yacu n’abandi. Ikibazo ni iki, iyo tutakiriye gukira kw’imbamutima ako kanya tumaze gukizwa, ni gute kundi twakwakira uko gukira? Ese hari ubwo bishoboka?

Reka nkwiseze ko Yesu ari Umukiza, ntabwo akiza imibabaro y’umubiri gusa, ahubwo akiza n’ingorane z’imbamutima. Ni we usana imitima imenetse. Ni we ukiza izo nguma mu buryo butangaje kandi muri ako kanya cyangwa se mu buryo bufatika navuga ko gukiza imitima kwe bimeze nko gushishura igitunguru witonze, buri gihishwa ku gihe cyacyo, aho umuntu wese akorwaho nawe mu rukundo. Mu bunararibonye bwanjye, hariho amasano menshi hagati y’inguma z’umubiri n’inguma z’imbamutima hawe n’ubwoko bwo gukira buri kimwe gikenera. Ahantu hashishutse ku mubiri ntabwo hasaba ubushishozi no kuhitaho cyane cyangwa igihe kurusha gukiza igisebe kiri ku nda y’umuntu babaze. Iki gisebe gisaba kuvurwa byihuse, kigasigwa amavuta, kandi hakabaho igihe bagipfuka. Ni ko bimera no kubabara kw’ibiyumvo nko kubwirwa – ijambo ribi, gusubizanywa uburakari, gutereranwa – ibyo byose birababaza cyane ariko hari

uburyo bwo kubikiza vuba, harimo gusaba imbabazi no kwereka urukundo uwo ubikoreye, ukamwerekana ko umwubashye. Iyo bigenze gutyo, wa mubabaro

ISOMO 4: GUHANGANA N'IGIHE CYANJYE CYAHISE

ukira vuba kandi ukibagiranwa. Imigani 19:11
haboneka inama nziza igira iti, “Amakenga umuntu
afite amubuza kwihutira kurakara,
Kandi bimuha icyubahiro kwirengagiza inabi
yagiriwe.”

Ariko inguma z'imbere mu mbamutima
ntabwo zivurwa mu buryo bworoshye
– kugambanirwa n'inshuti magara, guhemukirwa
n'umuujyanama wizera, kwica amasezerano,
kudakemura intonganya zituma mubwirana
amagambo mabi, cyangwa akarengane. Ibi bisaba
ubwitonzi. Iyo izi nguma z'imbamutima zitavuye, ni
cyo kimwe no kutavura igisebe cyo ku mubiri kuko
gishobora “kuninda” maze “kikandura” ku buryo
bigira ingaruka ku mubiri wose. Inguma
y'imbamutima ininda iyo dukomeje “kuyisasira”
dutekereza ku makosa yabaye aho gushaka
igisubizo cy'ikibazo, cyangwa tukemerera
umubabaro gushinga imizi mu mutima
(Abaheburayo 12:15).

Dushaka urwitwazo tuvuga ko dukeneye “ukuri” no
“gukiranuka” nyamara mu mitima yacu harimo
igisebe kininda gihumanya imitima yacu n'imibanire
yacu.

Mu kubabarira by'ukuri ni ho gusa haboneka gukira
no kubohoka. Ibyanditswe bibivuga neza.
Kubabarira ntabwo ari amahitamo ku mukristo.

NOTES

UBUSOBANURO

NOTES

Muri Matayo 6:15 Yesu yaravuze ngo, “ariko nimutababarira abantu, na So na we ntazababarira ibyaha byanyu.” Kubabarira ntibisobanura ko ibyo abantu bavuze cyangwa bakoze bitababaje cyangwa ko bemerewe kongera kubikora. Nanone kandi kubabarira ntibisobanura ko tugomba guhita dushyikirana n’abo bantu muri ako kanya. Niba Batemeye amakosa yabo kandi ibyo ni nko kongera kutubabaza, tugomba gukomeza kubababarira, ariko tukabakundira kure. Kubabarira ni ukwacu, nuko rero ubumara bwo kutababarira ntibusenya indi mishyikirano yacu cyangwa ngo biduhambire mu buryo bw’imbamutima kuri wa muntu watubabaje. None se ni gute tuvuga ko twababariye by’ukuri ikibi twakorewe mu gihe cyashize? Ni igihe icyo kibazo kiba kitakigira ingaruka ku myanzuro dufata, tukamenya ko twabohotse ku mbaraga cya kibi cyari kidufiteho. Wibuke ko kubabarira bifata igihe Atari ikintu kikora muri ako kanya.

Buri gihe mu bitekerezo byawe hajemo umubabaro, ujye uhitamo kubabarira.

Hariho kandi “ukubagwa imbere cyane mu nda” kubonekamo ubwoko bw’inguma z’imbamutima bishobora kuvamo ihungabana, guhemurwa, cyangwa urundi rugomo ushobora kugirirwa cyangwa kuba umuhamya warwo. Yesu ni we usana imitima kandi ni we Mukiza. Nta kintu na kimwe gikomeye kurusha urukundo rwe. Nk’ibisebe by’umubiri, inguma z’imbamutima ni binini cyane kandi bigaragara inyuma – gutandukana n’inshuti, kubabara cyane no kugira agahinda kenshi hamwe no kuvuga nabi, gutinya no kudatekana bituma umuntu adakura. Kandi kimwe n’ibisebe byo ku mubiri, Yesu akiza inguma z’imbamutima by’imbere bisohoka hanze.

Ni gute twavuga ko dufite inguma z'imbamutima duterwa n'akahise kacu zikeneye icyakorwa kugira ngo tubohoke? Benshi muri twebwe twabayeho ibihe aho umuntu yavuze cyangwa yakoze ikintu, maze twisanga tubyifashemo mu buryo tutatekerezaga ndetse dusobanukirwa ko bitari binakwiriye. Ni iki gitera ibyo? Akenshi ni ukudakira inguma y'imbamutima iyo umwanzi akoresha nk'akaboga atubeshyeshya kugira ngo

ISOMO 4: GUHANGANA N'IGIHE CYANJYE CYAHISE

adushyire mu mutego we wo gutekereza nabi, akenshi bikaba ikinyoma tumenya mu gihe gikomeme. icyo kinyoma kidufata bunyago mu buryo bw'imbamutima kugeza igihe ukuri kutubatuye. (Yohana 8:32).

Ni izihe ngamba twafata kugira ngo tumenye uko dukira inguma z'imbamutima kandi tubohoke? (zirikana: ushobora gukenera inshuti yizewe ikuze mu buryo bw'umwuka, muhorana kandi mugasengana mu gihe ukurikiza izi ntambwe).

1. Ngwino bucece imbere ya Data wo mu ijuru umubwire icyifuzo cyawe kugira ngo agufashe kandi agukize.
2. Saba Umwuka Wera kugufasha kubona ikibazo kiri mu mizi y'uruguma rwawe. Ashobora gukura ikintu cyabaye mu kahise kawe, akivanye mu bitekerezo byawe, cyangwa se ijwi rituje ry'Umwuka Wera rikavugana n'umutima wawe. Ushobora gutungurwa n'ibyo wakiriye ariko wizere kuyoborwa na We.
3. Musabe niba hari ikintu ashaka ko umenya cyerekeranye n'icyo kibazo kandi aguhishurire ibinyoma byose wemeraga ko bitera icyo kibazo. Ikintu cyose kivuguruza ijambo ry'Imana ni ikinyoma cy'umwanzi. Urugero, "Nta muntu n'uwe unkunda," iki ni ikinyoma cy'umwanzi. "Ngomba kwirwanaho. Nta muntu n'umwe uzabinkorera." Iki ni ikindi kinyoma cy'umwanzi.
4. Ihane maze usabe Imana kukubabarira. Kwizera ikinyoma cy'umwanzi ni icyaha. Hashobora kubaho ibindi byaha wakoze bigendanye n'ikibazo ufite. Urugero, kuja mu bupfumu ni icyaha, no kubatwa n'ingeso ubigambiriye ni icyaha.
5. Saba Imana niba hari umuntu ukeneye ko akubabarira kandi wumvire iyo Imana ikubwira gukora. Kwanga kubabarira mu mutima wawe ni icyaha.

Ntiwibagirwe gushimira Imana ku bw'imbaraga zayo n'imbaraga zayo zo gukiza.

Niba ibihe bikomeye bitera ikibazo kandi bikaba byazana impinduka mbi ku buzima bwacu, kuki Imana y'urukundo itadukiza uwo mubabaro n'ibyo byago? Benshi muri twebwe bashobora guhamya ko ari muri ibyo bihe by'ibyago twashoboye gukura no gukomera, kuko dutekereza ko twegurira Imana ibyifuzo byacu ndetse akaba ari nayo twisunga mu gihe turi muri cya kibazo.

KUZIRIKANA:

Yohana 8:32 - namwe muzamenya ukuri kandi ukuri ni ko kuzababatura.

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE



2 Abakorinto 10:4–5 - 4 kuko intwari z'intambara yacu atari iz'abantu, ahubwo imbere y'Imana zigira imbaraga zo gusenya ibihome no kubikubita hasi. s Dukubita hasi impaka n'ikintu cyose kishyiriye hejuru kurwanya kumenya Imana, dufata mpiri ibitekerezwa mu mitima byose ngo tubigomorere Kristo...



1 Abakorinto 10:13 - Naho twe ntitwirata kurenza urugero, ahubwo dutekereza urugero rwacu ko ruhwaye n'ingabano z'aho Imana yatugereye, ngo tugere no kuri mwe.

UKURI KW'INGENZI:

Icyo Imana itwifuzaho ni ukubohoka tukava mu bubata bw'amateka yacu yahise, tukayareba nk'uko iyareba mu mbone y'ukuri kwayo ko – ibyaha bibabarirwa, umutima nama utunganywa, inguma zikira, Satani atsindwa, ubwoba buneshwa, urukundo rukongera kubaho.

IGISUBIZO CYAWE:

Niba wisanze ukomeza gusaba Imana imbabazi mu bice bimwe by'ubuzima bwawe, biragusaba kumara umwanya “wenyine” hamwe n'Imana, maze uyisabe kukwereka impamvu utabasha kubona instinzi ku gice runaka cy'ubuzima bwawe. Kuri jyewe byaterwaga ni ubwirasi. Umunsi umwe nongeye gusaba Imana imbabazi, numvise Uwitwaga ambwira ngo “urashaka gukira icyo kintu burundu?” Mu by'ukuri muri jyewe numvaga ko ntashobora kubohoka. Uko nahise mbyitwaramo ni ukuvuga ngo, “Yego”. Mu minota cumi n'itanu yakurikiyeho nongeye gutekereza ku bibazo byanjye igihe nahanganaga n'abandi (umuvandimwe wanjye, inshuti, umugabo wanjye) maze menya ko nari nuzuye ubwirasi mu gushaka “intsinzi”. Nuko Imana inyereka ko umwuka wo guhangana wagize ingaruka mbi mu mibanire yanjye bituma ngira umwuka w'ishyari byashibuye umuzi mu mutima wanjye. Iyo ni yo yabaye intangiriro y'urugendo rwanjye rwo kubohoka. Ni iki Imana ishaka kuvugana nawe?

KU BUNDI BUSHAKASHATSI:

Theophostic Prayer Ministry by Ed M. Smith (Smith, 2005)

Totally Free by Robert Morris (Morris, 2015)

Breaking Free by Beth Moore (Moore, 1999)

Forgive and Forget by Lewis Smedes (Smedes, 1984)

www.immanuelapproach.com



ISOMO 5: KUGABURIRA IMIBANIRE YANJYE N'IMANA

Nk'uko dukenera gukora imyitozo y'umubiri kugira ngo tuwubungabunge kandi tugire n'ubuzima bwiza, tugomba no gukora imyitozo y'umwuka kugira ngo turambure imitsi yacu y'umwuka maze kugira ngo ubuzima bwacu bw'umwuka bube bumeze neza. Iki gice muri make gikubiyemo imyitozo cumi n'ibiri itandukanye y'umwuka kandi y'ingenzi ku bw'iyi ntego. Ntabwo ukoresha iyo myitozo yose buri muni cyangwa buri gihe cy'ubuzima, ariko ni byiza kumenya ko ibaho kandi yakoreshejwe n'abakristo mu binyejana bitambutse. Yesu ubwe yagaragaje buri mwitozo w'umwuka igihe yari hano mu isi. Iyo witoje gukora iyi myitozo, igufasha gukura mu buryo bw'umwuka no kuzamura cyane imibanire yawe n'Imana. Igufasha kandi kumenya iby'umwuka kuko biba bitandukanye n'ibyo twabwese amaso yacu. Inkuru nziza ni uko tutagomba kwiga Tewolojiya cyane kugira ngo dukore iyo myitozo; icyo dusabwa ni umutima ushaka Imana (Zaburi 42:1,2).

Gukora iyi "myitozo" nk'imirimo yo ku rwego rw'idini cyangwa nk'amabwiriza y'umwuka ntabwo ari yo ntego. Intego ni uguhangana n'icyaha no kwirinda. Nitugerageza guhangana n'iyi myitozo

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

Dukoresha ububasha bwacu n'ishyaka ryacu, tuzahinduka nk'Abafarisayo, bageragezaga kwiyerekana inyuma bitandukanye n'uko bari bameze mu mutima.

Mu by'ukuri bigaragara neza ko twatsinzwe, kuko "ibyuzuye mu mutima ni byo akanwa kavuga" (Matayo 12:34). Imana yonyine ni yo ishobora guhindura imitima, ariko iyi myitozo izafasha gutegura imitima yacu imbere y'Imana ngo dukore umutimo wayo. Mu mugani w'umubibyi Yesu yavuze ko imbuto ari ijambo ry'Imana, maze ubutaka bukaba umutima. Ushobora gutekereza iyi "myitozo" nko gutegura ubutaka bw'umutima wawe kugira ngo imbuto y'ijambo ry'Imana ishore imizi kandi ikure (Abagalatiya 6:8; Luka 8:5-8). "None mumaze kwezwa n'ijambo nababwiye" (Yohana 15:3).

IGICE CYA 1: IMYITZO Y'UMWUKA

1. KURAMYA

Yesu yabwiye umugore ku iriba ko Imana ishaka abayiramy mu kuri no mu mwuka (John 4:23). Ibyo bisobanura iki? Reka dutekereze gato kuri ibi. Kuri jyewe bisobanura ko Imana ishaka abantu bayisanga mu rukundo no kwiyoroshya, mu kuri, bayifungukiye, imitima yabo irimo ubusa, nta buryarya cyangwa ibanga ry'ibyaha nta gahunda zihishwe, maze bakayihira icyubahiro kiyikwiye. Nanone kandi muri Zaburi 95:6 hatubwira ngo, "Nimuze tumuramy twunamy, Dupfukamire Uwitaka Umuremyi wacu." Tutitaye kuba dupfukamishije amavi yacu cyangwa tutayapfukamishije, igihe turamy Uwitaka imitima yacu igomba guca bugfi kandi ikubaha Imana. Tugomba kuramy Imana "twambaye

ibyera”, “imbere y'intebe y'ibirenge bye”, “dufite amaboko atanduye n'umutima uboneye” (Zaburi 29:2; 99:5; 24:4).

ISOMO 5: KUGABURIRA IMIBANIRE YANJYE N'IMANA

Kuramya no guhimbaza tubishaka ni byo Imana ikeneye, Atari ukubera bihaza umutima wayo, ahubwo ari ukubera ibyo ikora muri twe. Tugasobanukirwa icyubahiro cyayo n'ububasha, ubwami no kwera kwayo maze tukamara igihe mu bwiza bw'Imana, ibibazo n'imibereho byacu bigeraho bigafata ishusho ye.

Kuramya bishobora kuba mu buryo bwinshi – kumva indirimbo zo kuramya ziturisha umwuka wacu, kuba mu iteraniryo ryo kuramya, kuririmba mu mwuka, gusenga mu mwuka, gupfukama hasi, kurambarara hasi, kuzamura amaboko hejuru dushyira hejuru izina ry'Imana, cyangwa se gukora ikindi kintu cyose gituma twinjira mu bwiza bw'Imana. Uburyo bw'umubiri nta gaciro kenshi bugira kurusha umwuka wacu mu gihe dushyira kwihuzwa n'Umwuka w'Imana mu rukundo, icyubahiro no kuramya. Ngwino mu bwiza bw'Imana ufite ibyiringiro, kandi witegure kuyiha wese uko uri.

2. KWIHANA

Ukuri kw'ibanze k'ubutumwa bwiza ni uko Yesu yapfuye kubera ibyaha byacu. Yishyizeho urubanza rwari ruturiho, kugira ngo tubabarirwe, twezwe, twongere gusabana n'Imana, kandi duhabwe ubugingo buhoraho. Muri 1 Yohana 1:9 havugaga ngo, “Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.” Ukuri ni uko, nubwo “twavutse ubwa kabiri”, icyaha kitwizingiyeho, kandi buri muni dukora ndetse tugatekereza bya bintu bibabaza Umwuka Wera. Buri gihe tugomba guhangana n'ibyo byaha by'umwihariko, tukamenya intege nke zacu maze tukongera kakira imbabazi z'Imana. Niba dukeneye gukura mu mwuka, ntitubasha kuyobora ubuzima butageragejwe. Buri muni, ugomba gusaba Imana kuguhishurira by'umwihariko ibyo bintu watekereje cyangwa wavuze cyangwa wakoze byababaje umutima wayo, maze wumve umugambi w'Imana. “Mana, ndondora umenye umutima wanjye, Mvugutira umenye ibyo ntekereza. Urebe yuko hariho inzira y'ibibi indimo, Unshorerere mu nzira y'iteka ryose” (Zaburi 139:23, 24). Harimo ibyaha by'umutima (urugero. ubwibone, ubwoba, kwifuza n'umujinya), ibyaha by'umubiri (urugero. Ubunabwoba, inda nini, ubusambanyi), ibyo wakoze n'ibyo wari kuba warakoze ariko utakoze, amagambo, umwete n'ibitekerezo.

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

Uko Umwuka Wera aguhishurira ibintu, ukwiye kwihana no kumusaba imbabazi. Ukakira gukira no kwezwa kwe. Fata igihe cyawe cyo kwihana ugihuze n'amagambo yo muri Zaburi 51:10. "Unyumvishe umunezero n'ibyishimo, Kugira ngo amagufwa wavunnye yishime."

Ubigire umwitozo wa buri muni kugira ngo bikomeze kuba "inzira ya bugufi" ubonaniramo n'Imana. Igihe cyose n'ahantu hose Umwuka Wera akwemeje icyaha, wihane vuba na bwangu maze ushake imbabazi ze. Ntibisaba gushakisha byimbitse mu mutima wawe. Ntibisaba ko upfukama mu muhanda cyangwa ngo wubike umutwe hasei. Ni umwuka wawe uhura n'Umwuka w'Imana. Wibuke ko igukunda kandi ihora yifuzza buri gihe kugirana ubushuti nawe, kukumenyesha ubwiza bwayo n'amahoro yayo (1 Abatesalonike 5:17).

Hari ibihe bibao mu buzima bwawe aho imbaraga z'icyaha ziba zikomeye cyangwa umubabaro w'ibyaha ukaba mubi cyane ku buryo udashobora kwigobotra icyo cyaha ushinjwa cyangwa uwo mubabaro. Umwe mu myitozo ya kera ya gikristo kwari ugushaka umukristo wizewe w'umunyabwenge ushobora kumva kandi akavuga cyane ijamba ry'Imana ryo kubabarira (Yakobo 5:16).

3. ISENGESHO

Niba Imana izi byose kandi ikaba ishobora byose, kuki dusenga? Mu isengesho turana ubusabane na Data. Gusenga ni uguhindura. Uko twegera Imana n'ukwera kwayo, ni ko turushaho kubona ko dukeneye guhinduka, tugasa na Kristo. Tugatangira gutekereza nk'uko Imana ibishaka, kandi iyo dufashe umwanya wo kubaza ibibazo no kumva ibisubizo byayo, tubasha kumva ijwi ryayo. Iyo ushidikanyije wibaza niba koko ari Imana wumvise cyangwa Atari Yo, ugomba kwibaza ubwawe niba koko ibyo wumvise bihura n'ibyo Imana yaguhishuriye Yo ubwayo mu Ijambo ryayo. Tumenya ijwi ry'inshuti yacu kuri telephone kuko tuba tumaze kubumva kenshi bavuga. Iyo umuntu avuze akomoza ku nshuti nziza, tuba tuzi imiterere y'iyi nshuti yacu kandi dushobora kuvuga n'iba ibyo uwo muntu avuze ku nshuti yacu ari ukuri. Ni cyo kimwe rero, uko twumva ijwi ry'Imana cyane ni nako turushaho kurimenya. Isengesho ni ikiganiro hagati y'impande ebyiri! Intama z'Imana zumva ijwi ryayo. Imana izavugana nawe (Yohana 10:27).

Isengesho ni ibintu dushobora kwiga – tubyigiye kuri Yesu, ku nshuti zize gusenga bikwiriye, tukabyigira kandi muri Bibiliya (turebeye ku bavugwa muri Bibiliya no

ISOMO 5: KUGABURIRA IMIBANIRE YANJYE N’IMANA

ku mabwiriza ya Bibiliya), tukabyigira nanone ku bitabo cyangwa ku isengesho (ushobora gusoma), no mu kwitoza gusenga.

Isengesho bigira itandukaniro (Yakobo 5:16; 1 Abakorinto 3:9). Gusengera abarwayi, gusengera urushako, gusengera ubuyobozi, gusengera abashumba, gusengera abavugabutumwa, abagize umuryango n’inshuti, gusenga usaba kurindwa n’Imana, cyangwa usabira abanyamahanga mu gihe Imana ishobora kubagutumaho.

UBURYO BUTATU BW’ISENGESHO DUSHOBORA GUKURIKIZATHREE:

UBURYO 1: Isengesho ry’Umwami – tekereza kuri ubu buryo kurusha gutekereza ku magambo umenyereye

UBURYO 2: IBIKORORWA: Kuramya, Kwihana, Gushima, Kwinginga (ubikorera abandi)

UBURYO 3: ISENGESHO: Guhimbaza, Kwicuza, Gusaba, Kurekura, Kwiringira, Kwakira

4. GUTEKEREZAHO

Gutekerezaho ni ugutekereza nyine, kwibaza, “kwibwira”. Niba uzi guhangayika, uzi no gutekereza.

Ni iki ukwiriye gutekerezaho? Ibyanditswe bitubwira ko dukwiye gutekereza ku ijambo ry’Imana, amategeko yayo, urukundo rwayo, imirimo yayo, amasezerano yayo, n’ibitangaza byayo (Yosuwa 1:8; Zaburi 48:9; Zaburi 77:12; 119:27, 48; 143:5).

Ni gute utekereza? Utangira ugena igihe n’ahantu hitaruye hatari kiroya. Ibi jyewe mbikora iyo ndiho ngenda n’amaguru mu gitondo. Abandi babikora bicaye ahantu hiherereye basenga cyangwa biga. Saba Imana kuguhishurira ukuri kwayo mu mutima wawe. Niba ibihe biguhangayikishije, saba Imana niba hari icyo ishaka ko umunya cyangwa bikoraho. Mu gihe usengera abandi, saba Imana kukwereka uko ubasengera. Utege amatwi Umwuka wayo kurusha gushaka umuti w’ikibazo ku giti cyawe.

Ni iki ushobora kwitega mu gihe ufashe umwanya wo gutekereza? Dushingiye ku byanditswe, gutekereza bituma umenya kwihana, kumvira, kugira ubwenge, kubona bushya imiterere y’Imana, urukundo rwayo, ukwera kwayo, n’imbaraga zayo (Zaburi 119:97, 101, 102).

Ugomba kwihangana mu gihe wiga uyu mwitozo niba ari mushya kuri wowe.

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

IGICE CYA 2: UMWITOZO W'UMUTIMA (IBITEKEREZO, UBUSHAKE, IMBAMUTIMA)

5. INYIGISHO

Inyigisho ikubiyemo gusesengura Ijambo ry'Imana kugira ngo ugire ibitekerezo bishya kandi birimo ukuri (Abaroma 12:2; Abafilipi 4:8). Bitandukanye no gutekereza kuko gutekereza bigendana no gushyira mu bikorwa icyo Imana ivugana n'umutima, naho inyigisho ishingira ku Ibyanditswe kugira ngo umuntu amenye icyo Ibyanditswe bihura ku Mana, imiterere yayo, imigambi yayo, n'amahame yayo y'ubuzima. "Gukwiriranya neza ijambo ry'ukuri" bisaba kwibanda cyane mu kurisesengura no kugira ubwenge buvuye kuri Mwuka Wera. Ibikoresho by'inyigisho ni byinshi kuri murandasi (internet) ariko bigomba gusuzumwa neza wibaza ngo – mbese bihuye n'ukuri kw'Ibyanditswe bindi, no kumenya imiterere y'Imana n'umugambi wayo? Nta nzira ya bugufi ibaho mu nyigisho; kuko bifata igihe no kubyitza.

Kuvugana n'umuntu ufite ubumenyi kandi urimo umwuka w'ubwenge, ni intangiriro nziza. Inkoranyamagambo nziza ya Bibiliya, n'irangiro (ku nyigisho nyayo y'ururimi) hamwe n'inyigisho za Bibiliya byose ni intangiriro nziza cyane. Niba ufite murandasi (internet), hariho imbuga zitandukanye zibonekaho inyigisho z'ubuntu. Zimwe zibineka ku rutonde ruri ku mpera y'iki gice.

Tangira buri nyigisho yose n'isengesho maze usabe Umwuka Wera kugufungura amaso n'ubwenge. Amayeri amwe ni ugusoma igice kinini cy'Ibyanditswe ukinyuzemo amaso kandi umare igihe ugitekerezaho kandi ukibwira. Maze usome imirongo mike witonze hanyua witegereze indi mirongo bifitanye isano igendanye n'inyigisho ya Bibiliya. Andika ibisobanuro muri Bibiliya yawe, uce umurongo ku mirongo by'umwihariko ifite ubusobanuro kuri wowe kandi wandike ibyo wize.

Niba hari icyo wasomye utabashije kumva cyangwa kidahuye n'ukuri wari usanzwe wizera, saba Imana kuguha ubwenge (Yakobo 1:5), wisunge abakora za komanteri (commentaries), inkoranyamagambo cyangwa ibindi bitabo kugira ngo umenye icyo abandi bacukumbuye. Vugana n'uwizera ukuze mu buryo bw'umwuka, uwo wizera ariko wirinde cyane "inyigisho zitwa ko ari "nshya". Sangiza abandi ibitekerezo byawe kugira ngo urebe niba koko bihura n'Ibyanditswe bindi.

ISOMO 5: KUGABURIRA IMIBANIRE YANJYE N'IMANA**6. KWIHERERA**

Kwiherera ni ukuba wenyine udashaka kuvugana n'undi muntu. Dushobora kumenyera urusaku n'ibiganiro ku buryo ituze no kwiherera tutabimenyera kandi ntibitugwe neza. Akenshi Yesu yasigaga abantu benshi ndetse n'abigishwa be kugira ngo ashake ubwiza bwa Se kandi yumve n'ijwi rye (Matayo 4:1-11, Luka 6:12, Matayo 14:13, 23, Mariko 1:35; Mariko 6:31, Luka 5:16). Kwiherera ntibigomba gutuma twumva ko twigunze. Ushobora kwiga kunezerwa ibihe bituje byo "kuba wenyine" turi hamwe na Data wacu, haba mu gitondo cya kar bere yo kubyuka, cyangwa bikaba ikintu cya nyuma dukora nijoro mbere yo kuryama, mu gihe duhagaze mu modoka nyinshi (embouteillage) cyangwa turi ku murongo hari ibyo dutegereje, ndetse no mu gihe dufashe iminsi yo kwiherera mu "butayu". Duturiye imitima yacu imbere y'Imana, ntacyo tudateganya imigambi cyangwa dukemura ibibazo cyangwa dutekerezaku biganiro byahise, Imana ivugana n'imitima yacu amagambo y'urukundo kandi adutera intege, ikaduha icyerekezo cy'ubuzima bwacu kandi ikaduha umuti w'ibibazo biduhangayikisha (Yesaya 30:15).

Mu gihe twimenyereza umwitozo wo kwiherera tubona amahoro n'imbaragamu mutima, kandi tukarushaho kunezerwa no kwishima imbere mu mutima bigatuma twiyumvamo ibyifuzo by'abandi ndetse mu mibabaro yabo tukabagarariza ubuntu.

UBUSOBANURO

7. GUCA BUGUFI

Guca bugufi ni ukureka gushaka gutegeka no kuyobora ibintu uko tubishaka. Ntabwo ari ukudaha agaciro ibidufitiye inyungu, ahubwo ni

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

uguhitamo kwanga ubushake bwacu maze tugakurikira Yesu, twizera ko amaherezo inzira ye izatuzanira ibyishimo byinshi no gusohora kw'imigambi. (Mariko 8: 34, 35). Guca bugufi ni imyifatire ndetse n'igikorwa.

Yesu yatubereye urugero, kuko buri gihe yahitagamo kubaho acira Se bugufi, kabone nubwo byamusabye ikiguzi cy'ubuzima bwe (Abafilipi 2:4-7; Yohana 5:30; 8:28; Matayo 26:39). Ntiyabayeho acira bugufi Abafarisayo cyangwa ibitekerezo by'abantu (Mariko 12:14), nubwo yabayeho muni y'ubutegetsi bw'Abaroma (Mariko 12:16).

Mu gihe cy'itorero rya mbere, abagaragu bahitagamo gucira bugufi ba shebuja, kabone nubwo ba shebuja bari abagome (1 Petero 2:18 – 21), nubwo basaga n'abadafite amahitamo. Nk'Abakristo, Petero yariho ababwira ko bafite amahitamo kandi ko bakwiriye guhitamo gucira bugufi ababayobora. Pawulo yahuguriye abagore gucira bugufi abagabo babo nk'uko bacira bugufi Umwami (Abefeso 5:22, 24). Petero yahuguriye abasomyi be ko bakwiye gucira bugufi abayobozi, nubwo mu gihe bigoranye, we ku giti cye yahisemo kumvira Imana kurusha kumvira abantu (1 Petero 2:13-15; Ibyakozwe n'Intumwa 5:29).

Kugira ngo wimenyereze umwitozo wo guca bugufi, hitamo buri muni na buri gihe kubaho ubuzima bugandukira Imana n'ubushake bwayo. Gucira bugufi umugabo wanjye, umukoresha wanjye kabone nubwo yaba ansabye ibintu bitumvikana, n'abayobozi bantwara bizanyorohera cyane kandi nzabisobanukirwa neza ubwo umuni umwe nzahitamo kuwubamo ncira bugufi Data wo mu ijuru.

8. UMURIMO

Kwimenyereza umwitozo w'ubuzima bwo gukora bitandukanye no guhitamo gukorera abandi. Umurimo w'ubunyangamugayo uturuka ku munyamwete, ukenera kwemerwa no gushimwa, ahisemo igihe n'uwo gukorera, agasunikwa n'imbamutima zidahoraho. Umurimo nyakuri w'Imana uturuka mu busabane ngirana na Data, unyurwa kuba mu ibanga, ugakorera bose utagamije kubona imyanya yo hejuru, kandi ni imibereho ya buri muni, ntabwo ari umwihariko. Iyo duhisemo gukora, tuba tugifite inshingano; iyo duhisemo kuba umugaragu tuba dutanze ubwo burenganzira (Matayo 20:26; 23:11; Mariko 10:43).

ISOMO 5: KUGABURIRA IMIBANIRE YANJYE N'IMANA

Yesu yabaye icyitegererezo cy'ubuzima bwo gukora (Mariko 10:45), bitari mu rupfu rwe rwo ku musaraba gusa cyangwa igihe yozaga ibirenge by'abigishwa be, ahubwo no mu gufata umwanya we atega amatwi abamwegera bakamubwira ibyifuzo byabo (Luka 7:1-17; Mariko 5:1-42). Yamaze igihe hamwe n'abigishwa, asangira nabo, aruhukana nabo, abigisha, asubiza ibabazo byabo, kandi abaha ubutware, kabone nubwo batari batunganye. Yakoreraga aboroheje – abana bato, abagore, abatewe n'abadayimoni, n'abanzwe muri sosiyete, ibyo byose akabikora atagamije gushimwa.

Inyungu z'ubuzima bw'umurimo nyawo ni uguca bugufi, kwiyinga no kwemerwa n'Imana.

IGICE CYA 3: IMYITOZO Y'UMUBIRI

9. KWIYIRIZA UBUSA

Umwitoto wo kwiiriza ubusa ni ukwiiriza ibyokurya (ibiremereye cyangwa ibinyobwa ariko hatarimo amazi) ku bw'itege runaka mu buryo bw'umwuka. Kwiiriza ubusa by'igice ni ukwiiriza ibyokurya (Daniyeli 10:3).

Amategeko y'Abayahudi yavugaga ko abantu bose bagomba kwiiriza ubusa rimwe mu mwaka, ku munsu wo guhongera. Mu Isezerano Rishya nta tegeko ririmo ryerekeye kwiiriza ubusa, ariko Yesu yavuze ko gutanga, kwiiriza ubusa no gusenga ari ibikorwa byo kwiiriza Imana (Matayo 6:1-18). icyemezo cyo kwiiriza ubusa ni icy'umuntu ku giti cye, nubwo hari amatorero amwe atera abantu itege zo kwiiriza ubusa bya rusange.

Intege yo kwiiriza ubusa ni ukudufasha gutumbira Imana no kuyumvira, ngo iduhishurira ibintu nk'ubwibone, ubusambo cyangwa umujinya bidutegeka, kuduha umuyobora mwiza n'imbaraga mu gusengera abantu n'ibihugu. Aho kurya, haba hagamijwe gufata igihe cyo gusenga cyangwa kuramya Imana. Iyo umubiri wawe ugusabye kuwugaburira, ibyo biba ari nko kukwibutsa gusenga kandi ukemerera umwuka wawe gutegeka umubiri wawe. Igitekerezo natanga nshingiye ku bunararibonye mfite ni uko ari ngombwa cyane kurinda umutima wawe mu gihe wiyirije ubusa; biroroshye kurakara no kutihangana mu gihe uganira n'abandi kurusha uko byamera u bihe byiza byo kwiyeze (Yesaya 58:4,6-8).

Mu gitabo cye, "The Celebration of Discipline," Richard Foster avuga ko abo bese bakora uyu mwitoto wo kwiiriza ubusa ku nshuro yabo ya mbere

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

batangira babikora rimwe mu cyumweru mu gihe cy'ibyumweru byinshi, mu masaha 24-bakiyiriza igice cy'umunsi, biyima ifunguro rya ku manywa umunsi wa mbere, umunsi ukurikiyeho bakiyima umutobe w'imbuto ahubwo bakarya imbuto zisanzwe hanyuma ku manywa bakarya imboga. Hanyuma ikindi gihe, bakagerageza kwiyiriza ubusa amasaha 24 ariko banywa amazi menshi cyane. Mu gihe bashaka kwiyiriza iminsi myinshi ni byia ko basoma amabwiriza n'inama bagirwa n'abandi cyangwa bakabiganiraho n'umuntu usanzwe wiyiriza ubusa kenshi

Abantu bamwe muri Bibiliya biyirije ubusa twavugaga ni Mose, Dawidi, Eliya, Daniyeli, Ana, Pawulo na Yesu. Kwiga ibyo bakoze, icyatumye biyiriza ubusa, n'inyungu bakuye mu kwiyiriza ubusa kwabo bishobora kugutegura neza muri uyu mwitoto.

10. KWIYOROSHYA

Kwiyoroshya bisobanura kubana n'Imana ikaba ipfundo ry'ubuzima bwacu – tutishingikiriza imitungo, abantu, ibikorwa, ahubwo twishingikiriza Imana yonyine. Iyo tubayeho twiyoroshya imvugo yacu iba ari ukuri kandi ikizerwa. Ntabwo turazwa inshinga no kugira izina rikomeye cyangwa kwemeza abantu. icyo dukora, ni uguha umwanya abandi, kuko twizera ko ibyo dufite byose ari iby'Imana, bikaba ikibitsanyo kugira ngo tubirinde. Imitungo mu by'ukuri ni ibintu byiza, ntabwo ari ibirangaza (Umubwiriza 6:18, 19 (uyu murongo ntubaho muri Bibiliya)). Dufata ibyemezo dushingiye ku byo twizera ko Imana ishaka ko ukora, ibi bigatuma tubohoka, ntitube tugitegekwa n'imitungo, ibitekerezo, ubwoba, kwirebaho, impungenge, ubusambo, no wifuzza. Ntabwo tugomba gusa

ISOMO 5: KUGABURIRA IMIBANIRE YANJYE N'IMANA

guha abakene ku byo dutunze; ahubwo ibyo dutunze bigomba guhabwa Imana mbere, kugira ngo byishimirwe kandi bikoreshwe nk'uko Imana ituyobora. Abana bacu ntabwo ari imigereka yacu cyangwa abo gusohozza inzozi twananiwe kugeraho, ahubwo ni impano y'impano, bagomba kugaburirwa, gukundwa, gutozwa no kubegurira ubwami bw'Imana

Umwitozo wo kwiyoroshya ni “ukubanza gushaka ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo” (Matayo 6:25-33).

11. GUSHIMA

Nubwo gushima bitagaragara cyane mu rutonde “rw'imyitozo y'umwuka,” hariho Ibyanditswe byinshi bibyerekana, ni cyo gituma nemera ko gushima bifite umumaro cyane mu buzima bwacu bw'umwuka. Tugomba “gushima Imana Data wa twese ku bw'ibintu byose” (Abefeso 5:20), “mu bibaho byose tugahora dushima” (1 Abatesalonike 5:18), kandi “tukinjira mu marembo ye dushima, no mu bikari bye duhimbaza” (Zaburi 100:4). Mbega ukuntu ari byiza gutangira umunsi wawe ushima Imana ku bintu bitanu yagukoreye ku munsi watambutse. Bishobora kuba impano y'umwe mu bagize umuryango wawe, indirimbo y'innyoni ziririmba mu gitondo, igisubizo cy'isengesho, ubuzima bwiza, kubohoka, kurindwa, ijambo ry'inshuti rigukomeza, ibyagufashije mu ijambo ry'Imana, cyangwa kugirirwa neza n'uwo utazi.

Umunsi wose, wimenyereze gutumbira Imana haba mu kazi no bihe byose cyangwa ibintu byose ushobora gushima.

Utangire gusangiza ayo mashimwe abakuri hafi, abo mu muryango wawe, abo mukorana, abaturanyi, abacuruzi, abakorera rubanda, n'abo musengana. Ubabwire amagambo yo kubakomeza cyangwa ubahe impano nto ubereka ko umurimo wabo ari uw'agaciro cyane kuri wowe, kandi ko ubuzima bwabo buzana impinduka mu buzima bwa benshi.

Maze urangize umunsi wawe, mu gihe cyo kuryama nijoro, ufite umutima ushima, ushimira Imana no mu bikomeye wahuye nabyo, wige “kwishimira intege nke zawe no guhemurwa, wishimire n'imibabaro no kurenganywa n'ibyago. Kuko iyo ubaye umunyantega nke ari ho urushaho kugira imbaraga” (2 Abakorinto 12:10).

Ann Voskamp mu kinyamakuru yanditse cyitwa “One Thousand Gifts” we ubwe yanditse impano igihumbi z'Imana akwiriye gushima – n'uburyo bwiza bwo kwimenyereza umwitozo wo “kubaho ushima” (Voskamp, 2010).

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

12. Gutanga

“Imana ikunda utanga anezerewe” (2 Abakorinto 9:7). Hari umuntu wavuze ko tudashobora gusa n’Imana keretse iyo dutanze. Ni kimwe mu bigize DNA yacu, kuko ari we Data kandi “Imana yakunze abari mu isi cyane bituma itanga” (Yohana 3:16).

Iyo tuvuze gutanga, duhita twumva ibyerekeye ubutunzi, ariko umwuka wo gutanga udusaba gutanga birenze gufungura ububiko bw’amafaranga yacu. Yego, Imana ishaka ko duha abakene. Mu Gutegeka kwa Kabiri 15:11 hatubwira ngo “Ntuzabure kuramburira iminwe mwene wanyu w’umukene w’umworo uri mu gihugu cyawe.” Muri Ezekiyeli 16:49 dusoma ko Imana yababjwe n’uko Sodomu yananiwe kwita ku bakene.

Ariko kandi Imana ishaka ko dutanga igihe cyacu, impano zacu, tuvuga amagambo atera intege abantu, dutanga ibyacu, n’ubwenge bwacu. Muri 1 Timoteyo 6:18 habivuga neza mu ncamake ngo, “Babe abanyabuntu bakunda gutanga.”

KUZIRIKANA:



Zaburi 119:105 - Ijambo ryawe ni itabaza ry’ibirenge byanjye, Ni umucyo umurikira inzira yanjye.



Yeremiya 29:13 - Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose.

UKURI KW’INGENZI:

Ntugomba “kwiyomeka” ku mbaraga kugira ngo ugirane ubusabane n’Imana. Kuko Ihora igutegereje yihanganye ngo irebe ko uyishakisha umutima wawe wose, utunganya inzira zawe, mu buryo wiga Ijambo ryayo, ukamarana na Yo umwanya mu isengesho, uyishimira, wandika ibihe byiza byawe, cyangwa ibyo ari byo byose Umwuka w’Imana akweretse. Wige guhindura buri muni kuba mwiza ureka Imana ikubere umuyobozi

IGISUBIZO CYAWE:

1. Zirikana kwiya Bibiliya uyitekerezaho, wibaza ku byo utekerezaho n’ingarka zabyo ushobora kwakira. Maze utangire kwimenyereza uko kwitekerezaho mu buryo bw’umwuka kandi wandike ibyo wiga.

Ni ayaha mabanga wamenye yagufashije gutekereza neza kandi cyane? Ni izihe mbogamizi washakaga gutsinda kandi

ISOMO 5: KUGABURIRA IMIBANIRE YANJYE N'IMANA

ni gute wazitsinze?

2. Shyiraho ibihe byawe byo gusenga. Ni ryari kandi ni hehe usengera ? Hari urugero rw'isengesho ugira ? Ese urandika mu gihe usenga cyangwa wandika urangije gusanga ? Ni iki kikugora mu gihe cyo gusenga ? Ugira ikibazo cyo gusenga cyane uri imbere y'abandi ?

3. Zirikanda icyo wakora kugira ngo woroshye ubuzima bwawe. Urugero. Ugabanye ibigusaba amafaranga, ukureho ibidafite umumaro mu nzu yawe, ugurishe cyangwa utange ibyo utagikoresha.

4. Ni ubuhe buryo bundi wize wasanze bwagufasha ?

5. Ujya utekereza ku bihe byawe "wenyine" cyangwa kuba igetekerezo cyo kuba wenyine kigutera ubwobwa cyangwa kikubabaza ? Ni izihe ntambwe watera kugira ngo umenye kwishimira ibihe byo kuba wenyine ?

6. Ni ryari bikugora kwicisha bugufi imbere y'abandi ? Uzi ikibitera ? Ni gute kuba umukristo bikorohereza cyangwa bigukomerera mu guca bugufi ?

7. Ni he uri gukorera muri iki gihe ? Ibaze niba uhitamo gukora cyangwa kuba umugaragu. Itandukaniro ni ingano yo kuyobora ufite.

KU BUNDI BUSHAKASHATSI:

Celebration of Discipline by Richard Foster (Foster, 1988)

My Heart Christ's Home by Robert Boyd Munger (Munger, 1992)

Intercession, Thrilling and Fulfilling by Joy Dawson (Dawson, 1997)

Prayers That Avail Much by Germaine Copeland (Copeland, 2005)

Secrets of Powerful Prayer by Hammond and Cameneti (Hammond & Cameneti, 2000)

One Thousand Gifts by Ann Voskamp (Voskamp, 2010)

Inyigisho za Bibiliya z'ubuntu zo ku mbuga za interineti:

www.biblegateway.com

www.blueletterbible.com

www.netbible.org

www.e-sword.net

www.lovegodgreatly.com



ISOMO 6: UMUYOBOZI UKORERA ABANDI

Urugendo rwanjye rw'ubuyobozi rwatangiye igihe natangiraga gukora imirimo itandukanye mu itorerero nk'umukobwa wa pasiteri, aho nafashaga kwigisha abana bo mu ishuri ry'incuke, mu nyigisho z'abana, muri korari, mu bikorwa by'urubyiruko, mu nyigisho z'abana zo ku cyumweru (Sunday School), gucuranga inanga (piano), no gukora amasuku mu rusengero nyuma yo gusangirira hamwe nimugoroba. Gukora imirimo itandukanye byari byiza; nishimiraga kwiga, kandi nkakunda kwigisha. Gukura mpabwa inshingano zitandukanye mu gihe nari muri koleji byagezeho biba ibisanzwe kuri jye. Ntabwo nigeze nifuzza kuba "perezida" cyangwa "viziyoneri", ariko nishimiraga cyane gufasha ubuyobozi no gukorera abantu. Imyaka icumi namaze ndi umubyeyi w'abahungu bato banyigishije byinshi byerekeranye n'ubuyobozi no gukorera abandi, nyamara mu myaka makumyabiri namaze mu isi y'ubucuruzi, ni ko nazamuwe mu ntera nk'umuyobozi w'ikipe y'abo twakoranaga, mpinduka umuyobozi ureberera abandi, nyuma ngirwa umuyobozi mukuru aho ni naho natangiye kuzamuka mu bijyanye n'ubuyobozi. Na nyuma yaho sinabaye umuyobozi muto cyane mu ruganda rucukura peteroli rwayoborwagaga n'abagabo benshi ariko namenye ko abakozi bo mu gice nayoboraga bakoraga neza mu gihe bahawe intego zisobanutse kandi nkora buri kimwe kugira ngo nkureho imbogamizi zituma abakozi badasohozza intego zabo. Naje kumenyera ijambo "umuyobozi ukorera abandi", kandi nashoboraga kwiha iyi nyito nshingiye

ISOMO 6: UMUYOBOZI UKORERA ABANDI

ku byo namenye, ariko ahandi imbere muri jye niyumvagamo nk'umuyobozi wo ku "rwego rwa kabiri", utaravukanye ubushobozi busanzwe bwo kuyobora, ariko akabimenya mu kubikora. Nyuma yaho nasomye igitabo cya Robert Greenleaf cyitwa "Servant Leadership" maze ntangazwa n'ibi bikurikira:

Umuyobozi ukorera abandi abanza kuba umugaragu. ... Bihera mu byiyumvo bisanzwe aho umuntu aba ashaka gukora, kubanza gukora. Maze amahitamo y'umutima nama agatuma umuntu yiyumvamo kuyobora. Bene uwo muntu atandukanye cyane na wawundi ubanza kuba umuyobozi ... Itandukaniro ubwaryo riboneka mu buryo wa muyobozi ubanza kuba umugaragu yitaho kandi akazirikana ko ibyifuzo by'abandi babikorewe. Isuzuma ryiza ... ni iri: Mbese abo bakorewe bavuyemo abantu bazima? Mbese mu gihe bakorerwaga bagize ubuzima bwiza, bagira ubwenge, bagira umwidegembyo, barigenga, biyumvamo ko bahinduka abagaragu? (Greenleaf, 1977, p. 27)

Hano, Robert Greenleaf yavugaga ko jyewe, nk'umuyobozi ukorera abandi, ntari umuyobozi wo ku "rwego rwa kabiri" ! Ibyo rero ntekereza ko byabaye "itara" kuri jye. Maze ntangira gusobanukirwa ubuyobozi mu yindi shusho itandukanye cyane.

Abagore benshi nka njye bamenye neza inshingano "y'umugaragu", ndetse bishimira no guhaza ibyifuzo by'abandi. Mbese kano kanya, Imana iri kuguhamagarira kugira "amahitamo y'umutima nama" "agusunikira kuyobora" ? Ndagutera intege ngo ugire uko kwizera. Ube umukorera bushake uyobora itsinda rito cyangwa wigisha Bibiliya, utegura ibirori cyangwa uhuriza hamwe itsinda ryiga umushinga rigamije gusohozza umurimo runaka. Niba Imana iri kuguhamagara, izaguha ibisabwa byose kugira ngo ukore uwo urimo !!

Abantu bamwe bashobora kutemera ko amagambo umugaragu n'umuyobozi atandukanira ku musozo wayo. Ni gute umuntu aba umugaragu akongera akaba umuyobozi ? Igisubizo cya Yesu kuri iki kibazo kiboneka muri Luka 22 :26. "ahubwo ukomeye muri mwe abe nk'uworoheje, n'utwara abe nk'uhereza." Nta nubwo yabihamije n'ijambo rye gusa rivuga ngo, "nk'uko Umwana w'umuntu ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi" (Matayo 20 :28), ahubwo yabitweretse no mu buzima bwe yabayeho mu isi.

I. YESU NK'UMUYOBOZI UKORERA ABANDI

Mbese Yesu yari “umuyobozi ukorera abandi” dushingiye ku busobanuro buriho none ? “Umuyobozi ukorera abandi --- ashakisha kumenya, gutera intege, no kuzamura abantu abahindura beza ahereye imbere muri bo ndetse n’inyuma” (Spears, 1998, p. xii). Mu by’ukuri Yesu yari kuri urwo rwego ! Ni ibihe bindi biranga umuyobozi ukorera abandi (Spears, 1998, pp. 4 -6) ? Izi ni ingero zimwe :

1. Gutega amatwi : Abayobozi bakorera abandi bumva bitonze ibitekerezo, ibihangayikishije n’ibiri mu mitima y’abo bayoboze. Yesu yategaga amatwi abamusanze, agasubiza ibibazo byabo, kabone nubwo byabaga bigoranye (Yohana 3 :1- 21 ; Yohana 4 :7 – 42).

2. Kwitaho (Impuhwe) : Yesu yagiriraga impuhwe abantu bose yayoboraga (Matayo 9 :36 ; Luka 7 :13).

3. Gukiza : Abayobozi bakorera abandi bashobora gufasha abo bayoboze gukira. “Ni irya Yesu w’i Nazareti, uko Imana yamusutseho Umwuka Wera n’imbaraga, akagenda agirira abantu neza, agakiza abo Satani atwaza igitugu, kuko Imana yari iri kumwe na we.” (Ibyakozwe n’Intumwa 10 :38).

4. Kwimenya : Abayobozi bakorera abandi baba “batuje.” Yesu yari yiyizi kandi azi n’aho ari kuja ; ntwe yari akeneye wo kubimuhimiriza (Yohana 2 :24– 25).

5. Kwemeza : Abayobozi b’abagaragu bazi kumvikanisha ibitekerezo aho gutegeka abandi gukora nk’uko bashaka. Yesu yari azi ko Yuda azamugambanira, ariko yemerera Yuda ko amubera umwigishwa we kandi amuha n’inshingano yo kubika amafaranga (Matayo 26 :25 ; Yohana 13 :29 ; 17 :12).

6. Kugira ibitekerezo : Abayobozi bakorera abandi

ISOMO 6 : UMUYOBOZI UKORERA ABANDI

Baringaniza ukuri kw'ibyo babona buri munsu bakabihuza n'ibitekerezo birenze ibibonwa. Akenshi Yesu yabwirizaga ibyerekeye ubwami bw'Imana. "Yesu agenderera ab'i Galilaya hose, abigishiriza mu masinagoga yabo ababwira ubutumwa bwiza bw'ubwami, akiza n'indwara zose n'ubumuga bw'abantu." (Matayo 4 :23).

7. Ubushishozi : Abayobozi bakorera abandi bakura amasomo mu bihe byahise bakabihuza n'ibiriho biteze ingaruka zibageza ku myanzuro. Yesu yaburiye abigishwa be ku byerekeye ibihe bikomeye byari bimuri imbere kandi nabo bibari imbere (Luka 9 :44, 45 ; Matayo 24 :1 – 31).

8. Kuba igisonga : Abayobozi bakorera abandi ni ibisonga byiza bizi gukoresha neza umutungo, kandi byiyemeje gukorera abandi. Yesu yabaye igisonga cyiza mu gihe cyo. Mu myaka itatu yazanye impinduka mu isi. Yafashaga abakene ariko kandi yemeye n'abatunzi ko bamuha ibyabo (Yohana 13 :29 ; Luka 8 :3 ; Matayo 26 :7-12).

9. Kwiyemeza guteza abantu imbere : Abayobozi bakorera abandi batere intego abo bayoboye mu buryo bwabo ku giti cyabo, mu buryo bw'imikorere yabo mu buryo bw'umwuka kugira ngo abo bayoboye batere imbere. Yesu ubwe yakoresheje igihe cyo yitonze yigisha, akosora, kandi ahugura abigishwa be cumi na babiri, asuka muri bo ibyari muri we (Matayo 10 :1 ; 11 :1 ; 16 :24 ; 20 :17).

10. Kubaka Umuryango : Abayobozi bakorera abandi bakora bagamije kunga abayoboke babo ngo bakore ikipe yunze ubumwe. Yesu yigishije abigishwa be gukundana no gukorerana. Nyuma y'urupfu no kuzuka bye, bahuriye hamwe, bahuje umugambi wo kwamama ubutumwa bwiza mu isi (Yohana 13 :14-16 ; Matayo 28 :19, 20 ; Ibyakozwe n'Intumwa 2 :44 – 47).

Ni izihe ngero zindi utekereza zerekana ko Yesu ari umuyobozi ukorera abandi ?

II IBYO UMUYOBOZI UKORERA ABANDI YAKWIMENYEREZA UYU MUNSI

1. Guteza amatwi : wite cyane ku bantu uyoboye, imiryango yabo, ibyo bakunda n'ibyo banga, ibitera intego ubugingo bwabo n'ibituma imitima yabo ihangayika. Wite cyane ku byo bavuga kandi ntuvuge. Ubasabe gusobanura neza ibibazo byabo ugamije kumva neza ibyifuzo n'ibitekerezo byabo. Ibi Pawulo yabivuze muri ubu buryo ngo : "mwite ku bakorera muri mwe ... Mububahe cyane mu rukundo ku bw'umurimo wabo" (1 Abatesalonike 5:12–13).

2. Kwitaho (Impuhwe) : Ereka abo uyobora ko ibyo bavuga byumvikana,

kabone nubwo imifatire yabo cyangwa amagambo yabo bitemewe. Uzirikane ko “abantu bababaye bababaza abandi,” umenye uburyo kubabarira ari ngombwa, umenye n’igihe kiri ngombwa cyo kubikora. Werekane by’ukuri impuhwe ku bababaye cyangwa abari guca mu bihe bikomeye. Mu bihe byo “gukora bidakwiriye”, ugomba kwicara utuje ukabareka bakerekana umubabaro wabo. Nk’abagore usanga dushaka kugira “iby dukora” dutegura amafunguro, twita ku bana cyangwa dukora amasuku mu nzu, ariko igikenewe cyane ni ubushuti bwo gusengeranira. Bizagusaba kugira ubwenge no kuyoborwa n’Umwuka Wera kugira ngo umenye uburyo werekana impuhwe muri buri kibazo.

3. Gukiza : Fasha abo uyoboye gukirau buryo bw’umwuka, bw’imitekerereze, bw’imbamutima no mu buryo bw’umubiri. Dushobora kutagira ubumenyi bwo gukiza abababaye mu buryo bw’umubiri, ariko niba tuziranye na “Muganga Mukuru,” dushobora kumwiyambaza ku bwabo. Kuri bamwe bafite inguma z’umutima, z’umwuka cyangwa z’imitekerereze, umuyobozi ukorera abandi akwiye kubaturiraho amagambo y’umugisha, abatara intege kandi y’ibyiringiro.

4. Kwimenya : Ndakwinginga ngo umenye intege nke zawe, ibyo utifitemo, n’ibibi byawe. Nk’umuyobozi ukorera abandi, ukwiriye kumenya uwo uri we n’ibyo wifitemo – indangagaciro zawe, ibyo ushyira imbere kurusha ibindi, n’umuhamagaro wawe. Igihe hari ikigeragezo kije gituma wishyira hejuru ubitewe no gushimwa n’abandi, cyangwa kwihimbira ukuri kugira ngo ukunde ugaragare neza, cyangwa wikukizeho abakwemera, ugomba guhita wemerera Ijambo ry’Imana na Mwuka Wera guhwitura umutimanama wawe kugira ngo akugarure mu kuri.

5. Kwemeza : Kwemeza abakorerabushake gutanga igihe cyabo n’impano zabo ku bwo gusohozwa intego runaka ni umurimo ukomeye cyane kurusha kwemeza umukozi wahaye akazi gukora atyo. Mu by’ukuri abakorerabushake bakenera guterwa intege mu buryo buhoraho. Bifuzwa kubona agaciro k’umurimo bakora. Namenye ko abashishikarira gukorana ubushake kuko Imana yabahamagariye umurimo runaka baba bari ku rwego rukomeye rwo kwiyemeza no kuramba mu bintu kurusha ba bandi mubanza “kubivuganaho”. Ku rundi ruhande, iyo umuntu yumva afite umuhamagaro ariko atabashije umurimo, kumwemeza no kumutera intege ni ngombwa. Kwemeza umuntu ku mbaraga ntabwo ari uburyo bwiza ku bakorerabushake !

ISOMO 6 : UMUYOBOZI UKORERA ABANDI

6. Kugira ibitekerezo : Ugomba kugira ubushobozi bwo gusobanura neza iyerekwa Imana yaguhaye. Ibi bisaba gukora cyane no kugira ibyo wimenyereza ariko kandi ni inkunga ikwiriye ku bo uyoboye kugira ngo bagire ishusho nziza y'ibyo babona hanyuma. Iryo yerekwa ribashishikarize kugira ibitekerezo bihanga udushya no kugira imbaraa, kandi bikabafasha gufata ibyemezo.

7. Ubushishozi/Ubwenge : Abayobozi bakorera abandi bashobora gukoresha amasomo yo mu bihe byashize bakayahuza n'ibiriho kugira ngo bafate ibyemezo birinda ingaraku zishobora kubaho. Ifashishe Yakobo 1 :5, usabe Imana ubwenge, kandi ufashe abandi gufata ibyemezo ubereka uburyo butandukanye bushoboka n'ibyo wanyuzemo kuko aho "inama itari imigambi ipfa ubusa, Ariko aho abajyanama benshi bari irakomezwa" (Imigani 15 :22).

8. Kuba igisonga : Abayobozi bakorera abandi bakoresha neza umutungo. Umutungo werekeranye n'amafaranga ni icyizere ku bantu batanga. Kugira ngo wubake icyizere ku bantu batanga, ugamba kubasangiza byeruye uko uwo mutungo wakoreshejwe n'uko ucungungwa. Wubahe cyane abakorerabushake mu gihe bariho batanga ube witeguye kandi buri kimwe cyose giteguye neza. Ugerageze kumenya imbaraga n'intege nke z'abakorerabushake kugira ngo urinde neza impano zabo.

9. Kwiyemeza guteza abantu imbere : Ukwiriye gufasha abantu kumenya imbaraga zabo n'intege nke zabo no guteza imbere impano zabo bagufatiraho urugero, ubigisha, ubatoza (ubakosora kandi ubasuzuma), ubaha ubushobozi (ubaha inshingano).

Gutoza bisaba ko habaho igisubizo

– werekana ibyo bakoze neza n'uko bakwiriye kuvugurura

UBUSOBANURO

Ukwiriye kubashishikariza kuvumbura indangagaciro zabo, ibyo bakunda n'umuhamagaro wabo. Ugomba kubereka ko wifuza ko mwakomeza kwiga no gutera imbere, kabone nubwo byerekana ubushobozi bwawe buke.

10. Kubaka umuryango : Umuyobozi ukorera abandi yereka abo ayobora urukundo rudashingiye ku kintu na kimwe. Uburyo bukomeye bwo kubaka umuryango ni ukwerekana be urwo rukundo rudashingiye ku kintu na kimwe, ukabaho ubuzima bushyira byose mu mucyo, ukaba inyangaugayo kandi ukabana neza na buri wese. Ushobora kandi kubatera integere mu guterana inkunga no gufashanya hagati yabo, ndetse ugomba kubabera icyitegererezo ubereka mu buryo nyabwo ko urukundo ubakunda mu buryo nyabwo ubereka ko urukundo ubakunda ari ingenzi kandi rukomeye cyane. Kandi ntukibagirwe kugirana nabo ibihe byiza ! Ubereka ko wishimira kuba hamwe na bo.

Ntugacike integere iyo nta bisubizo byiza by'ako kanya ubonye mu gihe cy'ubuyobozi bwo gukorera abandi. Mu ntangiriro y'igitabo cye yise "Insights on Leadership," Stephen Covey agereranya ubuyobozi bwo gukorera abandi n'ibiti by'imigano byo mu Bushinwa.

Urabihinga ntugire icyo ubona ariko nyuma y'imyaka ine ukabona bitangiye gushibuka. Muri iyo myaka ine imizi iba iri gukurira mu butaka – ariko hejuru y'ubutaka ntacyo ubona. Ukorana ubushishozi muri icyo gihe cyose. Maze ku mwaka wa gatanu bya biti by'imigano byo mu Bushinwa ugasanga bireshya n'intambwe 80. (Spears, 1998, p. xviii)

KUZIRIKANA:



Mariko 10:45 - kuko Umwana w'umuntu na we ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi.



Matayo 25:40 - Umwami azabasubiza ati 'Ndababwira ukuri yuko ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y'abandi, ari jye mwabikoreye.'

UKURI KW'INGENZI:

Umuyobozi ukorera abandi abanza kuba umugaragu maze akayobora abisabwe n'amahitamo y'umutimanama.

ISOMO 6 : UMUYOBOZI UKORERA ABANDI

IGISUBIZO CYAWE :

1. Mbese ubwawe ubona waba umuyobozi ukorera abandi ? Kubera iki wamuba cyangwa kubera iki utamuba ?
Ni ikihe kikorohera cyane – gukorera abandi cyangwa kubayobora ?
2. Mu mahame icumi aranga umuyobozi ukorera abandi, ni irihe hame ubona ko rikomeye n'irihye ryoroshye cyane ?
3. Mbese utekereza ko kuba umuyobozi ukorera abandi hari imico imwe bitakorwamo neza ?

KU BUNDI BUSHAKASHATSI:

- Servant Leadership by Robert Greenleaf (Greenleaf, 1977)
Insights on Leadership by Larry Spears (Spears, 1998)
Leading from the Heart by Jack Kahl (Kahl & Donelan, 2004)

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE



IGICE CYA 7: INDANGAGACIRO, IBIRI NGOMBWA, GUSHYIRA MU GACIRO

Umugani wa Yesu w'amatalanto uboneka muri Matayo 25:14 – 30 wakunze kuntera ubwoba mo gake. Nyuma ni ho namenye "italanto" Imana yampaye, ariko ikibazo cyanteraga ubwoba buri gihe iyo nasomaga uyu mugani ni ukwibaza ngo, "Mana ni iki untegerejeho? Ntabwo nifuzaga kuba umugaragu washyinye italanto ye." Bisa n'uko mu bihe by'ubuzima bwose nabayemo hari ubushobozi runaka nakoresheje, ariko uyu muni ubwo bushobozi bukaba businziriyeye, cyangwa impano ntekereza ko Imana yashyizemo ntigeze menya cyangwa ngo nzizamure. Ni muri iki gihe cya vuba rero, numvise Imana inyangirira gushyira inyuma maze nkafata kuri ya "myambaro ishaje", kugira ngo Imana ibashe kuyidoda ihinduke imyambaro yuzuye. Ni izihe talanto n'ubushobozi Imana yagushyizemo ikeneye ko uzikoresha wagura ubwami bwayo? Birashoboka ko wumva wagukiye ibintu byinshi mu bihe runaka, kandi uko ni ko imirimo ya buri muni ukorwamo. Nagutera intege zo gufungura amaso n'umutima ngo urebe icyo Imana ishakaga gukorera muri wowe. Iri ni isomo ryerekeranye n'igihe, ryerekeranye n'ibiri ngombwa kurusha ibindi n'ibitabogamye, no kumenya iby'agaciro kandi by'ukuri mu maso y'Imana.

IGICE CYA 7 : INDANGAGACIRO, IBIRI NGOMBWA, GUSHYIRA MU GACIRO

I. KUMENYA INDANGAGACIRO ZAWA

Ni ibiki uha agaciro cyane mu buzima bwawe ? Ni ibiki bigushimisha kandi bikunyura ? Andika ibintu bitatu cyangwa bine, ariko ntubikomeze cyangwa ngo ubeshye. Ntubitekerezeho cyane cyangwa ngo ubaze abandi ibyo batekereza ko byaba ari iby'agaciro kuri wowe. Ube umunyakuri. Ibi bireba amaso yawe gusa, no kumenya ibyo utekereza ko ari ukuri mu mutima wawe. Niba utazi aho wahera, saba Imana iguhe ubwenge n'umucyo. Ntugire ikibazo niba utabishoboye ku nshuro ya mbere cyangwa niba hari ibikurogoye bigatuma utabirangiza mu nyigisho ya mbere, ariko ubike neza urutonde rwawe ahantu byagufasha kurushiramo, kurukosora neza, no gukomeza kurushyira mu mvugo yoroheje. Ku musozo, indangagaciro zawe zigomba kubakikwa mu buryo bworoheje, bwumvikana neza bihura n'ibyo uha agaciro kurusha ibindi.

Mu buryo bw'urugero, uku ni ko jyewe ubwanjye nasubije icyo kibazo :

- Imibanire yanjye hamwe n'Imana n'umuryango
- Kongerera ubushobozi abandi: gukunda, kwigisha, gutera intege, no kwerekana imbabazi
- Gukora cyane hamwe no gusohoza intego
- Kubohokera kwimenyereza kurangwa n'ukuri, ubunyangamugayo, ubutabera, guca bugufi

Kuki wandika indangagaciro zawe? Kubasha kuzisobanura neza bikuyobora gufata ibyemezo bikagufasha no mu buzima bwawe bwa buri muni.

II. GUSHYIRAHU NO KUGENDERA KU BYO UBONA KO ARI NGOMBWA

Ku bakristo benshi bakuze ibintu bitanu bikunze kuba ngombwa mu buzima bwabi ni: Imana, umufasha, abana, akazi, n'itorero. Mu bisanzwe, hari ibindi bishobora kuba ngombwa nk'abagize umuryango uvukamo, inshuti, ibyo ukunda gukora mu gihe uruhutse, amashuri, n'ibindi. Bishobora kuba hasi ku rutonde, ariko hari ibyo ugomba koroshya nk'umwana muto cyangwa ufite ubumuga cyangwa umubyeyi uri mu zabukuru bene uyu muntu akwiriye gushyirwa hejuru ku rutonde mu gihe runaka cy'ubuzima.

Icyamba mbere: Kuvuga ko Imana ari yo nimeroyamba mbere mu buzima bwanjye bisobanura iki? Imibanire yanjye n'Imana iza ubwamba mbere mu buzima bwanjye. Ibi ntibisobanura ko ntaha agaciro inshingano z'umuryango wanjye ngo mare umunsi wose nifungiranye ahantu mu masengesho, ariko buri muni nifuzaga gukora ubushake bw'Imana no kumvira ijamba ryayo kugira nshobore

gufasha umugabo wanjye neza, no kurera abana banjye. Muri make, mbere ya byose nifuza kuba imbere y'amaso y'Umwe undeba kandi

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

Nkashaka uko mushimisha.

Icya kabiri: Umufasha wanjye ni we ukurikiraho. Nasezeranye kubana nawe ubuzima bwose kandi abana banjye ni n'inguzanyo Imana impa nkayigumana imyaka makumyabiri cyangwa munsu yayo. Niba abana banjye bafashe umwanya wa kabiri cyangwa wa mbere mu buzima bwanjye, imibanire yanjye na bo yaremera, nkabakoreza umutwaro batashobora kwikorera.

Icya gatatu: intego yanjye nk'umubyeyi ni ukurera mu buryo bw'umwuka, bw'ubutunzi, bw'amarangamutima, no mu buryo bw'inyurabwenge kugira ngo abana banjye bakure bingenge kandi bagire inshingano bakunda kandi bakorerwa Imana. "Mubarere mubahana, mubigisha iby'Umwami wacu." (Abefeso 6:4). Ntabwo ari bo "gikombe" cyanjye nakwishimira bikarenga uburenganzira mfite, nta nubwo ari bo gihamya cy'uko mfite ubumenyi bwiza mu kurera (cyangwa ntabufite). Ni abantu baremwe mu ishusho y'Imana, bagira amahitamo yabo, bagira ibyo bashyira imbere kurusha ibindi, kandi bafite uko barema ubusabane bwabo na Data wo mu ijuru, Umwe rukumbi bashobora guha igisubizo.

Icya kane n'icya gatanu: Kuri jye, akazi n'itorero byakunze kuba ngomba ariko byombi "bikangana". Umwanya umwe gusenga byakunze kuba ngombwa cyane undi mwanya akazi nako kakaba ngombwa cyane, bitewe n'uruhare n'inshingano mfite mu gihe runaka. Kubirebana n'itorero, nemera ko ntawasuzugura guteranira hamwe n'abandi, kuko Imana yaduhamagariye kuba mu muryango umwe n'abo dusangiye kwizera (Abaheburayo 10:25). Gukundana mu mubiri wa Kristo ni byo byerekana ko turi abigishwa ba Yesu, kandi ni wo murimo mwiza udukwiriye (Yohana 13:35; 1 Petero 2:18; Abakolosayi 3:23).

Birashoboka ko hari ibihe mu buzima bwacu dutegekwa n'ibintu runaka cyangwa tukayoborwa na Mwuka w'Imana ngo tugire ibyo dutunganya, ariko ibi ni gahunda rusange zadufasha kugira aho duhera dushyiraho ibyo tubona ko ari ngombwa kurusha ibindi mu buzima bwacu.

Ikibazo gikomeye ni ukumenya niba igihe cyacu kigaragaza ibyo dufata ko ari ngombwa kurusha ibindi. Buri munsu ni impano y'Imana tugomba kurinda neza. Kuko uwo munsu

ntitwongera kuwuhabwa. Uko dukoresha igihe cyacu bifite icyo bivuze ku Mana (Zaburi 90:12). Ibitabo byinshi bivuga kuri bizinesi byanditswe byerekana uburyo bukwiriye

IGICE CYA 7: INDANGAGACIRO, IBIRI NGOMBWA, GUSHYIRA MU GACIRO

bwo gukoresha igihe neza kandi hari bizinesi zigisha zigisha mu buryo bwihariye ku mpapuro, mu bikoresho by'ikoranabuhanga no kuri mudasobwa byagufasha gukoresha neza igihe cyawe, ariko ku iherezo nasanze ibiri ngombwa gusa ari: amahame make y'ingenzi, ingengabihe, aho kwandika, n'umutima ukangukiye kumva Mwuka Wera.

1. Koresha imbonerahamwe isanzwe cyangwa ingengabihe ukora urutonde rw'amasaha utagiramo icyo ukora mu cyumweru. Maze ushyiremo ibintu nko kurya, kuryama, gukora, gukora imyitozo ngorora mubiri, ibihe byo gusenga, imirimo yo ku rusengeru, imirimo yo mu rugo ya buri muni cyangwa ya buri cyumweru, guhaha, cyangwa izindi gahunda wagira mu cyumweru cyangwa mu kwezi. Niba bishoboka, ibikiri umunsi wo ku cyumweru nk'umunsi wo kuruhuka uri kumwe n'umuryango wawe. Umwanya usigaye w'ahari ibara ryera ushobora uwugenera "ibindi" bikorwa. Igihe hari abantu bagusabye kugira ibyo ubakorera cyangwa ukorana na bo, cyangwa ufashe icyemezo cyo "kuryama", nta kibazo. Wowe ukwiye kuzirikana ko ibyo bikorwa biri muri wa "mwanya wera" ku ngengabihe yawe y'icyumweru.

2. Igukurikiraho ni ukumara umwanya uvugurura kandi utunganya gahunda y'ibikorwa bya buri muni, nk'imirimo yo mu rugo ugerageza kugabanya igihe uyimaraho. Hari ihame rivuga ko akazi kamara igihe wakageneye. Saba ubwenge! Niba wamaze amasaha yawe yo mu cyumweru, ni gute ushobora guha umwanya abandi bantu bo mu muryango wawe? Ni ibihe bikorwa ushobora gufatanya, koroshya, cyangwa gukuramo? Twese tugira "ibihe

NOTES

UBUSOBANURO

by'ibanze" aho dukora cyane. Kuri bamwe, icyo gihe ni mugitondo ku bandi icyo gihe gishobora kuba ku manywa cyangwa mu ijoro hagati.

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

Garagaza neza amasaha ukoramo cyane maze uhitemo witonze ibyo uteganya gukora muri icyo gihe. Garagaza "ibigutakariza igihe" bikakumarira umunsi – kutagira gahunda, kugira kirogoya, ibibazo, kwimura gahunda ku wundi munsi, kunanirwa gutegura gahunda.

3. Intego y'uyu mwitoto ni ukurema ahantu henshi hari "umwanya wera" hagenewe ibikorwa "by'ingenzi ariko bitihutirwa" ibyo twese dukunda kwimura mu buryo budasobanutse birimo nko gusoma igitabo cyagaburira ubugingo bwawe, gukora isuku aho ubika imyenda, gusangira ikawa n'inshuti yawe. Ugomba kwitonda cyane mu guhitamo uko wakoresha igihe cyawe kiri muri wa "mwanya wera", wemera inshingano nshya kandi uzirikana neza ibyo wigomwe kugira ngo ukore utyo.

Kugeza aha rero uba ugendera ku ntego (1 Abakorinto 9:24-27)!

III. GUSHYIRA MU GACIRO

Kimwe mu bibazo bikomeye abagore bavugaga ko bahura nabyo uyu munsi ni ukuyobora ubuzima bushyira mu gaciro, babihuza n'inshingano bafite ku kazi, murugo, no ku itorerero – bagerageza kubikora byose neza no kuba inyangamugayo, bagerageza kunezeza buri wese. Ku giti cyanyije, ubuzima bworohaga cyane iyo namenyaga ko gushimisha abantu atari akazi kanjye cyangwa inshingano yanjye. Kuko ibyo bishobora guterwa gusa n'imibanire bafitanye n'Imana. Nashoboraga kugabura ibiryo ntungamubiri, kurema urugo rwiza, guhumuriza, gutera intege, gutanga ubumenyi, n'icyizere, ariko ntabwo nashoboye gushimisha abantu. Kuri jye, gushyira mu gaciro byabagaho igihe numvaga ko mbayeho ubuzima nk'ubwo undeba Umwe Rukumbi ashaka, ntagamije kwishimisha ubwanjye cyangwa gushimisha abandi, ahubwo nshaka gushimisha Imana ubwayo. Ni muri icyo gihe nashoboraga kumva ko ari ngombwa kujya kureba umuhungu wanjye akina umupira kurusha kujya mu masengesho ku itorerero cyangwa mu bikorwa byo "kubaka imibanirere" cyangwa ibirori byo ku kazi; igihe kimwe kandi numvaga ari ngombwa cyane gutegurira amafunguro umuryango wanjye butarira cyane kugira ngo mbashe kugera mu munsi ukurikiyeho nkorana umurava akazi nshinzwe cyangwa nakira murugo gahunda y'inyigisho za Bibiliya nirinda gukora ibyo byose nkererewe. Buri munsi usaba gushyira mu gaciro, ugasaba ibihe byo gusenga. Yego, habagaho gutsindwa n'imbogamizi muri icyo gihe cyose, ariko ku iherezo navuga mu by'ukuri ko Imana yanyoboraga mu gukiranuka kwayo ikarinda intambwe zanjye zose z'uwo munsi – singire icyo niganyira.

Haba hari ibihe nakoze amakosa? Yego rwose! Nabimenyaga iyo numvaga mpangayitse, iyo nakabukiraga abana banjye cyangwa abakozi banjye, iyo ibitekerezo byanjye byabaga byihuta cyane ngerageza kureba ko nagera ku buriri kuryama, mu bisanzwe ibyo byaterwaga ni uko ibiri ngombwa mu buzima bwanjye bitabaga byakurikijwe.

IGICE CYA 7 : INDANGAGACIRO, IBIRI NGOMBWA, GUSHYIRA MU GACIRO

Cyabaga ari igihe cyo gushaka umwanya wo kwitekerezaho, kwihana no kwitunganya. Nkavugaga nti ; “Mana, urabizi umunsi ugira amasaha 24. Ntabwo nabasha gukora ibi byose. Ni ibiki ndi gukora utampamagariye gukora ? Ni ibiki by’ingenzi nkwiye gukora ejo ?” Ubuzima bwanjye ntibukiri gushyira mu gaciro, mbitewe akenshi ni uko nemereye “ibyahutirwa” cyangwa “ibidafite agaciro” bikaryamira ibiri ngombwa mu buzima bwanjye n’indangagaciro zanjye.

Niba ufite ikibazo cyo gushyira mu gaciro gahunda z’ubuzima bwawe, ukumva uhuzwe cyane bitewe no kugira ibintu byinshi ukora biruta amasaha y’umunsi, ndagutera intege ngo ufate igihe cyo gusenga ushake Uwitwaga umusabe impinduka wifuzaga ko ziba mu buzima bwawe. Yesu yaravuze ngo, “kuko kunkorera kutaruhije, n’umutwaga wanjye utaremereye” (Matayo 11 :30). Niba ufite inshingano nyinshi udashobora kuzuzanya no gusohozanya, ahari byaba biterwaga nuko wakiriye inshingano nyinshi ziruta izo Imana yaguhamagariye gukora. Ni byiza ko ugisha inama umuryango wawe vuba na bwangu cyangwa ukegera abajyanama bandi wizeye. Bashobora kuguhanga ibitekerezo bishya. Ese uri mu ntambara y’umwuka uhanganye n’umwanzi w’umutima wawe ? Ese urashakaga izina cyangwa icyubahiro kurusha kumenyanya umugambi w’Imana ? Wigeze wemera inshingano Imana yaguhamagariye kwakira ? Wowe n’Imana ni mwebwe gusa mwasubiza icyo kibazo ; Iragutegereje ngo uyibaze!

“Umurimo Imana ikorera muri twe twese ni wo yemera, atari uwo twe twese tuyikorera.”
(Chambers, 1992, p. August 30)

KUZIRIKANA:



Zaburi 90:12 - Utwigishe kubara iminsi yacu, Uburyo butuma dutungira imitima y'ubwenge.



Imigani 24:3, 4 - Ubwenge ni bwo bwubaka urugo, Kandi rukomezwa no kujijuka. Kumenyanya ni ko kuzuzanya amazu yo muri rwo, Mo ibintu byose by'igiciro cyinshi n'iby'igikundiye...

UKURI KW'INGENZI:

Kumenya indangagaciro zacu no gushyiraho ibiri ngombwa mu buzima bwacu dushingiye ku ijambo ry'Imana ni ingnzi niba dukeneye kubaho ubuzima bushyira mu gaciro mu ishusho Imana ibireberamo.

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

IGISUBIZO CYAWE:

1. Andika indangagaciro zawe nshya maze uzishyire ahantu utekereza ko wahora uzireba buri muni kandi uhore uzivugurura mu gihe runaka.
2. Haba hari impano cyangwa ubushobozi ukeka ko Imana yifuza ko wazikoresha muri iki gihe, ariko ukaba utarazizamuye bitewe n'uko wabuze igihe cyangwa uburyo bwo kuzikoresha? Niba ari byo, izo mpano ni izihe? Ni izihe ntabwe watera (uhereye ku isengesho) kugira ngo utangire gukingura iyo miryango?
3. Ereka ibyo bintu wicuza ko wemeye gukora. Uzuza ayo magambo ya bugufi yo kwiyemeza yo mu gihe runaka. Tangira gukorera ku ntego kugira ngo wiyoroherenze ibindi wiyemeje biri ku rutonde rwawe. Ushobora kubona umuntu wakwishimira kuziba icyuho cyawe cyangwa ukaba waganira n'umuntu wahaye inshingano yo gukora ibyo utatunganyije cyangwa Imana ikaba yaguha ikindi gisubizo kidasanzwe. Tangira umuni werekana gahunda kandi usenga!

KU BUNDI BUSHAKASHATSI:

Margin by Richard Swenson (Swenson & Swenson, 2002)

The Balanced Life by Alan Loy McGinnis (McGinnis, 1997)

The Seven Habits of Highly Effective People by Steven Covey (Covey, 1989)

Time Management from the Inside Out by Julie Morgenstern (Morgenstern, 2000)

Having a Mary Heart in a Martha World by Joanna Weaver (Weaver, 2000)



ISOMO 8: IMISHYIKIRANO, IMITERERE Y'ABANTU, IMIBANIRE MYIZA

Nta kintu cy'ingenzi cyatuma habaho ubuyobozi bwiza kurusha gushyikirana mu buryo bwiza, kandi nta kintu cy'ingenzi mu gushyikirana neza kurusha gusobanukirwa abaguteze amatwi. Gushyikirana bisaba byinshi birenze kuvuga; harimo amarenga, ijwi kandi icy'ingenzi cyane ni ugusobanura ibintu neza – ukamenya neza ko ibyo uvuga ari nabyo abaguteze amatwi bumva. Ushobora kuvuga ariko niba umuntu uguteze amatwi mutavuga ururimi rumwe cyangwa ngo asobanukirwe ibyo uvuga, umenye neza ko uba utagishoboye gushyikirana na we.

Muri iri somo dutanga inama tuvuga ko ururimi rw'uwumva atari rwo rw'ingenzi gusa, ahubwo n'imiterere yabo. Abantu babiri bashobora kumva ubutumwa bumwe buvuye ku muntu umwe, ariko bagasobanura bwa butumwa mu buryo butandukanye bishingiye ku miterere yabo. Turaza kuvuga ku bwoko bune bw'imiterere ya muntu cyangwa se “kamere” nk'uko byasobanuwe na Hippocrates mu myaka irenga ibihumbi bibiri ishize, ariko kugeza none bikaba ari ko bikimeze.

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

Gusobanukirwa ibi byombi, gushyikirana n'imiterere ya muntu, ni ingenzi cyane niba twifuza kubaka itsinda rigizwe n'abantu bafite imibanire myiza.

NOTES

1. IMISHYIKIRANO

Nk'abayobozi dukunda gutekereza ko imishyikirano ari uburyo budufasha kumvikanisha ibitekerezo byacu ku bo tuyobora. Hari imbaraga ziboneka mu mbwirwa ruhame ivugitse neza kandi itera intege abayumva bageze ku bihumbi, ariko kandi hari izindi mbaraga bifitanye isano mu gikorwa cyoroheje cyo gutega amatwi, buri wese yumva mugenzi we. Tumenya gusa ko twashyikiranye neza iyo twumvise kwifuza kw'abaduteze amatwi.

Steven Covey mu gitabo cye yise "The Seven Habits of Highly Effective People" ashimangira cyane akamaro ko gutega amatwi mu gice avugamo umuco wa gatanu w'abantu barangwa n'imico myiza, agira ati: "Banza ushake kumva, maze ubashe kumvwa" (Covey, 1989). Avuga ko kenshi aho kumva abandi bantu, ibitekerezo byacu biba biriho bitegura icyo tubasubiza. Atanga inama yerekana ko duhinduka abantu bashyikirana neza niba dutega amatwi twitonze, dusaba ibyo undi muntu avuze kubisubiramo kugira ngo turusheho gusobanukirwa neza. Urugero, dushobora kuvuga ngo, "Ntekereza ko uri kuvuga ngo ... Ese nagusobanukiwe neza?" igihe ntangiraga kwiga iri hame, nagize amahirwe yo guhita mbigerageza ku bahungu banjye mu gihe bari bakiri ingimbi bafite imitekerereze n'imiterere itandukanye. Ijoro rimwe mu gihe imbamutima zari zitangiye kuba nyinshi twicaye ku meza dusangira kandi tunganira, nasabye buri wese muri bo gukoresha uburyo bwatekerejwe na Covey. Ibyo byaje kutugeza ku kiganiro gitandukanye!

ISOMO 8: IMISHYIKIRANO, IMITERERE Y'ABANTU, IMIBANIRE MYIZA

Abayobozi bazana ibitekerezo bishya kandi birimo ibibazo bagomba guhora biteze gusubizwa – bashimwa kandi bakanengwa. Uko wowe nk'umuyobozi utega amatwi abandi kandi ugasubiza ubwo bwoko butandukanye bw'ibusubizo ni byo bigaragaza imiterere y'ubuyobozi bwawe. Ushobora guseka kandi ukikiriza ndetse ntugire icyo uvuga (kandi ntugire icyo umenya) cyangwa se ushobora gutega amatwi witonze, ushaka gusobanukirwa ibitekerezo byihishe inyuma y'ibyo abandi banditse. Ku bijyanye no gushimwa, muri kwa gutega amatwi ugomba gusobanukirwa neza ibyafashije abantu, maze ku bijyanye no kunengwa, ugomba kumenya niba ibyo abantu bavuga ari ukuri! Ni ingenzi cyane kumenya ko umuntu wanditse asangiza igitekerezo cyo kugaya, aba aguhaye impano; ashobora kugusangiza igitekerezo akaba aguhaye umwanya wo gusobanura ibintu neza cyangwa akamamaza cya gitekerezo cye cyo kunenga akakigeza ku nshuti ze magara makumyabiri. Iteka ryose ukwiye kwakira iyo mpano y'ibitekerezo wishimye kandi ukagerageza kumva buri wese.

Abayobozi bakangurirwa cyane gusubiza abo bayoboye mu gihe bababaye cyangwa bahuye n'ikibazo runaka, ariko bakabahugura gake cyangwa bakareka guhugura abo bayoboye bababwira icyo bavuga cyangwa bakora. Ntibashake kuvuga cyangwa gukora ikintu kibi, bagomba kwirinda gukora ibyo byombi. Ishyirahamwe ryitwa Stephen Ministry ritanga inyigisho nziza zerekeranye n'iyi ngingo kandi rigatanga inama yoroheje bise “the ministry of presence” (cyangwa se gukorera ahabona). Bisobanura kuboneka maze ugatega amatwi cyangwa kwicara utuje uri kumwe na wa muntu ubabaye, biba ari ibintu byiza cyane kandi ni impano idapfa kuboneka.

Gutega amatwi ni ingenzi cyane, ariko kandi ntabwo nshaka gupfobya umumaro wo kuvuga neza ibyo Imana iba yagushyize ku mutima. Izi ni inama zimwe natanga:

- a. Niba ukeneye kumva ibitekerezo birimo ukuri ku butumwa watabukije, uzigishe abana bato. Bazakubwira niba ubarambira, ubatindira cyangwa nta cyiza utabahagije!
- b. Kwimenyereza, kwimenyereza, kwimenyereza! Hari aho nasomye nsanga Billy Graham yarakundaga kubwiriza ku giti cy'ibishyitsi. Data yanyigishije ko ari byiza kwitworeza ku ndorerwamo kugira ngo ndebe uko nkoresha amaboko yanjye cyangwa ndebe imyifatire ngira ishobora kurangaza abantu.
- c. Oroshya ibintu! Ibi ntibisobanura ko utagomba kwitegura. Ahubwo bisobanura ko ugomba kwitegura cyane, maze ugahinira hamwe ibigize ubutumwa bwawe ukabishyira mu ngingo eshatu cyangwa enye zisobanutse neza.
- d. Ntugire ikibazo niba ufite ubwoba. Data yabaye pasitori mu gihe kingana

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

n’imyaka 70 wakundaga kubwiriza inshuro enye cyangwa eshanu mu cyumweru, yigze kumbwira ko buri gihe uko yigishaga yumvaga afite ubwoba. Igihe wiringiye ubushobozi bwawe maze ntumenye ko ugengwa n’amavuta ya Mwuka Wera ni ho uba uri mu bibazo.

- e. Saba Uwiteka kugufasha kuba umuyoboro mwiza w’urukundo rwe n’ukuri binyura muri wowe, kuba ikirahuri cyiza kimurikirwamo umucyo we. Imbamutima zawe ku mpera y’ubutumwa bwawe cyangwa kudasubizwa n’abaguteze amatwi ntabwo ari byo bikwereka neza ko ubutumwa bwawe bwumvikanye. Itsinda ry’abaguteze amatwi rituje ibyo bishobora kukwereka ko Ijambo watambukije ryabibwe nta birangaza. Wizere Imana ko isohoza umugambi wayo wizere kandi Umwuka Wera ko yemeza ukuri abakumva

2. UBWOKO BW’IMITERERE Y’ABANTU

Intego yo gusobanukirwa ubwoko bw’imiterere y’abantu ntabwo ari ukugira ngo bashyirwe mu dutebo tw’abantu beza n’ababi, ahubwo ni ukugira ngo dusobanukirwe neza uko dusubiza, dutekereza n’uko dukora, tumenye n’uko abandi basubiza kandi batekereza bitandukanye. Uko tumenya abandi, ni ko dutangira gusobanukirwa ko uburyo bwacu atari bwo buryo bwonyine bubaho, kandi ibitekerezo bitandukanye mu nteguro runaka no gukemura ibibazo bifasha kugera ku bisubizo byiza mu gihe dukora kandi dushyize hamwe.

Hari uburyo bwinshi bwo gutondekanya ubwoko bw’imiterere y’abantu, abenshi bavuga ibyiciro bine bitandukanye. Harimo uburyo butatu buzwi bwo gutondekanya ubwoko bw’imiterere y’abantu n’ibyiciro bine by’abantu ari byo:



DISC – dominance (abantu baganza), influence (abantu bazana impinduka), compliance (abantu basaba ibisobanuro), supportive (abantu bashyigikira abandi)



Hippocrates – choleric (abantu barakara vuba), sanguine (abantu bavuga menshi), melancholy (abantu bahora barakaye), phlegmatic (abantu baterekana amarangamutima yabo)



Colors (Amabara) – Red (umutuku), Yellow (Umuhondo), Blue (Ubururu), Green (Icyatsi)

Nerekanye urutonde rw’ibyiciro nk’uko bitondekanye hamwe mu buryo bwose.

Mu busobanuro bukurikira buhinnye, nahisemo gukoresha uburyo “bw’ibara” mbere na mbere kuko ari bwo nabonye ku ikubitiro mu mahugurwa y’ubugenzuzi yo kurinda ibyerekeranye

n'itumanaho yakozwe n'ishyirahamwe Management Technologies, Inc. Mbere yuko dutangira, reka nongereho ko abantu benshi

ISOMO 8: IMISHYIKIRANO, IMITERERE Y'ABANTU, IMIBANIRE MYIZA

ari uruvange rw'ubwoko bune bwose bw'imitere y'abantu butandukaniye ku mbaraga buri bwoko bufite.



Umutuku (abantu baganza, abantu barakara vuba) – Bagira intego

- Ibibaranga: ntibaca ku ruhande, bazi gufata icyemezo, bahora bahanganye, bahora bashaka kwakira ingaruka zose, bishimira guhorana inshingano, bakunda ibisubizo birashe, ntibakunda gutegekwa, bagira intego
- Bafata ibyemezo babanjye kugerageza no gukosa, bagasuzuma ibyo bagezeho
- Niba uri muri iki cyiciro cy'umutuku wirinde: gufata ibyemezo wihuse, guhubuka no gukomeza ibintu, no kunanirwa gutega amatwi abandi
- Mu gushyikirana n'abari mu cyiciro cy'umutuku: Vuga werekana ibyiza n'ibibi by'icyemezo wafashe kandi urase ku ntego, ntubabazwe n'ubusa
- Abari mu cyiciro cy'umutuku bagira ikibazo cyo gusabana. Inama tubagira: Igitekerezo ushaka gutanga kigumane kugeza aho usabwa kukivuga, ntusuzugure abandi, wemere rwose amakosa yawe, wihutire gusaba imbabazi



Umuhondo (abantu bazana impinduka, abantu bavuga menshi) – Barasabana

- Ibibaranga: barasabana, barakundana, bemera guhinduka, bakunda gukorera mu matsinda, bazi gutera inkuru no gutoza
- Bafata ibyemezo babanje kumva ibitekerezo byabanje kwemeranwaho
- Niba uri muri iki cyiciro cy'umuhondo, wirinde: gushaka gushimishia buri muntu, kutagira gahunda, wirinde kurangara, gukabya, kubeshya
- Mu gushyikirana n'abari mu cyiciro cy'umuhondo: Bafashe kuguma ku ntego, muganire ku bibazo byabo, ubitegeho urujijo, gukererwa, no kumara igihe bubaka ubushuti
- Abari mu cyiciro cy'umuhondo bagira ikibazo cyo kuvuga menshi no kwirebaho cyane. Inama tubagira: Guhuriza hamwe ibitekerezo wabonye, kudakabya, gutega amatwi abandi, kugerageza kuzamura ubumenyi butuma ugira gahunda



Ubururu (abantu basaba ibisobanuro, abantu bahora barakaye) – Bahora bashaka kumenya amakuru

- Ibibaranga: Bashaka kandi bacukumbura amakuru, bakunda kwiga, kugira imigambi, bakayikomeza, bakayisuzuma, bishimira imishinga ivuguruye kandi irimo udushya, baratekereza cyane

- Bafata ibyemezo: babanje gukusanya amakuru maze bagasuzuma ibitekerezo bishoboka byose
- Niba uri muri iki cyiciro cy'ubururu, wirinde: gusuzuma amakuru bikabije

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

gutinda gufata icyemezo, guha agaciro cyane inyurabwenge n'ibitekerezo byawe kurusha kumva ijwi ry'umutima

- Mu gushyikirana n'abari mu cyiciro cy'ubururu: bafashe kumenya uko bahitamo uburyo bwiza muri bwinshi baba batekereza, kwihangana mu gihe bafata ibyemezo, gutega amatwi ibitekerezo byabo
- Abari mu cyiciro cy'ubururu bagira ikibazo cyo kwiheba no gushaka gukora ibintu bitunganye. Inama tubagira: kwiremamo imyifatire yo gushima, kureba ibigenda neza, kwihanganira amakosa y'abandi hamwe n'ayawe, kwizera no kwiringira Imana



Icyatsi (abantu bashyigikira abandi, abantu baterekana amarangamutima yabo)

Bakoresha uburyo butandukanye

- Ibibaranga: barifata, barashishoza, amakuru bumvise bayarambura amakuru mu buryo busobanutse, bakurikiza imico, amategeko n'uburyo ibintu bikorwamo, bakunda icyerekezo n'amabwiriza
- Bafata ibyemezo: babanje kubona amakuru aramubye, bamenye ikibazo, bashaka amakuru ku mateka y'ikibazo runaka, bagashyiraho uburyo butandukanye, bagatohoza ikintu cyose
- Niba uri muri iki cyiciro cy'icyatsi, wirinde: kugenzura cyane, guhagarikira ibintu, kwikomeza no kudashaka guhinduka, kwemera ingaruka mu buryo bukabije
- Mu gushyikirana n'abari mu cyiciro cy'icyatsi: rema udushya, ubereke ko ubafitiye icyizere, ubafashe gutohoza amakuru, ugene imiterere na gahunda y'ibintu
- Abari mu cyiciro cy'icyatsi bagira ikibazo cyo kutamenya ibyo bakunda kandi banga guhinduka. Inama tubagira: kubatera intege zo kugerageza ibishya, kumenya ibyo bakunda, kugira uruhare mu guhangana n'ikibazo runaka, kwemera uhinduka

Ubundi buryo butandukanye bwo gusobanukirwa abantu ni ubwatangijwe n'abihaye Imana bitwa "Desert Fathers", aba ni abakirisitu bagiye kuba mu butayu mu kinyejana cya gatatu kugira ngo babashe kwegera Imana. Ubu buryo bwitwa Enneagram. Amakuru arambuye kuri ubwo buryo wayasanga kuri interineti; amatsinda asanzwe y'abantu akoresha bene ubu buryo.

3. IMIBANIRE MYIZA

Mu nyigisho ze Yesu yamaze igihe avuga ku rukundo. Kuki byari ingenzi cyane kuri We? Urukundo dukundana hagati yacu ni rwo rwerekana urukundo dukunda Imana. Ntabwo twavugaga ko dukunda Imana ngo hanyuma twange bashiki bacu (1 Yohana 2:9).

ISOMO 8: IMISHYIKIRANO, IMITERERE Y'ABANTU, IMIBANIRE MYIZA

Igihe yabazaga itegeko rikomeye kurusha ayandi, Yesu yasubije ibintu bibiri: “Ukunde Uwiteka Imana yawe, ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda” (Matayo 22:36 – 39).

Isezerano Rishya ritubwira ayandi mabwiriza yerekeranye n’urukundo nk’aya ngaya:

“Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha nk’uko Imana yabababaririye muri Kristo” (Abefeso 4:32).

“Nimurakara ntimugakore icyaha, izuba ntirikarengye mukirakaye” (Abefeso 4:26). “Ariko jyeweho ndababwira nti ‘Mukunde abanzi banyu, musabire ababarenganya’ (Matayo 5:44).

Inshuro nyinshi mu Isezerano Rishya duhugurirwa kubana n’abandi mu mahoro (Abaroma 12:18; 2 Abakorinto 13:11, Abaheburayo 12:14). Ariko hari igihe bidashoboka kuko hari abantu bigoranye kubana na bo! None ni gute tubana n’abantu bagoranye? Mu bisanzwe duhitamo uburyo bumwe muri ubu butatu – kubirinda, guhangana na bo, cyangwa kubana na bo mu mahoro. Ariko Ibyanditswe bidusaba guhitamo ubwo buryo bwa nyuma.

Waba uri gukemura ikibazo ufitanye n’umuntu cyangwa uri guhuza amatsinda abiri ashyamiranye amahame y’ingenzi ni amwe. Tangira usubiza amaso inyuma, usuzume ikibazo. Ni ryari havutse ibibazo? Reba ibyakorwa kandi usabe Imana ubwenge bwo kurobanura.

- a. Ese byaba byatewe no kugira imiterere itandukanye, indagagaciro zitandukanye, intego cyangwa ibyo

abantu baba biteze bitandukanye cyangwa wenda byatewe no kudashyikirana neza

NOTES

UBUSOBANURO

cyangwa kumva amakuru atari yo? Fata umwanya wo gutekereza no gusengera ikibazo. Usabe Imana kubona ikibazo nk'uko ikibona,

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

kuguha umucyo, n'igihe gikwiriye. Niba ikibazo ari ukudahuza imiterere, igisubizo ni ukubana mwuzuzanya harebwa inyungu rusnaga abantu bahuriyeho, urugero: Pawulo na Barinaba. Niba ikibazo ari ukugira indangagaciro n'intego bitandukanye, buri wese agomba gushaka Uwitaka akamenya ubushake bwe. Niba ikibazo ari ukudashyikirana neza no kumva amakuru atariyo, kuganira ku kibazo bizatuma gisobanuka maze duhuze bitume twese hamwe twongere kugendera mu mucyo (1 Yohana 1:7).

- b. Mbese iyi ni intambara y'umwuka ? Birashoboka ko ku kazi habaho umwuka wo gucikamo ibice, cyangwa ibindi bitero biturutse hanze byabageraho mwembi, ibinyoma bibibwe n'umwanzi kugira ngo ateze ikibazo kandi asenye umurimo w'Imana. Niba ari uko, ugomba gusenya ibihome biri hagati yanyu mwembi binyuze mu kuganira mubwizanya ukuri kwerye kandi musengere hamwe murwanye umwanzi (Abefeso 6 :12).
- c. Mbese uru rwango rwatumye habaho gucumura, haba kuri wowe cyangwa kuri mugenzi wawe ? Birashoboka ko ibyaha no kubabara byo mu gihe cyashize bigushyira mu rubanza cyangwa bigatuma imbamutima zawe zigaragaza ibibi byatuma uvuga amagambo mabi cyangwa ukora ibikorwa bibi. "Mbese muri mwe intambara ziva he, n'intonganya ziva he ? Ntibiva ku byo mwishimira bibi, birwanira mu ngingo zanyu ?" (Yakobo 4:1)?

Imiryango iharanira amahoro itanga inama zishingiye ku ntambwe enye za Bibiliya zafasha abantu gukemura amakimbirane:

- i. Guha Imana icyubahiro. Wizere ko Imana ishobora guhindura ikibazo cyawe ikagukuramo icyiza (Abaroma 8:28).
- ii. Banza utokore ijisho ryawe (Matayo 7:5). Tekereza ku Abafilipi 4:2-9.
- iii. Kwiyunga mu buryo bwiza. Shaka uko wiyunga na mugenzi wawe, aho guca urubanza (Matayo 18:15 – 18).
- iv. Genda maze wiyunge. Tanga imbabazi nk'uko Imana yakubabariye (Abakolosayi 3:12 – 14) (Sande, 2014).

Mugenzi wawe wundi yamenya uruhare yagize mu kibazo mufitanye cyangwa ntarumenye, Imana idutegeka kubabarira niba dushaka kubabarirwa (Matayo 6:15). Niba aha ari ho hantu ugira ibibazo, hariho ibitabo n'imbuga za interineti ziri ku musozo w'iki gice ushobora gusoma bikagufasha.

Kuri buri bwoko bw'imiterere y'abantu, hari ikigeragezo cyo kwamagana

ISOMO 8: IMISHYIKIRANO, IMITERERE Y'ABANTU, IMIBANIRE MYIZA

gushyamirana aho usanga buri wese avuga ngo, “reka nizere ko nyuma y’igihe bizongera bikagenda neza.” Nanjye nemera rwose ko nigeze kuba umwe mu bantu bavugaga batyo. Ariko kandi bitewe n’ibyo nanyuzemo nasobanukiwe ko ikibazo kidapfa “kurangira”. Akenshi kiba gihambwe mu gihe runaka

frequently it is temporarily buried, kitaruka mu gihe habayeho kutumvikana gato. Niba ikibazo gikomeje kugaruka mu ntekerezo zawe maze ugatangira kumva wanze mugenzi wawe, ni byiza ko mukemura icyo kibazo, mwitonze, mubwizanya ukuri, mwubahana kandi mushyikirana mu buryo bweruye na wa wundi mwashyamiranye, kandi ibyiza ni uko mubikora muri kumwe amaso ku maso.

KUZIRIKANA:



Abaroma 12:18 - Niba bishoboka, mu rwanyu ruhande mubane amahoro n'abantu bose.



Abefeso 4:32 - Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha nk'uko Imana yabababaririye muri Kristo.

UKURI KW'INGENZI:

Gusobanukirwa uburyo butandukanye bwo gushyikirana n'ubwoko bw'imiterere y'abantu ni ingenzi cyane mu kubaka imibanire ikomeye n'umuryango mwiza.

IGISUBIZO CYAWE:

1. Ni ubuhe bwoko bw'imiterere y'abantu bukuranga kandi ni ubuhe bwoko bw'imiterere y'abantu buranga abantu bo mu muryango wawe. Niba ukoresha interineti kandi ukaba utarakora isuzuma ku miterere yawe, bigerageze ku buntu kuri uru rubuga discpersonalitytesting.com/free-disc-test.

2. Mu biganiriro uteganya gukora, gerageza uburyo bwo gutega amatwi witonze kandi usabe gusobanukirwa neza mbere yo gusubiza. Ntutungurwe no kumva bibanganye kandi biruhanyije ku nshuro ya mbere. Nk'uko bigenda ku buntu byose, uko ubyitoye uzagenda ubimenyera. Niba utanze amabwiriza ku muntu mukorana, musabe gusubiramo ibyo yumvise. Bishobora kugutungura!

3. Mbese hari umuntu wumva wanze bitewe no kutumvikana muheruka kugirana? Gerageza intambwe enye twabonye zizwi ku izina rya “4 G’s” rifasha kubana amahoro na mugenzi wawe, kumva icyo Imana igusaba gukora wita cyane no ku gihe gikwiriye.

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

KU BUNDI BUSHAKASHATSI:

www.peacemaker.net

www.stephenministries.org

www enneagram.com

The Friendship Factor by Alan Loy McGinnis (McGinnis, 1979)

Speaking the Truth in Love by Koch & Haugk (Koch & Haugk, 1992)

Forgive and Forget by Lewis Smedes (Smedes, 1984)

Managing Conflict God’s Way by Deborah Smith Pegues (Pegues,1997)

Personalysis – Management Technologies (Noland, 2015)

Personality Plus – Florence Littauer (Littauer, 1986)

LifeKeys – Kise, Stark, Hirsh (Kise, Stark, & Hirsh, 1996)

The Seven Basic Habits of Highly Effective People by Stephen R. Covey (Covey, 1989)



ISOMO 9: KUYOBORERA AHO IMANA YAGUSHYIZE

Bake muri twebwe twavutse tutari abayobozi nk'igikomangoma William

Cyo mu Bwongereza, kandi ni abantu bake bavukanye impano yo kuyobora (nubwo hari abantu bamwe bakunda kubiyitirira), ariko benshi muri twebwe kuyobora bidukuramo buhoro buhoro, turebera ku buryo butandukanye bwo kuyobora, twunguka ubumenyi bwinshi dukura mu bunararibonye, mu byo dutekereza, n'ibyo tureba. None se ni gute umuntu atangira uru rugendo rw'ubuyobozi? Tangira kuyoborera aho Imana yagushyize. Nk'uko nabivuze mbere, ubumenyi bwanjye bwa mbere ku bijyanye no kuyobora nabukuye mu gukorera ubushake ntanga ubufasha mu mirimo yo ku itorero no mu bikorwa by'abanyeshuri, nk'ibisanzwe mu bwangavu bwanjye nasuzumwaga n'abantu bakuru. Amasomo y'ubuyobozi nakuye muri iyo myaka ya mbere yari ntagereranwa – kumenya uko witwara ku bakunenga n'abakwanga, akamaro ko kubaka itsinda mukorana, no gushyiraho urufatiro rw'ishyirahamwe ruzaramba. Imwe mu nshingano z'ingenzi z'ubuyobozi bwaranze nayimenye ndi mu myaka makumyabiri igihe nabaga umubyeyi. Nyuma yaho, mu gihe nari mu kazi kanjye k'ubucuruzi aho nakoraga nk'umuyobozi ukurikirana abandi bakoze, nibuka ko nabwiye databuja ngo "ibintu byose nashakaga kumenya kuri aka kazi nabimenye igihe nari murugo mu myaka icumi ndi hamwe n'abahungu banjye babiri."

Ntukerense rero umumaro w'amasomo y'ubuyobozi wize mu myaka yashize. Uko urushaho kwifuza kuba umuyobozi,

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

ndakugira inama yo kwitaho aya mahame ane.

1. KUGIRA ICYEREKEZO

Muri iki gihe uyoboye, ni iki uriho ugerageza gusohozza? Uriho uragerageza gukemura ikibazo, ushyiraho intego n'icyerekezo, ushakisha amahirwe, cyangwa wifuza kugera ku buyobozi bwiza butunganijwe neza? Kugira ngo utere intege abantu ngo bagukurikire, ugomba gusobanura neza icyerekezo kigusunika kuyobora. Ushobora kuba uri gusubiza icyo Imana igusunikira gukora, ubona ubukene buhari, cyangwa ari ubutumire uhawe n'abayobozi bakuru. Mose yari afite icyerekezo cyo kubohora Abisirayeli mu buretwa. Ariko ishyaka yatangiranye rirangira ahungishije ubuzima bwe mu butayu ahamara imyaka mirongo ine. Uri mu murongo mwiza niba warananiwe mu bumenyi wamenye kera ku bijyanye n'ubuyobozi. Ntucike intege! John Maxwell atugira inama yo "gutsindwa twerekeza imbere," kwigira ku makosa yacu (2000).

2. KWIMENYA

Mu Abaroma 12:3 hadushishikariza kutitekerezaho cyane ko hari ibyo dushoboye. Ariko mu buyobozi ni ingenzi cyane kumenya aho dufite imbaraga n'aho dufite intege nke – tumenya imbaraga zacu kugira ngo tuzubakireho n'intege nke zacu kugira ngo tuzizahure.

- a. Kumenya imbaraga zawe. Mu gice cya 3 twavuze ibyerekeye impano zacu n'ibyo dukunda gukora cyane. Izo ni ingingo nziza cyane zo guheraho utekereza ku mbaraga zawe. Ni ibihe bintu byiza abantu bakuvugaho ku kazi, ku rusengeru, mu rugo n'aho utuye, cyane cyane abo bantu bakuzi neza? Tekereza ku bintu 4 cyangwa 5 ukunda gukora kandi wibwira ko ukora neza. Iyo utekereje ku birebana n'ubuyobozi uba utumbira cyane uko izo mbaraga zigaragara?
- b. Kumenya intege nke zawe. Iyo utsinzwe, biterwa n'iyihe mpamvu muri rusange? Ni ibihe bintu bibi abantu bakuvugaho? Ni ibiki wifuza kureka bigushobokeye? Tekereza ku bintu 4 cyangwa 5 bigaragaza intege nke zawe kandi bikubera imbogamizi. Ni gute bibangamira kandi bigashyirho imbibe zikubuzza kuba umuyobozi mwiza? Ni iki wakora kugira ngo uzahure izo ntege nke?

ISOMO 9: KUYOBORERA AHO IMANA YAGUSHYZE

- c. Kumenya gisunika iri mu mutima wawe. Mu gihe utekereje kubirebana no “kuyoborera aho Imana yagushyize,” wumva gisunika ari iyihe? Ni ugushaka gutegeka? Gukorera abandi? Kwigarura abantu cyangwa kubareshya? Ni he hantu wishongora, ugirira ishyari, ukaherekanira n’ibindi byerekeye “irari ry’umubiri”? Ube umunyakuri kuri wowe ubwawe no ku Mana.

Mose yahindutse mu gihe cy’imyaka mirongo ine yamaze mu butayu. Ntiyari akiri igikomangoma cya Misiri ahubwo yahindutse umushumba. Ntiyari akiri umunyamujinya wihorera, ahubwo yahindutse umuturage ucishije bugufi wibera mu butayu. Aho kugira ngo abe umuntu “w’umunyembaraga mu magambo” (Ibyakozwe n’Intumwa 7:22), yivugiye ubwe ko “atabasha kuvuga vuba, kandi ururimi rwe rutinda” (Kuva 4:10). Imbaraga ze zahindutse intege nke ze, ariko kuri iyi nshuro mu maso y’Imana yari amaze gutegurwa neza kugira ngo ayobore.

3. UMVA UMUHAMAGARO W’IMANA

Abayobozi bakomeye muri Bibiliya, Aburahamu, Mose, Yosua, Gidiyoni, Dawidi, Petero, Pawulo, abo mu Isezerano rya Kera n’Irishya bose hari ikintu kimwe bari bahuriyeho. Igihe kimwe mu buzima bwabo, baravuze, “yego” ku muhagarero w’Imana. Nta n’umwe muri bo wari umuntu udasanze kandi w’indashyikirwa, ahubwo kenshi benshi muri bo bumvaga boroheje badashobora kuyobora, nyamara bemera kumvira umuhamagarero w’Imana. Dushobora kumva hari ibyo tutujuje

mu gihe Imana ivuganye natwe nk'uko yavuganye na Mose ngo, "Icyo ufite mu ntoki ni iki?" (Kuva 4: 2). Ikibazo ni ukumenya niba tuzifuzaga guhitamo gutera intambwe yo kwizera no kumvira maze tugakoresha ibyo dufite ku bw'Imana. Nkiri muto nakundaga imwe mu nyikirizo nakundaga kuririmba ivuga ngo "Shamugari yari afite igihosho, Dawidi yari afite umuhumetso

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

Dorukasi yari afite urushinge, Rahabu yari afite umugozi, Samusoni yari afite umusaya w'indogobe, Aroni yari afite inkoni, Mariya yari afite amavuta kandi bose bakoreshejwe n'Imana." Icyo ufite mu ntoki ni iki?

4. KUBAKA IKIPE

Umwe mu mirimo y'ingenzi mu byerekeye ubuyobozi watangiye gukora kera ni ukubaka ikipe mufatanyaga byose mu rugendo. Ni gute ubahitamo? Hitamo abantu b'inyangamugayo biyemeje kuvuga ukuri kabone nubwo kubabaza, abantu basobanukiwe neza icyerekezo kandi bifuzaga cyane kubona icyo cyerekezo kigerwaho, abantu bafite ubwenge bukwiriye bashobora kubona ikibazo utabonye, abantu imbaraga zabo zigaragarira mu gice ufitemo intege nke, abantu wumva wifuzaga kwegurira ibintu ngo babirinde kuko wizera uko babifata kandi bakaba ari abizerwa, abantu wifuzaga guha ububasha bwo kugukosora mu gihe wakosheje, abantu ushobora kubwira akari ku mutima wawe kandi ukaba uzi ko bagukunda batitaye ku ntege nke ufite. Umubare w'abantu bakuba hafi ntugomba kuba munini. Nyuma yo gukeshya ijoro ryose asenga, Yesu yatoranyije abantu cumi na babiri mu bantu bose bamukurikiraga, bariko yahoranga cyane ni abantu batatu gusa. Mose yatoranyije gusa umuvandimwe we Aroni, uwo yari azi bisanzwe, ariko atoranywa n'Imana ngo amufashe umurimo. Ubaka ikipe yawe buhoro buhoro kandi usenga cyane. Ugire umwete wo kubakunda, kubateza imbere no kubakorera, ntubakoreshe gusa kugirango basohozwe intego zawe. Akenshi kubaka ikipe bitangirira ku gutozanyaga hagati yanyu mwubaka imibanire, mwumvane ibyifuzo mufite kandi mubwirana amakuru yose y'ubuzima, maze buhoro buhoro mukubaka cyizere n'ibyiringiro.

Ni he Imana yagushyize? Hari icyerekezo yaguhaye ishaka ko usohozwa? Mbese wamaze igihe imbere y'Imana ubasha kumenya imbaraga zawe n'intege nke zawe, usuzuma na gisunika iri mu mutima wawe? Imana yaraguhamagaye kandi ikwemeza ko iki ari igihe cyo kwitaba umuhamagaro wayo? Mbese hari abantu b'abizerwa Imana yaguhaye bagufasha kuzana impinduka mu bandi?

KUZIRIKANA:



Abaroma 12:3 - 8 – 3 Ndababwira umuntu wese muri mwe, mbwirijwe n'ubuntu nahawe, mwe kwifata uko mutari, ahubwo mutekereze mwitonze nk'uko Imana yagereye umuntu wese kwizera.

ISOMO 9: KUYOBORERA AHO IMANA YAGUSHYIZE

4 Nk'uko mu mubiri umwe dufite ingingo nyinshi, kandi ingingo zose zikaba zidafite umurimo umwe, 5 natwe ni ko turi kuko turi benshi, nyamara turi umubiri umwe muri Kristo, umuntu wese ni urugingo rwa mugenzi we. 6 Nuko kuko dufite impano zitandukanye nk'uko ubuntu twahawe buri, niba twarahawe ubuhanuzi duhanure uko kwizera kwacu kungana, 7 cyangwa niba twarahawe umurimo wo kugabura iby'Imana tugire umwete wo kubigabura, cyangwa uwigisha agire umwete wo kwigisha, 8 cyangwa uhugura agire umwete wo guhugura. Ugira ubuntu abugire atikanyiza, utwara atwarane umwete, ugira imbabazi azigire anezerewe.



1 Abakorinto 12:4–11 – 4 icyakora hariho impano z'uburyo bwinshi, ariko Umwuka ni umwe. 5 Kandi hariho uburyo bwinshi bwo kugabura iby'Imana, ariko Umwami ni umwe. 6 Hariho n'uburyo bwinshi bwo gukora, ariko Imana ikorera byose muri bose ni imwe, 7 umuntu wese agahabwa ikimwerekanaho Umwuka kugira ngo bose bafashwe. 8 Umwe aheshwa ijambo ry'ubwenge n'Umwuka, undi agaheshwa n'uwo Mwuka ijambo ryo kumenya, 9 undi agaheshwa n'uwo Mwuka kwizera, undi agaheshwa n'uwo Mwuka impano yo gukiza indwara. 10 Undi agahabwa gukora ibitangaza, undi agahabwa guhanura, undi agahabwa kurobanura imyuka, undi agahabwa kuvuga indimi nyinshi, undi agahabwa gusobanura indimi, 11 ariko ibyo byose uwo Mwuka umwe ni we ubikorera muri bo, agabira umuntu wese uko ashaka.

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

2. Tekereza ku bumenyi wagize mu gihe gishize uyobora murugo, mu rusengeru, mu ishuri, ku kazi, no mu gace utuyemo, ndetse no mu muryango wawe mugari. Ushobora gutangazwa n'ubumenyi bwo kuyobora wungutse muri. Ni ibiki wize muri ibyo byihe byaba ibyo washoboye n'ibyakunaniye?

3. Ereka igipimo cy'ubumenyi bwawe ku miyoborere muri ibi byiciro bikurikira:
(1= hasi, 5 = hejuru)

Kwizerwa	1	2	3	4	5
Kutabogama	1	2	3	4	5
Guca bugufi	1	2	3	4	5
Gutega amatwi neza	1	2	3	4	5
Gufungukira	1	2	3	4	5
Kugira impuhwe	1	2	3	4	5
Kugira ubwenge	1	2	3	4	5
Kurema ibishya	1	2	3	4	5
Kugira icyerekezo	1	2	3	4	5
Koroha, Kumenyera	1	2	3	4	5
Gutera intege abandi	1	2	3	4	5
Gukora neza, gufata ibyemezo ku gihe	1	2	3	4	5

4. Kora isuzuma nyaryo usaba inshuti yawe ya bugufi kuganira kuri iryo suzuma rikwerekeyeho (cyangwa usabe n'abandi kuzuza iri suzuma badashizeho amazina yabo). Aho hantu washyize amanota 3 cyangwa ari hasi, ni iki wumva uzakora kugira ngo uzamure amanita cyangwa uzahure intege nke zawe ubifashijwemo n'undi muntu muri mu ikipe imwe?

KU BUNDI BUSHAKASHATSI:

The Will to Lead by Marvin Bower (Bower, 1997)

Leading from the Heart by Jack Kahl (Kahl & Donelan, 2004)



ISOMO 10: GUKORERA MU IKIPE - URUFUNGUZO

Uko twiga Ibyanditswe n'imiterere y'Imana, tubona neza ko Imana itateguye igitambo cy'ahazaza mu gihe gito kihuse "nk'umurabyo" kugira ngo igere ku musaruro uriho uyu muni. Usubije amaso inyuma mu gihe cya Aburahamu Imana yari ifite umugambi usobanutse wo gusakaza urukundo rwayo mu isi. Byasabye ko Imana igirana isezerano n'umuntu umwe wagombaga gusakaza kwizera kwe mu muryango we, no ku bazamukomokaho kugera ku isi hose (Itangiriro 18: 18, 19). Imana yatoranyije igihuu gito nk'ubwoko bwayo. Yesu nawe akurikira icyo cyitegererezo. Yatangiye umurimo we mu cyaro kure cyane y'ahantu heguriwe iyobokamana ari ho Yerusalemu, ari kumwe n'abantu batazwi muri sosiyete b'abarobyi, abasoresha, n'abantu bashyizwe ku ruhande muri sosiyete. None se ni ute Yesu yubatswe ikipe yabashije guhindura isi ikaba ndetse ikomeje kubaka abayobozi n'abayoboze benshi ba kino gihe?

1. TORANYA ABAGIZE IKIPE YAWA UBANJE KUBASENGERA

Mu gice cya nyuma natanze inama ko ukwiriye gushaka abantu mukorana nk'ikipe ugendeye ku miterere yabo. Mbese ni abantu wakwizera? Ni inyangamugayo? Bakora cyane, bifuza gukosorwa, bashishikariy kumenya, bakunze cyane gusabana n'Imana, bishimye, bavuga ukuri

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

kabone nubwo ukuri kuryana, bafasha imiryango yabo, abantu beza, bubaha buri wese bahuye na we, bakuze mu buryo bw'umwuka, bababarira, bazi kurinda buri kimwe mu byo bakora, bagira ubuntu kandi bafite urukundo? Ushobora kumva ko uru rutonde ruriho ibisabwa bidashoboka. Intego ntabwo ari ugutanga muri aha hantu hose tuvuzi, usabwa gusa gukora isuzuma nyaryo rizagufasha kubareberera ukabashoboza kwivana ahantu bakunze kunanirirwa.

Ifuze cyane kubamenya – amakuru yabo, imbaraga zabo n'intenge nke zabo, Ibyo bakunda n'ibyo banga, ubumenyi bafite n'ibibashishikaza, uko bashyikirana, n'ibibahungabanya, ntubibabaze rimwe mu gihe gito, ahubwo kenshi uko murushaho gusabana.

Yesu yasangiraga ubuzima bwe n'abigishwa be bari mu muhanda – bagenda, barya, kandi akaryamana na bo, igihe cyose akagikoresha abigisha agamije kubakuzi no kubahinduramo abantu bashyitse, yaba ari ku nkombe y'inyanja ya Galilaya, ku iriba ry'I Samarayi, cyangwa mu mbuga y'urusengeru rw'I Yerusalemu. Kugeza igihe ishuri rye rikwiriye iguhugu cyose. Yabereye kandi uko bashobora kwagura ubusabane bwabo na Data wo mu ijuru babifashijwe no gusenga no kumenya Ijambo ry'Imana ryanditswe.

Urebe witonze abantu bafite imiterere, imbaraga, intege nke, n'ubumenyi bitandukanye n'ibyawe. Ibyo bizagusaba kugira ubushake. Dukunda gushukwa no guhitamo bene ba bantu bavuga menshi, batekereza, kandi bagakora nk'uko dukora, abantu bakunda ibikorwa nk'ibyacu, bumva kandi bakagira imico nk'iyacu. Nyamara turiho turubaka "umubiri" kandi ukeneye ingingo zitandukanye (Abefeso 4:16).

Ushobora kutagira amahirwe yo kubaka ikipe yawe uherye ku busa. Ushobora gusigarana ikipe yahurijwe hamwe n'uwundi muntu, ariko aho gutangirira ni hamwe, ni ukugirana ubusabane.

Luka 6:12-16 hatubwira uko Yesu yakesheje ijoro ryose mbere y'uko ahitamo abantu cumi na babiri bagombaga kumuherekeza. Nta gushidikanya ko yabitegerezaga mu kivunge cy'abantu bamutegaga amatwi, ariko yari akeneye ubwenge buvuye ku Mana n'intego mu guhitamo kwe kwa nyuma. Ntukerense akamaro k'uyu mwanzuro. Aba bazaba abantu

ISOMO 10: GUKORERA MU IKIPE - URUFUNGUZO

muzasangira urugendo rwawe rwo kuyobora. Bamwe mu bo Imana itoranya bashobora kugutungura. Nibaza niba Yesu yaratunguwe n’uko Imana yahisemo Yuda. Niba ari uko, Yesu byamusabye kwizera Yuda bingana iki kugira ngo amuhe gucunga ikigega cy’ubutunzi?

2. GUHUZA IKIPE

Iyo “amatafari” yubatse ikipe yawe amaze kuja mu mwanya wayo, umurimo nyawo wo kubaka umubiri umwe ufite intego imwe uba utangiye. Ibyo bizagusaba mbere ya byose, wowe nk’umuyobozi gusobanura neza iyerekwa Imana yaguhaye. Gusakaza iryo yerekwa ku buryo buri wese aribona mu ishusho imwe n’iya mugenzi we ni ingenzi cyane kandi bikangura abagize ikipe yawe. Ntugomba kwifuza ko abagize ikipe yawe bamera nk’impumyi zavuze ko inzovu ari inkingi, umugozi, ishami, igikoresho gitanga akayaga, igihome, n’inkono y’itabi bitewe n’uko babyumvaga. Uko usobanura iyerekwa ryawe mu buryo bworoheje, ni ko n’abagize ikipe yawe barisobanukirwa cyo kimwe, kandi bakarushaho kugira bumwe kugira ngo basohoze iyo ntego. Mu bisanzwe, koroshya iyerekwa ntabwo ari umurimo muto kandi ntabwo ari ibyo gukerensa. Nyuma yo kubasangiza iyerekwa ryawe, saba abagize ikipe yawe kukubwira icyo batekereza n’uko basobanukiwe iryo yerekwa. Ntupfe kwibwira gusa ko basobanukiwe.

Intambwe ya kabiri ni ugusobanura uko mwebwe nk’ikipe muzasohozwa iyerekwa. Keretse niba Imana yaramaze kuguhishurira gahunda yayo kuri iryo yerekwa, atari uko gukora inyigo byaba ari umurimo mwiza wubaka ubumwe bw’ikipe, bigafasha abagize ikipe kurushaho gusobanukirwa iyerekwa, gukunda ibyo bakora no kugira umurava. Reka nguhe urugero.

UBUSOBANURO

Iyerekwa ryawe rishobora kuba “umuryango w’abagore bakundana, baterana intege kandi baterana inkunda mu busabane bwabo n’Imana,” kandi

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

“uburyo” ushobora kugabanyamo iryo yerekwa bishobora kuba “kwiha ijamba ry’Imana, gusengerana, gufatanya kuramya Imana, no gukorerana.”

3. GUKORERANA

Nta na rimwe dushobora gusa na Yesu mu buryo buruta gukorera hamwe nk’umubiri umwe, duhujwe n’umugambi, dukundana, kandi duterana integer (Yohana 17:21). Ku giti cyanjey, nasanze gushyira imbere guhangana mu bagize ikipe Bizana umusaruro w’igihe gito, ariko nyuma hakabaho ishyari, ubwibone, kutizerana, n’urwikekwe hagati y’abagize ikipe, bikabarangaza bikabakura ku cyerekezo cy’umuryango. Nyamara, gutera gufashanya no guterana intege hagati y’abagize ikipe, bifasha ba bandi bahuzagurika, bikongera urukundo, ubumwe no gusangira ubumenyi. Urugero niba ufite amatsinda mato menshi, maze itsinda rimwe rikaba ritera imbere irindi rihuzagurika, ukwiriye gushishikariza umuyobozi wa ya kipe “itera imbere” agahura n’umuyobozi wa ya kipe “ihuzagurika” maze bagasangira ibitekerezo. Ibindi bitekerezo bishobora kuba gukora inama zihoraho aho abayobozi b’amakipe babwirana ibyo bagezeho nibyo batagezeho maze bagakora inyigo ibageza ku bisubizo by’ibibazo bari guhura nabyo. Aho guhangana, ukwiriye kubashishikariza kwiha intego n’iz’amatsinda yabo, ariko izo ntego zigomba kuba umujyo umwe n’iz’ishyirahamwe ryawe.

Kwerekana urugero rwiza rwo kubahana no gukundana mu bikorwa no mu magambo ndetse no mu bitekerezo. Buri gihe, Yesu yagiraga igihe cyo kubana n’abantu cyane cyane abababaye, abarwaye, cyangwa abafite intimba. Yari afite intego isa n’uko idashoboka yagombaga gusohozwa mu myaka itatu y’ivugabutumwa rye, Ariko nta na rimwe yigeze yihuta cyane cyangwa ngo ahubuke. Ibanga rye rya buri munsu, ni uko atahindagurikaga, yari umwizerwa, kandi akumvira Se (Yohana 5:19).

4. GUKOMEZA KUGIRA ISHYIRAHAMWE RIFITE “UBUZIMA”

a. Gushishikariza abantu kwiha no gutera imbere

Kimwe mu bintu by’ingenzi wowe nk’umuyobozi ushobora gukora ni ugushishikariza ni uguteza imbere no kuzamura urwego rw’abagize ikipe yawe. Kubafasha kumenya umuhamagara w’Imana ku buzima bwabo bizatuma ubasangiza ibyerekeye ubuzima bwawe, maze ku bw’ibyo werekanye intege nke zawe, ubunyangamugayo, no guca bugufi ku ruhanda rwawe. Ukwiriye kubasengera udacogora. Gutega amatwi

witonze ibyiringiro n’inzosi, kandi ukore buri kimwe cyose mu bushobozi bwawe kugira ngo ubafashe

ISOMO 10: GUKORERA MU IKIPE - URUFUNGUZO

kuba abo Imana yahamagariye kuba bo.

Niba ari abizerwa kandi bubahiriza inshingano zabo, ushobora kubizera ukabashinga imirimo ituma bagura ubushobozi bwabo. Yesu yohereje abigishwa mirongo irindwi na babiri mu mijyi yagendagamo, abaha amabwiriza yihariye bagomba gukurikiza, ibyo bagomba kuvuga n’ibyo bagomba gukora. Mbese bari bujuje ibyangombwa bituma bijyana hanze bonyine, bakiza abarwayi kandi bakabwiriza ubutumwa? Nk’uko ibyakurikiyeho bibigaragaza, ntabwo bari ibihanda mu buryo bw’umwuka, ariko hamwe n’imbaraga z’Imana, basohoje ibyo Imana yabatumye gukora andi batungurwa n’umusaruro babonye (Luka 10:1 – 20)!

Hakunda kubaha kwishuka, ukifuzza kubarindira “muni y’amababa yawe” igihe urangije kubahugura kandi bamaze guhinduka igice cy’ingenzi cy’ikipe yawe. Ujye urwanya icyo gishuko! Babohore kugira ngo bakore umurimo Imana yabahamagariye kandi ubahe ibyangombwa bikenewe kugira ngo bakore ibisabwa, kandi wizere Imana ko yabazamura bakaziba icyuho. Hatari uwo “muvumba” ikipe yawe ishobora kumera nk’abana bato bakibwiruka, bafite buri kimwe ariko badafite aho kujya.

b. Umvikanisha agaciro k’inama z’ikipe.

Inama z’ikipe zigomba kugira intego, zitunganiywe neza, aho bose bunguka ayandi mahirwe. Mbere y’inama, tegura gahunda y’ingingo zo kuganiraho. Tangira kandi usoze buri nama n’isengesho. Kora gahunda y’amakuru y’ingenzi, uyategure ku ntangiriro y’inama kugira ngo habeho igihe gikwiriye cyo kuganira no gusubiza ibibazo. Gerageza kugereranya igihe buri ngingo iza gukenera kugira ngo ubashe kugena igihe inama ishobora kumara, ibi bishobora kuba ngombwa ku bitabira inama. Niba raporo z’abagize ikipe ziri ku murongo w’ibygwa, bagishe inama kugira ngo umenye igihe buri raporo ishobora kumara, kandi ushyireho umuyoboro ku byitezwe mu nama. Niba bishoboka wagavuga iby’ingenzi gusa mu nama maze ukavuga birambuye ibiri muri za raporo zanditse wahawe.

Umwanya w’inama y’ikipe ni uw’agaciro cyane. Wukoreshe neza ugaije kubaka, guhindura, utanga icyerekezo cyangwa ushimangira, kandi utangaze amakuru y’ingenzi kuri bese. Amagambo yerekeranye no gukosora abantu agomba kuvugwa mu ibanga.

Inama z'ikipe kandi zigomba kuba iz'agaciro kuri wowe nk'umuyobozi kugira ngo umenye ibibazo biri hagati y'abagize ikipe mu gihe bariho baganira.

Kurikirana cyane udutsiko twigiza hirya bamwe mu bagize ikipe kandi mukore ibikorwa bizamura ubusabane

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

na babandi bafite inshingano zitandukanye kurenza izabo bwite.

c. Mumarane igihe.

Mwishimire kuba hamwe – muganira iby'ubuzima uko igihe kibakundiye.

Usabe Imana kuguha umucyo w'uko wabikora – mufatanye imirimo yo murugo, mujyane gusangira ifunguro rya nimugoroba cyangwa ikawa. Ibi bihe ni byo byubaka ubushuti. Gusangira ni ikintu cy'ingenzi cyane mu kubaka ikipe, ntabwo ari uguta igihe ngo nuko nta murimo uhari wo ukora. Mwige guseka no kuririra hawe mu gihe muri kubwirana amakuru runaka.

d. Uhore uri maso.

Ucungire hafi “ingunzu zangiza uruzabibu,” bwa burakari bushobora kuba hagati y'abantu bikaba bibi kandi bikarushaho gukura bitewe n'igihe (Indirimbo ya Salomo 2:15). Kemura ikibazo mbere ya byose wifashishije isengesho kandi ugire ubwenge. Igihe cyo kuvugana nabo ni ingenzi cyane, kuko ari “nk'impeta y'izahabu cyangwa imitamirizo y'izahabu nziza.” (Imigani 25:12). Amagambo yawe ashobora gukomeretsa cyangwa akaba imitamirizo y'izahabu bitewe n'igihe uyavugiyemo. Imigani yuzuyemo amagambo meza arimo ubwenge. Fata igihe cyo gutekereza kuri umwe cyangwa ibiri buri muni uzaba wubatse ikigega kinini uzashobora kuvomamo.

5. IRINDE UMUNANIRO UKABIJE

Umwe mu mitego ikomeye y'umurimo ni ukunanirwa mu mubiri no mu mwuka. Ibyifuzo bishobora kukurenga kandi ibyo abantu bagusaba bikaba byinshi. Iyo utitonze ushobora gutekereza ko isi yose yaguye ku itugu byawe kandi ushoboye guhagarara, ugafata akaruhuko, byose birasa bikikubita hasi imbere yawe. Icyo kiba ari ikinyoma cy'umwanzi uba ushaka kukwishima hejuru. Umurimo ni uw'Imana kandi n'abantu ni abe, ntabwo ari abawe. Suzuma ubuzima bwa Yesu. Hari ibihe yitandukanyaga ubwe, ibihe yitandukanyaga n'abigishwa be, n'ibihe yitandukanyaga n'abantu bamusabaga akeneye kwiherera kandi akajya hirya yabo. Niba hari umuntu wahoraga mu bihe bikomeye, ni Yesu, wari ufite imyaka itatu yo gutoza no guha ibyangombwa byose abagabo cumi na babiri bahinduye isi. Nyamara yafasha igihe cyo gutegura, kuruhuka, gusenga, gutekereza no kuzamura ubusabane hagati ya buri wese. Imana ntiyari ifite undi mugambi wihishe inyuma y'uwo yari yarateguye.

ISOMO 10: GUKORERA MU IKIPE - URUFUNGUZO

KUZIRIKANA:



Yohana 13:35 - Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana



Abafilipi 2:2–4 – 2 musohoreshe umunezero wanjye guhuriza imitima mu rukundo, mwibwira kumwe muhuje imitima. 3 Ntimukagire icyo mukorera kwirema ibice cyangwa kwifata uko mutari, ahubwo mwicishe bugufi mu mitima, umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta. 4 Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi.

UKURI KW'INGENZI:

Kubaka ikipe, “umubiri” w’abantu batandukanye bahurijwe hamwe n’itege kandi bakundana ni ryo pfundo ry’ubuyobozi nyabwo.

IGISUBIZO CYAWE:

1. Uramutse uhisemo “ikipe y’inzozi zawe” kugira ngo igufashe gusohoza icyerekezo cyawe, ni bande watoranya kandi kubera iki?

2. Ni izihe bogambizi nyamukuru ubona mu ikipe urimo uyu muni? Ni izihe mbaraga n’itege nke z’ikipe yawe?

Ushobora gutekereza ko ibi ari ibibazo bikomeye, ariko ni ibibazo by’ingenzi abayobozi bakwiriye gusubiza.

KU BUNDI BUSHAKASHATSI:

Good to Great by Jim Collins (Collins, 2001)

The Five Dysfunctions of a Team by Patrick Lencioni (Lencioni, 2002)

The Fifth Discipline by Peter Senge (Senge, 2006)



ISOMO 11: WAHAMAGARIWE GUKURIKIRA

“Nkurikira.” Ku nkombe z’inyanja ya Galilaya, Yesu yabanje kuvuga aya magambo ayabwira abarobyi babiri bariho baboha inshundura zabo; igisubizo cyabo cyihuse cyabaye kujugunya inshundura zabo hasi maze baramukurikira. Aracyavuga aya magambo ayabwira abigishwa be uyu muni. “Witinya kuko nagucunguye, naguhamagaye mu izina ryawe uri uwanjye.” (Yesaya 43:1). Uyu ni wo muhamagaro wawe wa mbere mu buzima bwawe, uhamagarirwa kugenda n’Umuremyi w’Isi ugukunda ukwitaho kandi akita ku byo unyuramo muri ubu buzima, azi neza ibiri mu mutima wawe, azi umubare w’umusatsi wawe, kandi atanga ihmure buri muni, ubwenge ndetse ashobora kugutera integer (Luka 12:7).

Ariko kandi buri wese muri twe yamuhaye umuhamagaro wa kabiri, wihariye ku bw'intego y'ubwami bwe, umuhamagaro ugendana n'impano zacu, imiterere yacu, n'ibihe tubayemo. Kuri bamwe umuhamagaro urakomeye kandi umurimo ni mugari, bisaba igihe kirekire kugira ngo bawusohoze. William Wilberforce wiyemeje kurwanya ikibazo cy'uburetwa mu buryo bw'amategako mu Bwongereza yari afite umuhamagaro w'ubuzima bwe bwose, nk'uko byagenze no kuri Pawulo.

Nshingiye ku bunararibonye bwanjye nasanze abagore benshi uyu muhamagaro wa kabiri

ISOMO 11: WAHAMAGARIWE GUKURIKIRA

uhinduka mu bihe bitandukanye by'ubuzima bwacu. Kuri jye ibihe by'ubuzima byagiye bitandukana: nabaye umunyeshuri, umugore ukiri muto, umubyeyi, umucuruzi, umukozi w'Imana, maze mfata izabukuru. Muri buri gihe nahamagarirwaga gukurikira Yesu, ariko ahantu yanyoboraga, n'imirimu yanshingaga gukora byari bitandukanye. icyo nagombaga kwiga ni ko buri muni, no mu gihe cyose, intego yanjye ya mbere nagombaga "kwikorera umusaraba wanjye nkamukurikira" (Mariko 8:34).

Ntabwo nabeshya mvuga ko nabayeho ubuzima bwose numvira umuhamagaro w'Imana kandi nshinga ikirenge mu cye. Kera nari umuntu ushimisha abandi, natekerezaga ko gushimisha abantu, uba ushimisha n'Imana. Nyamara ibyo bizakuba bibi igihe nashoboraga gushimisha umuntu nkasanga nababaje uwundi! Igihe namenyaga ibyo nashatse kubaho ubuzima bwanjye nshimisha Umwe rukumbi uhora undebe, maze ubuzima bugoye bwo kwiboha nigeze kubamo buroroha mbaho buri muni numvira Umwe rukumbi wampamagariye kumukurikira.

1. UMUHAMAGARO NI IKI?

Benshi bakunda kuvuga abantu bafite umuhamagaro runaka cyangwa "biyeguriye" (iryo jambo kwiyegurira riva mu Kilatini ari ryo risobanura "umuhamagaro"), ariko ntibemera ko niba hari umuhamagaro hagomba kuba ni "Uhamagara". Twebwe nk'abakristo turihariye kuri icyo myizerere. Mu gitabo yise "The Call," Os Guinness asobanura umuhamagaro "nk'ukuri Imana iduhamagarira ngo tuyiyegurire tubyiyemeje haba uko turi, ibyo dukora byose, kandi ibyo dufite byose bikegurirwa Imana mu buryo bwihariye maze imbaraga zacu tukazirundumurira mu mirimo yayo" (Guinness, 2003, p. 4). Ibyo bisobanura ko naba nkora ibijyanye na mudasobwa ku kazi, ndwaje umwana mu rugo, ngira inama umugore ufite ikibazo ku itorero, cyangwa nasohokanye n'umugabo wanjye gusangira amafunguro ya nimugoroba, mbikora ku bw'Umwe

wampamagaye. “Kandi icyo muzavuga cyose n'ibyo muzakora, mujye mubikora byose mu izina ry'Umwami Yesu, mushima Imana Data wa twese ku bw'uwo” (Abakolosayi 3:17). Niba mbagamiwe cyane no kugendana nawe. Ntaho najya. Niba mvuze ikintu ntagombaga kuvuga, ndabizi ko Imana iba yanyumvise, kandi ngomba kwihutira gusaba imbabazi. Yavuze ko itazansiga, ni cyo gituma rero nzi neza ko indeba kandi izi ibyo mvuga byose, ibyo nkora n'ibyo ntekereza.

Abantu benshi bayobywa no kwibwira ko umuhamagaro wo mu murimo w'Imana ari umuhamagaro “wisumbuyeho” kurenza umuhamagaro umuntu ashobora kugira wo gukora ubucuruzi runaka.

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

Mu buzima bwanjye nasobanukiwe iyo mihamagaro yombi. Igihe nari wa mubyeyi “wirirwa mu rugo” ndi hawe n'abahungu banjye babiri mbigisha amasomo y'ibanze, numvise umuhamagaro w'Imana imbwira gusubira mu bucuruzi bwo mu isi. Hamwe n'uruhushya rw'umugabo wanjye, nakurikiye icyo gitekerezo maze mu kwezi kumwe gusa nsubira mu kazi nari mazemo imyaka icumi, nongeye gukora ka kazi kanjye, mu kigo nari nsanzwe nkoreramo ahantu nari maze imyaka icumi. Mu mezi atatu gusa ikigo nakoreraga nticyonze gushaka abakozi, ariko Imana yavuganye nanjye mu gihe gikwiriye. Nagumye muri icyo kigo mu gihe kingana n'imyaka umunani, nuko mu buryo busobanutse kandi bukwiriye, menya ko igihe cyo kugenda kigeze. Muri Tito 2:3,4 ni ho namenyeye ko Imana yariho impamagarira gukorana n'abagore. Mu mezi atandatu ikigo cyanjye cyaragurishijwe, maze nyuma y'igihe gito dufunga ibiro byacu. Hagati aho nabaye Umuyobozi mukuru w'ivugabutumwa ry'Abagore ku itorerero ryacu. Nshingiye ku byo namenyeye nakubwiza ukuri ko umuhamagaro w'ivugabutumwa udasaba gusakuza cyane cyangwa kwerekana ko uri “umunyamwuka cyane” cyangwa kamara, kurenza umuhamagaro mu by'ubucuruzi. Ikibazo ni ukumenya niba twumva kandi twumvira umuhamagaro w'Imana.

Ni gute umenya umuhamagaro wawe? Igisubizo cyoroshye ni ukuzamura ubusabane ugirana n'Uhamagara. Nyuma y'ibyo, bisaba kwihangana no kumvira. Usaba Imana kuguhishurira uwo uri we, uko utandukanye n'igituma utandukanye n'abandi. Icyo ni ikibazo Imana ikunda gusubiza!

2. INZITIZI ZITUBUZA GUKURIKIRA YESU

Kuri benshi, ikibazo ntabwo ari *ukumenya* icyo Imana ishaka ko ukora, ahubwo ni *ukugikora*! Ni iki kikubuzza gukurikira Yesu iyo aguhamagaye?

- a. Bamwe bavuga ko icyo insaba gukora kitabaho, kidashoboka, kitumvikana. Imana ni Imana igendera ku rutonde rw'ibintu, ariko ireba kure aho amaso y'umubiri atareba kandi ibitabaho kuri twe biterwa ni uko aho tureba, indoor yacu ifite urubibe itarenga.

Imana yabwiye Aburahamu gusiga iwabo akagenda mu gihugu izamwereka (Itangiriro 12:1). Yabwiye Gidiyoni kohereza ingabo ibihumbi mu rugo maze akarwana n'ingabo nyinshi cyane afite gusa ingabo magana atatu (Abacamanza 7:1-25). Yesu yemeye ko Lazaro apfa, kugira ngo gusa azamuzure hashize iminsi itatu (Yohana 11:1 - 43). Imana yatoranyije umuntu umuntu watotezaga kandi akica abakristo kuyobora ivugabutumwa akabwiriza abanyamahanga (Ibyakozwe n'Intumwa 9:15). Itoranya aboroheje, ntitoranya abakomeye kugira ngo isohoze imigambi yayo (1 Abakorinto 1:27). Ku iherezo kandi byose bishingira ku kwizera. Mbese nemera koko ko Yesu ariho ampamagara, kandi ko "Iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose,

ISOMO 11: WAHAMAGARIWE GUKURIKIRA

kugeza ku muni wa Yesu Kristo" (Abafilipi 1:6)?

- b. Bamwe bavuga ko ibyo insaba gukora bikomeye cyane. Bari mu kuri. Kuba umwigishwa bisaba ikiguzi. Mu bihe byoroshye bizagusaba ikiguzi cyo guhitamo inzira yawe. Mu bihe bikomeye bizagusaba ikiguzi kuri byose, hari nubwo bigusaba gutanga ubuzima bwawe, ariko ku iherezo, ukazagororerwa ikamba ry'ubungiro (Abaheburayo 11:6).
- c. Ni gute menya ko ibyo ntekereza ari ubutumwa buturutse ku Mana cyangwa ari ibitekere byanjye bwite? Isuzuma rimwe gusa ni uko iyerekwa rivuye ku Mana riba rigamije kuyihesha icyubahiro no gukomeza ubwami bwayo; ibitekerezo byawe bwite bizahimbaza wowe ubwawe (Abaheburayo 11).
- d. Ntabwo nzi uko nakumva kandi nkamenya ijwi ry'Imana. Ese ntibyoroshye kureka ibihe bigasobanura icyo nkwiye gukora? Muri Yohana 10:27 Yesu yaravuze ngo, "intama zanjye zumva ijwi ryanjye." Niba uri intama ye, uzumva ijwi rye.

NOTES

UBUSOBANURO

Ikibazo ni ukumenya niba uzashobora gutandukanya ijwi rye mu majwi menshi ahanganira muri wowe. Nk'uko umwana muto amenya ijwi rya nyina kuko amenyereye kuryumva, ni ko dukwiriye kumenya ijwi rya Data tumarana na we igihe gihagije, twiga Ijambo rye kugira ngo tumumenye, kandi twagure ubushuti dufitanye. Igihe twumvise ijwi ritandukanye n'Ijambo ry'Imana, duhita tumenya ko atari Imana iri kuvugana natwe.

¹¹Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si bibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma. Ni ko Uwiteka avuga.

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

¹² Kandi muzanyambaza, muzagenda munsenga nanjye nzabumvira.

¹³ Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose. ¹⁴ Nzabonwa namwe, ni ko Uwiteka avuga, kandi nzagarura abanyu bajyanywe ari imbohe, nzabakoranya mbakuye mu mahanga yose n'ahantu hose, aho nari narabatanyirije, ni ko Uwiteka avuga, (Yeremiya 29:11-14).

Nizera ko ijwi ry'Imana ritibeshya kandi bigoye kuriyoberwa. Wemere amasezerano yayo ko uri intama ye ni bwo uzumva ijwi ryayo.

3. KWITABA UMUHAMAGARO

a. Gukurikira Yesu ni byombi, ni amahitamo y'ubuzima bwawe bwose hamwe n'icyemezo ufata buri muni. Buri gitondo ngomba guhitamo kumukurikira kuri uwo muni. Nkunda kumushimira kuko ntagira ikibazo kuri uwo muni atarampa ibyangombwa bimfasha kugikemura, kandi musaba kumfasha gukomeza kuba maso ndi mu bwiza bwe umuni wose. Maze nkizera ko

abasha kumpishurira ubushake bwe uko umunsi urangira.

- b. Gukurikira umuhamagaro wa Yesu no gukoresha impano yampaye ku bw'intego y'ubwami bwe ntabwo birambirana. Umurimo ubwawo ushobora kugaragara ko uciriritse kandi udasobanutse ariko agaciro kawo gashingira kuba nkora uwo murimo ku bwe. ²³ Ibyo mukora byose mubikore mubikuye ku mutima, nk'abakorera Shobuja mukuru badakorera abantu, ²⁴ muzi yuko muzagororerwa na we muhawe wa murage, kuko mukorerera Shobuja mukuru Kristo. (Abakolosayi 3:23–24). Nibuka mwene Data Lawrence

ISOMO 11: WAHAMAGARIWE GUKURIKIRA

yize “kuba mu bwiza bw’Imana” ariho yoza amasahani. Umurimo dukora nubwo waba ari uwo kuyobora uwundi kuri Kristo cyangwa guhindura impapuro z’agatabo ka sheke, niba tubikora twumvira Imana, twembi duhabwa ingororano ze. Umurimo ntushingira ku bintu.

- c. Igihe ni ingenzi cyane mu gukurikira Yesu. Iyo Yesu aduhamagariye kumukurikira, Ashobora kuduha amabwiriza yifuzaga duhita twumvira cyangwa akaba ategura imitima yacu ku byo ateganyaga kudusaba gukora mu gihe kiri imbere. Witonde cyane utagira ngo ni ikintu agusaba gukora muri ako kanya, ahubwo tegereza igihe cye maze ubone gukora (Yohana 7 :3-10). Ishuro nyinshi nifuzaga kuba nk’abisiraheli mu butayu bakurikiraga inkingi y’igicu ku manywa n’inkingi y’umuriro nijoro. Ushobora kumva ari ibintu bisobanutse kandi byoroshye, ariko kandi nibuka ko mfite Umwuka Wera unyobora kandi unyerekeraga.
- d. Gukurikira Yesu ntabwo bisobanura gusa gusubiza ibyifuzo n’ubusabe bw’abagukikuje. Niba twibwira ko dushobora gusubiza buri cyifuzo na buri busabe tuzisanga twamanjariwe, duhugiye mu gusubiza ibyifuzo bikomeza kwiyongera ubutitsa. Ariko nitwitaba umuhamagaro wacu, tuzereka Imana ibibazo bijyanye n’ibyo yaduhamagariye, maze twizere ko izahamagara abandi kugira ngo badufashe kugera kuri bya bindi byatunaniye. Nitwitaba gusa ibyifuzo by’abantu tuzisanga twananiwe kandi abantu ntibazashimishwa n’ibyo tubakorera cyangwa ngo bagire icyo batwitura.
- e. Igihe Yesu aduhamagariye kumukurikira, ashobora kuduha iyerekwaga risobanutse cyangwa ridasobanutse rigomba kutugeza mu rugendo twerekezamo, ariko azatubwira icyo gukora gikurikiyeho. Aburahamu ntiyari azi aho yerekeje, ariko yari azi ibihagije kugira ngo atangire urugendo, mu gihe Nowa yahawe amabwiriza yihariye. Kuki bigenda gutyo ? Ni uko ari Imana. “Erega ibyo nibwira si ibyo mwibwira, kandi inzira zanyu si zimwe n’izanjye !” Ni ko Uwitwaga avugaga. “Nk'uko ijuru risumba isi, ni ko inzira zanjye zisumba izanyu, n'ibyo nibwira bisumba ibyo mwibwira”. (Yesaya 55:8–9).
- f. Igihe Yesu aduhamagariye tugomba guhora tubyishimira kuko tuba tugariye ubuntu bwo gusangira na We umurimo. Ashobora guhitamo gusohozaga umurimo We tutari kumwe; naho ubundi yatugize

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

Abafatanyabikorwa be.

- g. Gukurikira umuhamagaro we ni icyemezo cy'ubuzima bwose. Ibihe n'ibintu ndetse n'intumbero bishobora guhinduka mu gihe runaka, ariko mu muhamagaro ntihabaho ikiruhuko cy'izabukuru. Mutagatifu Teresa yigishaga mu ishuri ryisumbuye muri Calcutta maze igihe yafatwaga n'indwara y'igituntu ajyanwa i Darjeeling kuruhuka kugira ngo akire. Akiri mu nzira muri gari ya moshi, yakiriye umuhamagaro wo "gukorana n'abakene, akabana na bo." Uwo muhamagaro yawise "itegeko." Iryo tegeko ni ryo ryatumye yita ku bakene b'I Calcutta mu gihe yari amaze cy'ubuzima bwe bwose (www.ewtn.com - The Early Years).

4. IBISHUKO BY'UMUHAMAGARO

- a. Ubwibone: Bamwe bahawe umuhamagaro w'Imana bashaka kwerekana ko Imana yabatoranyije kuko ari abanyamwuka cyane kurusha abandi, kuko ari abera cyane, cyangwa bakiranuka cyane kurusha abandi, ariko Pawulo aravuga ngo, "27 Ahubwo Imana yatoranije abaswa bo mu isi ngo ikoze isoni abanyabwenge, kandi yatoranije ibinyantegere nke byo mu isi ngo ikoze isoni ibikomeye," kandi Pawulo ubwe yahisemo kwishimira kuba uworoheje, "ngo imbaraga za Kristo zinzeho" (1 Abakorinto 1:27; 2 Abakorinto 12:9). Ubwibone ni icyaha kibi cyane, buhamagarira kurimbuka no kwanga Imana (Imigani 16:18; 1 Petero 5:5).
- b. Ishyari: Igihe tubonye umuntu yishimye cyangwa akora neza kuturusha, by'umwihariko abo dufite impano zimwe n'umuhamagaro umwe, ese ntibitubabaza? Niba ari uko, tuba dufite ishyari. Imigani 14:30 hatuburira ko "ishyari ari nk'ikimungu kiri mu magufwa."
- c. Umururumba: Ese ukora ibyo ukora kuko wahamagariwe kubikora cyangwa ugamije kubitngiramo? "Ntimubasha gukorera Imana n'ubutunzi" (Matayo 6:24).

KUZIRIKANA:



Imigani 3:5–6 - 5 Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, We kwishingikiriza ku buhanga bwawe. 6 Uhore umwemera mu migendere yawe yose, Na we azajya akuyobora inzira unyuramo.



Zaburi 32:8 - Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, Nzakugira inama, Ijisho ryanjye rizakugumaho.

ISOMO 11: WAHAMAGARIWE GUKURIKIRA

UKURI KW'INGENZI:

Iyo Yesu aduhamagariye kumukurikira, ntabwo tubasha kumenya intambwe zose z'urugendo ruturi imbere, ariko atwereka intambwe ikurikiyeho dushobora gufata ikatugeza aho tugana, kandi ibyo birahagije.

IGISUBIZO CYAWE:

1. Ni uwuhe muhamagaro ufite muri iki gihe cy'ubuzima?
2. Ni iki Imana iri kuguhamagarira gukora uyu munsi ?

KU BUNDI BUSHAKASHATSI:

The Call by Os Guinness (Guinness, 2003)

Sermon Series "Why Am I Here?" by Robert Morris

www.gatewaypeople.com



ISOMO 11: WAHAMAGARIWE GUKURIKIRA

“Nkurikira.” Ku nkombe z’inyanja ya Galilaya, Yesu yabanje kuvuga aya magambo ayabwira abarobyi babiri bariho baboha inshundura zabo; igisubizo cyabo cyihuse cyabaye kujugunya inshundura zabo hasi maze baramukurikira. Aracyavuga aya magambo ayabwira abigishwa be uyu muni. “Witinya kuko nagucunguye, naguhamagaye mu izina ryawe uri uwanjye.” (Yesaya 43:1). Uyu ni wo muhamagaro wawe wa mbere mu buzima bwawe,

uhamagarirwa kugenda n’Umuremyi w’Isi ugukunda ukwitaho kandi akita ku byo unyuramo muri ubu buzima, azi neza ibiri mu mutima wawe, azi umubare w’umusatsi wawe, kandi atanga ihmure buri munsu, ubwenge ndetse ashobora kugutera integer (Luka 12:7).

Ariko kandi buri wese muri twe yamuhaye umuhamagaro wa kabiri, wihariye ku bw’itego y’ubwami bwe, umuhamagaro ugendana n’impano zacu, imiterere yacu, n’ibihe tubayemo. Kuri bamwe umuhamagaro urakomeye kandi umurimo ni mugari, bisaba igihe kirekire kugira ngo bawusohoze. William Wilberforce wiyemeje kurwanya ikibazo cy’uburetwa mu buryo bw’amategeko mu Bwongereza yari afite umuhamagaro w’ubuzima bwe bwose, nk’uko byagenze no kuri Pawulo.

Nshingye ku bunararibonye bwanjye nasanze abagore benshi uyu muhamagaro wa kabiri

ISOMO 11: WAHAMAGARIWE GUKURIKIRA

uhinduka mu bihe bitandukanye by’ubuzima bwacu. Kuri jye ibihe by’ubuzima byagiye bitandukana: nabaye umunyeshuri, umugore ukiri muto, umubyeyi, umucuruzi, umukozi w’Imana, maze mfata izabukuru. Muri buri gihe nahamagarirwaga gukurikira Yesu, ariko ahantu yanyoboraga, n’imirimo yanshingaga gukora byari bitandukanye. icyo nagombaga kwiga ni ko buri munsu, no mu gihe cyose, itego yanjye ya mbere nagombaga “kwikorera umusaraba wanjye nkamukurikira” (Mariko 8:34).

Ntabwo nabeshya mvuga ko nabayeho ubuzima bwose numvira umuhamagaro w’Imana kandi nshinga ikirenga mu cye. Kera nari umuntu ushimisha abandi, natekerezaga ko gushimisha abantu, uba ushimisha n’Imana. Nyamara ibyo bizakuba bibi igihe nashoboraga gushimisha umuntu nkasanga nababaje uwundi! Igihe namenyaga ibyo nashatse kubaho ubuzima bwanjye nshimisha Umwe rukumbi uhora undebe, maze ubuzima bugoye bwo kwiboha nigeze kubamo buroroha mbaho buri munsu numvira Umwe rukumbi wampamagariye kumukurikira.

1. UMUHAMAGARO NI IKI?

Benshi bakunda kuvuga abantu bafite umuhamagaro runaka cyangwa “biyegurirye” (iryo jambo kwiyegurira riva mu Kilatini ari ryo risobanura “umuhamagaro”), ariko ntibemera ko niba hari umuhamagaro hagomba kuba ni “Uhamagara”. Twebwe nk’abakristo turihariye kuri icyo myizerere. Mu gitabo yise “The Call,” Os Guinness asobanura umuhamagaro “nk’ukuri Imana iduhamagarira ngo tuyiyegurire tubyiyemeje haba uko turi, ibyo dukora byose, kandi ibyo dufite

byose bikegurirwa Imana mu buryo bwihariye maze imbaraga zacu tukazirundumurira mu mirimo yayo” (Guinness, 2003, p. 4). Ibyo bisobanura ko naba nkora ibijyanye na mudasobwa ku kazi, ndwaje umwana mu rugo, ngira inama umugore ufite ikibazo ku itorero, cyangwa nasohokanye n’umugabo wanjye gusangira amafunguro ya nimugoroba, mbikora ku bw’Umwe wampamagaye. “Kandi icyo muzavuga cyose n’ibyo muzakora, mujye mubikora byose mu izina ry’Umwami Yesu, mushima Imana Data wa twese ku bw’uwo” (Abakolosayi 3:17). Niba mbagamiwe cyane no kugendana nawe. Ntaho najya. Niba mvuze ikintu ntagombaga kuvuga, ndabizi ko Imana iba yanyumvise, kandi ngomba kwihutira gusaba imbabazi. Yavuze ko itazansiga, ni cyo gituma rero nzi neza ko indeba kandi izi ibyo mvuga byose, ibyo nkora n’ibyo ntekereza.

Abantu benshi bayobya no kwibwira ko umuhamagaro wo mu murimo w’Imana ari umuhamagaro “wisumbuyeho” kurenza umuhamagaro umuntu ashobora kugira wo gukora ubucuruzi runaka.

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

Mu buzima bwanjye nasobanukiwe iyo mihamagaro yombi. Igihe nari wa mubyeyi “wirirwa mu rugo” ndi hawe n’abahungu banjye babiri mbigisha amasomo y’ibanze, numvise umuhamagaro w’Imana imbwira gusubira mu bucuruzi bwo mu isi. Hamwe n’uruhushya rw’umugabo wanjye, nakurikiye icyo gitekerezo maze mu kwezi kumwe gusa nsubira mu kazi nari mazemo imyaka icumi, nongeye gukora ka kazi kanjye, mu kigo nari nsanzwe nkoreramo ahantu nari maze imyaka icumi. Mu mezi atatu gusa ikigo nakoreraga nticyongeye gushaka abakozi, ariko Imana yavuganye nanjye mu gihe gikwiriye. Nagumye muri icyo kigo mu gihe kingana n’imyaa umunani, nuko mu buryo busobanutse kandi bukwiriye, menya ko igihe cyo kugenda kigeze. Muri Tito 2:3,4 ni ho nameneyeye ko Imana yariho impamagarira gukorana n’abagore. Mu mezi atandatu ikigo cyanjye cyaragurishijwe, maze nyuma y’igihe gito dufunga ibiro byacu. Hagati aho nabaye Umuyobozi mukuru w’Ivugabutumwa ry’Abagore ku itorero ryacu. Nshingiye ku byo namenye nakubwiza ukuri ko umuhamagaro w’ivugabutumwa udasaba gusakuza cyane cyangwa kwerekana ko uri “umunyamwuka cyane” cyangwa kamara, kurenza umuhamagaro mu by’ubucuruzi. Ikibazo ni ukumenya niba twumva kandi twumvira umuhamagaro w’Imana.

Ni gute umenya umuhamagaro wawe? Igisubizo cyoroshye ni ukuzamura ubusabane ugirana n’Uhamagara. Nyuma y’ibyo, bisaba kwihangana no kumvira. Usaba Imana kuguhishurira uwo uri we, uko utandukanye n’igituma utandukanye n’abandi. Icyo ni ikibazo Imana ikunda gusubiza!

2. INZITIZI ZITUBUZA GUKURIKIRA YESU

Kuri benshi, ikibazo ntabwo ari *ukumenya* icyo Imana ishaka ko ukora, ahubwo ni *ukugikora*! Ni iki kikubuzza gukurikira Yesu iyo aguhamagaye?

- e. Bamwe bavuga ko icyo insaba gukora kitabaho, kidashoboka, kitumvikana. Imana ni Imana igendera ku rutonde rw'ibintu, ariko ireba kure aho amaso y'umubiri atareba kandi ibitabaho kuri twe biterwa ni uko aho tureba, indoor yacu ifite urubibe itarenga. Imana yabwiye Aburahamu gusiga iwabo akagenda mu gihugu izamwereka (Itangiriro 12:1). Yabwiye Gidiyoni kohereza ingabo ibihumbi mu rugo maze akarwana n'ingabo nyinshi cyane afite gusa ingabo magana atatu (Abacamanza 7:1-25). Yesu yemeye ko Lazaro apfa, kugira ngo gusa azamuzure hashize iminsi itatu (Yohana 11:1 - 43). Imana yatoranyije umuntu umuntu watotezaga kandi akica abakristo kuyobora ivugabutumwa akabwiriza abanyamahanga (Ibyakozwe n'Intumwa 9:15). Itoranya aboroheje, ntitoranya abakomeye kugira ngo isohoze imigambi yayo (1 Abakorinto 1:27). Ku iherezo kandi byose bishingira ku kwizera. Mbese nemera koko ko Yesu ariho ampamagara, kandi ko "Iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose,

ISOMO 11: WAHAMAGARIWE GUKURIKIRA

kugeza ku munsu wa Yesu Kristo" (Abafilipi 1:6)?

- f. Bamwe bavuga ko ibyo insaba gukora bikomeye cyane. Bari mu kuri. Kuba umwigishwa bisaba ikiguzi. Mu bihe byoroshye bizagusaba ikiguzi cyo guhitamo inzira yawe. Mu bihe bikomeye bizagusaba ikiguzi kuri byose, hari nubwo bigusaba gutanga ubuzima bwawe, ariko ku iherezo, ukazagororerwa ikamba ry'ubungingo (Abaheburayo 11:6).
- g. Ni gute menya ko ibyo ntekereza ari ubutumwa buturutse ku Mana cyangwa ari ibitekere byanjye bwite? Isuzuma rimwe gusa ni uko iyerekwa rivuye ku Mana riba rigamije kuyihesha

NOTES

UBUSOBANURO

icyubahiro no gukomeza ubwami bwayo; ibitekerezo byawe bwite bizahimbaza wowe ubwawe (Abaheburayo 11).

h. Ntabwo nzi uko nakumva kandi nkamenya ijwi ry’Imana. Ese ntibyoroshye kureka ibihe bigasobanura icyo nkwiriye gukora? Muri Yohana 10:27 Yesu yaravuze ngo, “intama zanjye zumva ijwi ryanjye.” Niba uri intama ye, uzumva ijwi rye. Ikibazo ni ukumenya niba uzashobora gutandukanya ijwi rye mu majwi menshi ahanganira muri wowe. Nk’uko umwana muto amenya ijwi rya nyina kuko amenyereye kuryumva, ni ko dukwiriye kumenya ijwi rya Data tumarana na we igihe gihagije, twiga Ijambo rye kugira ngo tumumenye, kandi twagure ubushuti dufitanye. Igihe twumvise ijwi ritandukanye n’Ijambo ry’Imana, duhita tumenya ko atari Imana iri kuvugana natwe.

¹¹Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si bibi, kugira ngo mbareme umutima w’ibyo muzabona hanyuma. Ni ko Uwiteka avuga.

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

¹² Kandi muzanyambaza, muzagenda munsenga nanjye nzabumvira.

¹³Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose. ¹⁴ Nzabonwa namwe, ni ko Uwiteka avuga, kandi nzagarura abanyu bajyanywe ari imbohe, nzabakoranya mbakuye mu mahanga yose n’ahantu hose, aho nari narabatanyirije, ni ko Uwiteka avuga, (Yeremiya 29:11-14).

Nizera ko ijwi ry’Imana ritibeshya kandi bigoye kuriyoberwa. Wemere amasezerano yayo ko uri intama ye ni bwo uzumva ijwi ryayo.

3. KWITABA UMUHAMAGARO

h. Gukurikira Yesu ni byombi, ni amahitamo y’ubuzima bwawe bwose hamwe n’icyemezo

NOTES

ufata buri muni. Buri gitondo ngomba guhitamo kumukurikira kuri uwo muni. Nkunda kumushimira kuko ntagira ikibazo kuri uwo muni atarampa ibyangombwa bimfasha kugikemura, kandi musaba kumfasha gukomeza kuba maso ndi mu bwiza bwe umuni wose. Maze nkizera ko abasha kumpishurira ubushake bwe uko umuni urangira.

- i. Gukurikira umuhamagaro wa Yesu no gukoresha impano yampaye ku bw'intego y'ubwami bwe ntabwo birambirana. Umurimo ubwawo ushobora kugaragara ko uciriritse kandi udasobanutse ariko agaciro kawo gashingira kuba nkora uwo murimo ku bwe. ²³ Ibyo mukora byose mubikore mubikuye ku mutima, nk'abakorera Shobuja mukuru badakorera abantu, ²⁴ muzi yuko muzagororerwa na we muhawe wa murage, kuko mukorerwa Shobuja mukuru Kristo. (Abakolosayi 3:23–24). Nibuka mwene Data Lawrence

ISOMO 11: WAHAMAGARIWE GUKURIKIRA

yize “kuba mu bwiza bw’Imana” ariho yoza amasahani. Umurimo dukora nubwo waba ari uwo kuyobora uwundi kuri Kristo cyangwa guhindura impapuro z’agatabo ka sheke, niba tubikora twumvira Imana, twembi duhabwa ingororano ze. Umurimo ntushingira ku bintu.

- j. Igihe ni ingenzi cyane mu gukurikira Yesu. Iyo Yesu aduhamagariye kumukurikira, Ashobora kuduha amabwiriza yifuzwa duhita twumvira cyangwa akaba ategura imitima yacu ku byo ateganya kudasaba gukora mu gihe kiri imbere. Witonde cyane utagira ngo ni ikintu agusaba gukora muri ako kanya, ahubwo tegereza igihe cye maze ubone gukora (Yohana 7 :3-10). Ishuro nyinshi nifuje kuba nk’abisiraheli mu butayu bakurikiraga inkingi y’igicu ku manywa n’inkingi y’umuriro nijoro. Ushobora kumva ari ibintu bisobanutse kandi byoroshye, ariko kandi nibuka ko mfite Umwuka Wera unyobora kandi unyerekerwa.
- k. Gukurikira Yesu ntabwo bisobanura gusa gusubiza ibyifuzo n’ubusabe bw’abagukikuje. Niba twibwira ko dushobora gusubiza buri cyifuzo na buri busabe tuzisanga twamanjariwe, duhugiye mu gusubiza ibyifuzo bikomeza kwiyongera ubutitsa. Ariko nitwitaba umuhamagaro wacu, tuzereka Imana ibibazo bijyanye n’ibyo yaduhamagariye, maze twizere ko izahamagara abandi kugira ngo badufashe kugera kuri bya bindi byatunaniye. Nitwitaba gusa ibyifuzo by’abantu tuzisanga twananiwe kandi abantu ntibazashimishwa n’ibyo tubakorera cyangwa ngo bagire icyo batwitura.
- l. Igihe Yesu aduhamagariye kumukurikira, ashobora kuduha iyerekwa risobanutse cyangwa ridasobanutse rigomba kutugeza mu rugendo twerekezamo, ariko azatubwira icyo gukora gikurikiyeho. Aburahamu ntiyari azi aho yerekeje, ariko yari azi ibihagije kugira ngo atangire urugendo, mu gihe Nowa yahawe amabwiriza yihariye. Kuki bigenda gutyo ? Ni uko ari Imana. “Erega ibyo nibwira si ibyo mwibwira, kandi inzira zanyu si zimwe n’izanjye !” Ni ko Uwitwaga avugaga. “Nk'uko ijuru risumba isi, ni ko inzira zanjye zisumba izanyu, n'ibyo nibwira bisumba ibyo mwibwira”. (Yesaya 55:8–9).

- m. Igihe Yesu aduhamagaye tugomba guhora tubyishimira kuko tuba tugiriwe ubuntu bwo gusangira na We umurimo. Ashobora guhitamo gusohoza umurimo We tutari kumwe; naho ubundi yatugize

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

Abafatanyabikorwa be.

- n. Gukurikira umuhamagaro we ni icyemezo cy'ubuzima bwo. Ibihe n'ibintu ndetse n'intumbero bishobora guhinduka mu gihe runaka, ariko mu muhamagaro ntihabaho ikiruhuko cy'izabukuru. Mutagatifu Teresa yigishaga mu ishuri ryisumbuye muri Calcutta maze igihe yafatwaga n'indwara y'igituntu ayanwa i Darjeeling kuruhuka kugira ngo akire. Akiri mu nzira muri gari ya moshi, yakiriye umuhamagaro wo "gukorana n'abakene, akabana na bo." Uwo muhamagaro yawise "itegeko." Iryo tegeko ni ryo ryatumye yita ku bakene b'I Calcutta mu gihe yari amaze cy'ubuzima bwe bwose (www.ewtn.com - The Early Years).

4. IBISHUKO BY'UMUHAMAGARO

- d. Ubwibone: Bamwe bahawe umuhamagaro w'Imana bashaka kwerekana ko Imana yabatoranyije kuko ari abanyamwuka cyane kurusha abandi, kuko ari abera cyane, cyangwa bakiranuka cyane kurusha abandi, ariko Pawulo aravugaga ngo, "27 Ahubwo Imana yatoranije abaswa bo mu isi ngo ikoze isoni abanyabwenge, kandi yatoranije ibinyanteye nke byo mu isi ngo ikoze isoni ibikomeme," kandi Pawulo ubwe yahisemo kwishimira kuba uworoheje, "ngo imbaraga za Kristo zinzeho" (1 Abakorinto 1:27; 2 Abakorinto 12:9). Ubwibone ni icyaha kibi cyane, buhamagarira kurimbuka no kwanga Imana (Imigani 16:18; 1 Petero 5:5).
- e. Ishyari: Igihe tubonye umuntu yishimye cyangwa akora neza kuturusha, by'umwihariko abo dufite impano zimwe n'umuhamagaro umwe, ese ntibitubabaza? Niba ari uko, tuba dufite ishyari. Imigani 14:30 hatuburira ko "ishyari ari nk'ikimungu kiri mu magufwa."
- f. Umururumba: Ese ukora ibyo ukora kuko wahamagariwe kubikora cyangwa ugamiye kubitngiramo? "Ntimubasha gukorera Imana n'ubutunzi" (Matayo 6:24).

KUZIRIKANA:



Imigani 3:5–6 - 5 Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, We kwishingikiriza ku buhanga bwawe. 6 Uhore umwemera mu migendere yawe yose, Na we azajya akuyobora inzira unyuramo.



Zaburi 32:8 - Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, Nzakugira inama, Ijisho ryanjye rizakugumaho.

ISOMO 11: WAHAMAGARIWE GUKURIKIRA

UKURI KW'INGENZI:

Iyo Yesu aduhamagariye kumukurikira, ntabwo tubasha kumenya intambwe zose z'urugendo ruturi imbere, ariko atwereka intambwe ikurikiyeho dushobora gufata ikatugeza aho tugana, kandi ibyo birahagije.

IGISUBIZO CYAWE:

1. Ni uwuhe muhamagaro ufite muri iki gihe cy'ubuzima?
2. Ni iki Imana iri kuguhamagarira gukora uyu munsi ?

KU BUNDI BUSHAKASHATSI:

The Call by Os Guinness (Guinness, 2003)

Sermon Series "Why Am I Here?" by Robert Morris

www.gatewaypeople.com



ISOMO 12: GUTEKEREZA, KWIZIHIZA, KWIYEMEZA

I. GUTEKEREZA

Mu gihe utekereza ku masomo twize muri iki gitabo gito, ni ibihe bintu bitatu wiringira ko utazibagirwa na rimwe?

a. _____

b. _____

c. _____

ISOMO 12: GUTEKEREZA, KWIZIHIZA, KUGIRA INSHINGANO

II. KWIZIHIZA

Tekereza ku nkunga z'abandi mu itsinda binyuze muri iyi nyigisho. Tekereza ku nkunga za buri umwe muri bo binyuze muri iyi nyigisho, maze usabe Imana kuguha ijambo ritera intege buri wese muri bo.

1. _____

2. _____

3. _____

4. _____

5. _____

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

III. KWIYEMEZA

Isengesho ryacu ryo kwiyemeza:

“Data, ndagushimiye ko irembo ry’amagambo yawe ritanga umucyo. Ndagushimiye ko ijambo ryawe, ... ari rizima kandi ryuzuye ububasha. ... Data, ndagushimiye ko [wampaye umwuka] w’ububasha n’urukundo n’ihumure, n’ibitekerezo bizima n’uburerer no kwirinda. Mfite ububasha bwawe n’ubushobozi bwawe, ... kuko wanyemeye ... nk’umukozi wawe n’intuma y’isezerano rishya [ry’agakiza kabonerwa muri Kristo].

Nibagirwa ibiri inyuma yanjye kugira ngo nsingire ibiri imbere yanjye. Nabambanywe na Kristo; ariko ndiho; nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uri muri jye. Kandi ubuzima ndimo none mu mubiri mbukeshya kwizera Umwana w’Imana wankuze akanyitangira.

Uyu muni ndi mu ijambo ry’Imana. Nemeye kandi nciriye bugufi ibyo uvuga, Data. Amagambo yawe ntazigera ava imbere yanjye ; nzayabika ku ndiba y’umutima wanjye. Kuko ari ubugingo kuri jye, arakiza kandi akazana ubuzima mu mubiri wanjye wose. Ndinda umutima wanjye n’ubwitonzi bwinshi, ... kuko ari ho hatemba imigezi y’ubugingo.

Uyu muni, ntabwo nemera ko ubuntu no kugira neza n’ukuri bincika. Ndabihambira mu ijosi ryanjye : ndabyandika ku nkomanizo z’umutima wanjye. Kugira ngo ngirirwe ubuntu, no kumenya neza no kwishimirwa mu maso y’Imana n’abantu.

Uyu muni, umunezero wanjye no kwifuza kwanjye biri mu mategeko y’Uwitwaga kandi amategeko ye ni yo nibwira ku manywa na nijoro. Nuko rero, meze nk’igiti cyatwaga hafi y’amazi niteguriye kwera imbuto mu gihe cyanjye ; kandi amababi yanjye ntazuma cyangwa ngo arumbe, kandi buri kintu cyose nzakora kizatera imbere.

Ishimwe ribe iry’Imana, utuma mpora nesha muri Kristo!
Mbisenze mu izina rye, amen.” (Copeland, 2005, pp. 135, 136)

GUHAGURUTSA BA ESITERI BO MURI IKI GIHE

IRANGABITABO

- Bock, D. H., George; Hendricks, Bill. (2015). Discovering Your Giftedness. *The Table Podcast*. Retrieved from <https://youtu.be/frro6eLa-JY>
- Bower, M. (1997). *The will to lead: running a business with a network of leaders*. Boston, Mass.: Harvard Business School Press.
- Chambers, O. (1992). *My utmost for His Highest: an updated edition in today's language: the golden book of Oswald Chambers*. Grand Rapids, Mich.: Discovery House Publishers.
- Collins, J. C. (2001). *Good to great: why some companies make the leap--and others don't* (1st ed.). New York, NY: HarperBusiness.
- Copeland, G. (2005). *Prayers that avail much* (25th anniversary commemorative ed.). Tulsa, OK: Harrison House.
- Covey, S. R. (1989). *The seven habits of highly effective people: restoring the character ethic*. New York: Simon and Schuster.
- Dawson, J. (1997). *Intercession, Thrilling and Fulfilling*. Seattle, WA: YWAM Publishing.
- Fortune, D., & Fortune, K. (1987). *Discover your God-given gifts*. Old Tappan, NJ: F.H. Revell Co.
- Foster, R. J. (1988). *Celebration of discipline: the path to spiritual growth* (Rev. 1st ed.). San Francisco: Harper & Row.
- Gilbert, L. (2015). Free Spiritual Gifts Analysis. Retrieved from <https://gifts.churchgrowth.org/cgi-cg/gifts.cgi?intro=1>
- Greenleaf, R. (1977). *Servant Leadership* (25th Anniversary ed.). Mahwah: Paulist Press.
- Guinness, O. (2003). *The call: finding and fulfilling the central purpose of your life*. Nashville, Tenn.: W Pub. Group.
- Hammond, L., & Cameneti, P. (2000). *Secrets to powerful prayer : discovering the languages of the heart*. Tulsa, Okla.: Harrison House.

Hendricks, B. (2013). What is your Giftedness? *Giftedness*. Retrieved from www.youtube.com/watch?v=sXLv13LJHUw

Jacobsen, W. (2000). *He loves me*. Tulsa, OK: Insight Publishing Group.

Kahl, J., & Donelan, T. (2004). *Leading from the heart: choosing to be a servant leader* (1st ed.). Westlake, OH: Jack Kahl and Associates.

Kise, J. A. G., Stark, D., & Hirsh, S. K. (1996). *Lifekeys : discovering who you are, why you're here, what you do best*. Minneapolis, Minn.: Bethany House Publishers.

Koch, R. N., & Haugk, K. C. (1992). *Speaking the truth in love : how to be an assertive Christian*. St. Louis, Mo.: Stephen Ministries.

Lencioni, P. (2002). *The five dysfunctions of a team : a leadership fable* (1st ed.). San Francisco: Jossey-Bass.

Littauer, F. (1986). *Your personality tree : discover the real you uncovering the roots of*. Waco, Tex.: Word Books.

Maxwell, J. C. (1993). *The winning attitude*. Nashville, TN: T. Nelson Publishers.

Maxwell, J. C. (2000). *Failing forward: turning mistakes into stepping-stones for success*. Nashville, TN: Thomas Nelson Publishers.

McGinnis, A. L. (1979). *The friendship factor: how to get closer to the people you care for*. Minneapolis: Augsburg Pub. House.

McGinnis, A. L. (1997). *The balanced life: achieving success in work and love*. Minneapolis: Augsburg.

Meyer, J. (1995). *Battlefield of the mind: how to win the war in your mind*. Tulsa, Okla.: Harrison House.

Ministries, C. S. (1999). *Cleansing Seminar Workbook*. Paper presented at the Cleansing Seminar, Colorado Springs, CO. www.cleansingstream.org

Moore, B. (1999). *Breaking free: making liberty in Christ a reality in life*. Nashville, Tenn.: LifeWay Press.

Moore, B. (2004). *Believing God*. Nashville, Tenn.: Broadman & Holman.

Morgenstern, J. (2000). *Time management from the inside out: the foolproof system for taking control of your schedule--and your life* (1st ed.). New York: Henry Holt.

Morris, R. (2015). *Truly free : breaking the snares that so easily entangle*. Nashville, Tennessee: W Publishing Group, an imprint of Thomas Nelson.

Munger, R. B. (1992). *My heart--Christ's home: a story for old & young* (2nd rev. ed.). Downers Grove, Ill.: InterVarsity Press.

Noland, J. R. (2015). The Personalisis Profile. Retrieved from <http://www2.personalasis.com/assessment/>

Pegues, D. S. (1997). *Managing conflict God's way*. New Kensington, PA: Whitaker House.

Rath, T. (2014). *Strengthsfinder 2.0* (Spanish edition. ed.). New York: Gallup Press.

Sande, K. (2014). The Four G's. *Christian Conciliation, Foundational Principles*. Retrieved from www.peacemaker.net

Senge, P. M. (2006). *The fifth discipline: the art and practice of the learning organization* (Rev. and updated. ed.). New York: Doubleday/Currency.

Smalley, G., & Trent, J. (1986). *The blessing*. Nashville: T. Nelson.

Smedes, L. B. (1984). *Forgive and forget: healing the hurts we don't deserve* (1st ed.). San Francisco: Harper & Row.

Smith, E. M. (2005). *Theophostic Prayer Ministry*. Paper presented at the Theophostic Prayer Ministry, Basic Seminar, Irving, TX.

Spears, L. C. (1998). *Insights on leadership: service, stewardship, spirit, and servant-leadership*. New York: Wiley.

Swenson, R. A., & Swenson, R. A. (2002). *Margin: restoring, emotional, physical, financial, and time reserves to overloaded lives; The overload syndrome: learning to live within your limits*. Colorado Springs, Colo.: NavPress.

Voskamp, A. (2010). *One thousand gifts: a dare to live fully right where you are*. Grand Rapids, Mich.: Zondervan.

Wagner, C. P. (1994). *Your spiritual gifts can help your church grow* (15th anniversary ed.). Ventura, Calif.: Regal Books.

Weaver, J. (2000). *Having a Mary heart in a Martha world: finding intimacy with God in the busyness of life* (1st ed.). Colorado Springs, Colo.: WaterBrook Press.



ESTHER
INITIATIVE